

**IGITABO
CY'AMATSINDA
YO
KWIZIGAMIRA**

GUFASHA ABAKENE



P·E·A·C·E

Igitabo cy'itsinda ryo kwizigamira rya gahunda ya PEACE

Rev. 20201117

Copyright © 2019 Saddleback Church, The PEACE Plan, 1 Saddleback Parkway, Lake Forest, CA 92630 and The Chalmers Center
saddleback.com/peace

Uburenganzira bwose burabujijwe. Nta gice na kimwe cy'iki gitabo cyemerewe kongera kwandikwa cyangwa gusubirwamo cyangwa gukwirakwizwa mu bundi buryo cyangwa agikuye mu bubiko bw'amakuru atabihereye uruhushya rwanditswe n'umwanditsi wacyo.



P·E·A·C·E



23182 Arroyo Vista
Rancho Santa Margarita CA 92688
Pastors.com

Imirongo ya Bibiliya yakoreshejwe ni iyo mu busobanuro bwitwa NIV bwa Bibiliya Yerae, New International Version®, NIV®. Amategeko n'amabwiriza © 1973, 1978, 1984, 2011 ya Biblica, Inc.™ akoresheje uburenganzira ahabwa na Zondervan. Amategeko n'amabwiriza birakurikizwa ku isi hose. www.zondervan.com The "NIV" and "New International Version" bemewe kandi babifitiye ibyangombwa muri Leta zunze ubumwe z'America mu biro bitanga ibirango bya Biblica, Inc.™

Ibyanditswe byakuwe mu busobanuro bwa ESV byakuwe muri Bibiliya Yerae, English Standard Version.® Amategerko n'amabwiriza © 2001 by Crossway, icapiro ricapa inkuru nziza Good News Publishers. Amategeko n'amabwiriza birakurikizwa.

Ibyanditse tuvuga byakuwe mu busobanuro bwa Bibliya NASB abyavuye muri the New American Standard Bible.® amategeko n'amabwiriza © 1960, 1962, 1963, 1968, 1971, 1972, 1973, 1975, 1977, 1995 by The Lockman Foundation. Used by permission. www.Lockman.org

Amashakiro

Ikaze	5
--------------------	---

[1] Iriburiro ku Ubukene, Kuzahura mu bukene n’amatsinda yo Kwizigamira	7
--	---

Inyigisho ijyanye na Gahunda ya Peace yo kuzahura mu bukene/amatsinda yo Kwizigamira -- Kwiyibutsa	8
Isomo rya 1: Iriburiro ku Ubukene, kuzahura mu bukene/amatsinda yo Kwizigamira .	9
Igice cya 1: Ubukene ni iki?	10
Igice cya 2: Kuki dukwiriye kwita ku bakene?	15
Igice cya 3: Kuzahura mu bukene ni iki?	18
Igice cya 4: uruhare rw’itorero ni uruhe?	24
Igice cya 5: Amatsinda yo kwizigamira ni iki?	29
Igice cya 6: Igitabo cy’itsinda ryo kwizigamira: Kwiyibutsa.....	34
Igice cya 7: Umufashamyumvire w’itorero	37
Igice cya 8: uwahuguriwe gutoza	38

[2] Igitabo cya SCA, Igice A: Umurongo ngenderwaho w’itorero	39
---	----

Isomo rya 1: Umurongo ngenderwaho w’umurimo w’amatsinda yo kwizigamira	43
--	----

[3] Igitabo cya SCA, Igice B: Kurema itsinda	61
---	----

Isomo rya 1: Inzu yubakiye ku mahame	65
--	----

Isomo rya 2: gushyiraho amahame agenga amatsinda yo kwizigamira	73
---	----

[4] Igitabo cya SCA, Igice C: Gutoza abayobozi b’amatsinda	98
---	----

Isomo rya 1: imbonerahamwe zo kwandikamo ibikorwa by’itsinda	104
--	-----

Ibisubizo by’imyitozo	128
-----------------------------	-----

Imbonerahamwe zitanditsemo	135
----------------------------------	-----

Isomo rya 2: Gutegura no kuyobora inama z’itsinda	141
---	-----

Isomo rya 3: Kuyobora Kigaragu	152
Isomo rya 4: Ubuyobozi bushoboye kandi bugendera ku mahame y’Imana	156
Isomo rya 5: Kugenzura iterambere ry’itsinda	160
Isomo rya 6: Gukemura amakimbirane	164

[5] Igitabo cy’amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya,

Igice D: Amahugurwa akomeje

Isomo rya 1: Kwiyibutsa inzu yubakiye ku mahame	180
Isomo rya 2: Kwigira kw’inzu	186
Isomo rya 3: icyo gutekerezaho 1—icyo itsinda ribereyeho	191
Isomo rya 4: icyizere	195
Isomo rya 5: icyo gutekerezaho 2—Ikibuza kugirirana icyizere	198
Isomo rya 6: Gukorera mu mucyo	202
Isomo rya 7: Umuco	211
Isomo rya 8: icyo gutekerezaho 3—Yesu n’Ijambo rye	216
Isomo rya 9: Gushyigikirana mu mibanire	221
Isomo rya 10: Gusenga	225
Isomo rya 11: Imiyoborere	230
Isomo rya 12: icyo gutekerezaho 4—Izingiro ry’ubuzima bwacu	236
Isomo rya 13: icyo gutekerezaho 5— Abo turi bo	239
Isomo rya 14: Gushyigikirana mu mibanire 2—Kurema itsinda rishyigikirana	242
Isomo 15: Ubusonga/Gusigasira	245

MUHAWWE IKAZE



Muraho nshuti!

Ndashaka kubashimira ko mwitabiriye iyi nyigisho ya gahunda ya PEACE yo kuza-hura abantu mu bukene. Ntewe ubwuzu n’uko muri hano kandi mukaba mwiteguye kugerageza gushyira mu ngiro ibyo muri bwigire hano mu itorero ryanyu!

Icyo nifuza ni uko ubuzima bwawe n’ubw’itorero ryawe bwahabwa umugisha uko dufatanyaga gukora ibihambaye. Twese hamwe, mureke twite ku cyo Imana yitaho cyane, aricyo gutarura abana bayo bazimiye, twita “ku boroheje bo muri aba” no gukura kw’itorero ryayo; dususuruka mu busabane, dukura mu guhindura abantu abigishwa, twaguka mu mirimo y’Imana, kandi dukwira hirya no hino ku isi mu ivugabutumwa. Icyo ni cyo Imana ishaka.

Mu itorero rya Saddleback, imbaraga zacu tuzishora mu gukora ibintu bitanu Yesu yakoraga mu gihe yamaze akorera muri iyi Si aribyo twita PEACE. Icyo twifuza ni uko tutabikora twenyine ahubwo dufashe n’andi matorero hirya no hino ku isi kuba aribyo bakora.

Itegere ko Imana igiye gukoresha abantu basanzwe bo mu itorero ryawe mu buryo budasanzwe!

Nshimishijwe cyane n’uko uri hano ku ruhembe rw’iki gikorwa cyo guhindura isi.

Pasitori Rick Warren

Rick Warren



Iriburiro ku Ubukene, kuzahura mu bukene, n'amatsinda yo kwizigamira

muri iki gice:

- Twongere kurebera hamwe ubukene icyo ari cyo
- Kwiga ko kwita ku bakene ari kimwe mu byo dushinzwe gukora
- Reba ko ubukene mu by'ukuri ari ikibazo cy'imibanire yangiritse hanyuma usuzume kandi upime (ugere) ubukene
- Tekereza uruhare rw'itorero mu kuzahura abantu mu bukene urwo ari rwo, kandi kwifuriza abantu ibyiza bidahagije
- Ita ku matsinda yo kwizigamira no kugurizanya nk'urufatiro rwo kuzahura abantu mu bukene

Amasomo akubiye muri gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukene/ Amatsinda yo kwizigamira: Incamake

Icyiciro cya 1: iriburiro ku ubukene, kuzahura abantu mu bukene, n'amatsinda yo kwizigamira

Icyiciro cya 2: Igitabo cy'itsinda rito: Igice A- Umurongo ngenderwaho w'itorero; Igice B-Kurema amatsinda

Icyiciro cya 3: Igitabo cy'itsinda ryo Kwizigamira: Igice C- Gutoza umuyobozi w'itsinda, amaimbonerahamwe n'imyitozo; Igice D- Inama zihoraho no kwiga Bibiliya

Icyiciro cya 4: Kwigisha abakurikirana inyigisho - kureba ibigize amatsinda yo kwizigamira

Icyiciro cya 1: Iriburiro ku Ubukene, kuzahura abantu mu bukene, n'amatsinda yo kwizigamira

Igice cya 1—Ubukene ni iki?

umutwe: Guhindura icyo twita ubukene

Ubusobanura: Ubukene si icyo benshi twibwira ko ari cyo.

- Ni bangahe muri twe badusobanurira icyo ubukene ari cyo?
- Gusuzuma ikibazo neza ni ingenzi mu kugera ku muti nyawo
- Icyo abakene bavuga ko ari ubukene
- Kuzahura abantu mu bukene no kuzana impinduka binyuze mu mahuriro yo kwizigamira no kugurizanya (twita amatsinda yo kwizigamira)

Igice cya —Kuki tugomba kwita ku bakene?

Umutwe: Kwita ku bakene ni imwe mu nshingano tugomba gukora

Ubusobanuro: Icyo ibyanditswe bivuga ku gufasha abakene.

Igice cya 3—Kuzahura mu bukene ni iki?

Umutwe: Uburyo ngenderwaho bushingiye kuri Bibiliya; Gusuzuma no Gupima (kugera) ubukene

Ubusobanuro: Umuzi w'ubukene ni imibanire yangiritse; kandi gutera imbere mu kurwanya ikibazo icyo ari cyo cyose, ugomba kubanza ukagisuzuma kandi ukagipima neza.

Igice cya 4—Uruhare rw'itorero ni uruhe?

Umutwe: Leta n'amatorero; no kwifuriza abantu ibyiza ntibihagije

Ubusobanuro: Itorero rifite uruhare rwihariye mu gisubizo, kandi Imana yagennye ko ari ryo ryonyine ryabisoheza. Ariko kwifuzza ibyiza ntibihagije.

Igice cya 5—Amatsinda yo kwizigamira ni iki?

Umutwe: urufatiro rwo kuzahura abantu mu bukene

Ubusobanuro: Tubyigiye kandi tukabitira mu isi, Amatsinda yo kwizigamira afite Kristo nk'ipfundo, itorero nk'izingiro ashobora kumurikira abantu inzira iganisha ku bwiye no guhinduka rwose. Inararibonye twakuye ku mikoranire y'itorero rya Saddleback na PEACE Plan mu Rwanda.

Igice cya 1—Ubukene ni iki?

Umutwe: Guhindura icyo twita ubukene

ubusobanuro: Ubukene si icyo benshi twibwira ko ari cyo.

- Ni bangahe muri twe badusobanurira icyo ubukene ari cyo?
- Gusuzuma ikibazo neza ni ingenzi mu kugera ku muti nyawo
- Icyo abakene bavuga ko ari ubukene
- Kuzahura abantu mu bukene no kuzana impinduka binyuze mu mahuriro yo kwizigamira no kugurizanya (twita amatsinda yo kwizigamira)

ICYITONDERWA: ibivugwa mu gitabo byerekeye VIDEO (PowerPoint) bikubiye mu nyandiko ya PowerPoint yihariye. Iyo PowerPoint wayibona ku itorero rya Saddleback Church. **VIDEOS ni amahitamo y'ubishaka** ariko zifasha mu gutanga amakuru mu byiciro bitandukanye igihe birimo kwigishwa. Video zikoreshwa gusa aho abiga bose biga mu cyongereza.

(Icyitonderwa: ibyinshi mu nyigisho ikurikira twabikuye mu mahugurwa menshi yigisha ndetse n'ubushakashatsi bwateguwe n'umufatanyabikorwa wacu, The Chalmers Center for Economic Development, bakorera muri Lookout Mountain, muri Leta ya Georgia, muri Leta zunze ubumwe z'Amerika; www.chalmers.org)

Ubukene ni iki?

- Mufate umwanya muganire hagati yanyu ubwanyu — cyangwa niba urimo kubireba wenyine, andika ibikuzza mu mutwe — Ubukene ni iki? Kora urutonde rw'amagambo hagati ya 5-10 cyangwa interuro bikuzza mu mutwe.
- Niba umeze nk'abo mu burengerazuba bw'isi, wavuze ibisa n'ibi:
 - Nta kazi
 - Nta byokurya
 - Nta nzu
 - Nta buryo bwo kwivuzza
 - Nta bwizigame
- Abo mu bugerazuba bw'isi dukunda kwitiranya ubukene no 'kubura ibintu bifatika'— kuba ntacyo winjiza, kubura ibyo kurya, inzu, uburyo bwo kwivuzza, no kubura ubukungu.
- Nta cyatuma atari uko tubyumva. Uworoheje muri twe muri iki gihe abayeho neza kuruta abami bo mu binyejana bya 5 kugeza 17. Kuko twe dufite:
 - Imyenda ikozwe mu ipamba inoze (tekereza imyenda y'imbere itugwa neza idakoze mu ruhu)
 - Amazi mu nzu
 - Amashanyarazi
 - Ubuvuzi bugezweho n'uburyo bwo kwivuzza
 - Ibinyabiziga bikoresha moteri
 - Tugenda mu ndege
- Nyamara, 40% by'abatuye isi batanzwe n'ibitarenze amadorali 2 ku munsu.
- Ariko dore ikibazo nyacyo aho gihereye: icyo twita ubukene nicyo kigena umuti dushaka wo kuburwanya:
 - Nujya kureba muganga urwaye umutwe udakira no kubabara umutwe bihora bigaruka yarangiza akaguha aspirine 2 akakubwira ati itahire, ubwo yakemuye ikibazo cyawe? Oya keretse ikibazo cyawe kidaterwa n'ikibyimba ufite ku bwonko. Umuganga navura ibimenyetso aho gusuzuma neza icyihishe inyuma y'uwo mutwe icyo ari cyo, ubwo hari icyo yaba akumariye? Ese kugusuzuma nabi ntacyo bigutwaye? Ese kugusuzuma nabi kwe byaba hari icyo byangije kuri wowe, bishobora kuba byanaguhitana? Ese uko yaba agukunda kose hari icyo byaba bikumariye igihe agusuzumye nabi? Ese impuhwe yaba yakugaragarije zose hari icyo zaba zikumariye? Turebeye ku musaruro uvamo ntacyo. Kugusuzuma nabi kwe kwakugiriye nabi.

- Ni nako, kuvura ibimenyetso by'ubukene bimeze—kutagira icyo winjiza, ibyo urya, inzu, uburyo bwo kwivuzza, n'ibindi. — kwandikira abantu kubaha iby'ubuntu nk'inkunga y'ingoboka, ibyokurya by'ubuntu, amacumbi atishyurwa, n'ibindi. Ntibikemura ibibazo nyabyo bitera ubukene, n'ubwo twabikora tugaragariza abantu impuhwe tubafitiye.
 - Urebye muri America y'amajyaruguru dukunda gusanisha ubukene no kutagira ibintu bifatika, ibyo bigatuma ibisubizo byacu bibogamira ku gushaka ibintu.
- VIDEO (PowerPoint) - Ubukene ni iki - Gufasha umuntu utamubajije*
- Turamutse tubajije abakene iki kibazo — Ubukene ni iki? — dukunze kubona ibisubizo binyuranye n'ibi. Dukunda kubona ibisubizo byibanda ku myumvire iganisha ku mitekerereze, imibanire ndetse iby'umwuka bijyana n'ubukene. Dushingiye ku bushakashatsi bwakozwe na Banki y'isi muri 2002 aho babajije abantu barenga 60,000 bo mu bihugu bikennye, dore icyo bavuga:

Ku mukene ibintu byose ni bibi—indwara, gusuzugurwa, ipfunwe. Tuba twararemajwe; dutinya ibintu byose; twishingikiriza ku bantu bose. Nta muntu udukeneye. Tuba tumeze nk'umwanda umuntu wese ashaka kwikiza.

Moldova

Iyo ntafite ibyokurya nshyira umuryango wanjye, nsaba imyenda ku baturanyi n'inshuti. Ngira ipfunwe ryo guhinguka imbere y'abana banjye ntacyo mfite cyo kubagabura.

Guinea-Bissau

Mu myaka ibiri ishize ntitwigeze twizihizanya n'abandi umunsi mukuru n'umwe. Ntitwashobora kwitabira cyangwa gutumira. Kutagira ikiguhuza n'abandi bitera agahinda gakabije; bikakuremamo guhora wumva utishimye; ndetse ugatangira kwisuzugura.

Latvia

Iyo umuntu ari umukene nta jambo agira mu bandi; yumva ari uwo hasi. Ntagira ibyo kurya, bigatuma urugo rwe ruhoramo amapfa; ntacyo kwambara; kandi nta terambere mu rugo rwe.

Uganda

Tuba twumva nta mbaraga nta nke dufite kandi nta bushobozi bwo gutuma hari uwatwumwa.

Cameroon

Niba ushonje, uzahora ushonje; niba ukennye, uzahora ukennye.

Vietnam

- Ibigarukwaho cyane ni ibiyumviro bya:
 - Ipfunwe
 - Gusuzugurwa
 - Ubwoba
 - Kutagira abo mubana
 - Agahinda gakabije
 - Kwisuzugura
 - Kutagira imbaraga
 - Kutagira ijambo
 - Kutagira ibyiringiro
- Murabona ko uko tureba abakene n’uko bireba ntaho bihuriye? Binyuranyijwe n’uko bimwe ari ibishingiye ku bintu ibindi bikaba ari ibijyanye n’imitekerereze, imibanire ndetse n’iby’umwuka bijyanye n’ubukene.
- Reka tugereanye uko abakene bireba, nkuko byavuzwe n’abakene, dukoresheje video y’umuntu w’umukenye wagezweho n’impinduka mu buryo bwose binyuze mu itorerero rye ndetse n’amatsinda mato yo kwizigamira nyuma y’uko abanyetorero asengeramo bahuguwe na PEACE Plan mu gukora amatsinda mato. Yitwa Clementine akaba atuye mu cyaro cyegereye umujyi wa Kigali, mu Rwanda:

VIDEO (PowerPoint) - Ubuhamya bwatanzwe n’umukene - Clementine
- Mwabonye ko ururimi Clementine yakoresheje rufitanye isano na rumwe abandi bakene bakoresheje bivugaho. Ariko na none murebe ko n’ubwo bifitanye isano, ururimi rwe runyuranye n’uburyo abakene ubusanzwe bisobanura. Clementine:
 - Hari igihe yari akennye ariko ntagikennye
 - Yashoboye kwishyura inguzanyo ze
 - Yashoboye guhahira no kwambika umuryango we
 - Yashoboye kwishyura amashuri n’ubwisungane mu buvuzi
 - Yashoboye kwambara neza, no kwambika abana be neza
 - Yashoboye kujya gusenga nta pfunwe, ahubwo afite ishema

- Ashobora gutanga umusanzu mu itsinda rye no mu itorero rye hamwe n'umuryango we
- Arashimira Imana iyi migisha yose

VIDEO (PowerPoint) - What is Poverty - Brian Fikkert

Uku guhinduka kugaragarira buri wese kwazanywe na mwuka wera kandi kwakomejwe n'itorero rye, umugeni wa Kristo, kandi binyuze mu itsinda ryo kwizigamira ryaremewe kandi rigakorera mu itorero. Itorero n'umurimo waryo w'amatsinda yo kwizigamira nibwo buryo Imana yakoresheje bwo kwiyunga na Clementine.

- Mu cyiciro gikurikira, turaza kuganira ku mpamvu abakristo dukwiriye kwita ku bakene.

Igice cya 2—Kuki tugomba kwita ku bakene?

Umutwe: Kwita ku bakene ni umwe mu mirimo iri mu nshingano z’akazi kacu

Ubusobanuro: icyo ibyanditswe bivuga ku kwita ku bakene.

Kuki tugomba kwita ku bakene?

- Mufate umwanya muganire hagati yanyu ubwanyu – cyangwa niba urimo kubireba wenyine, andika ikikuza mu mutwe cyose – kuki nkwiye kwita ku bakene?
- Humiriza akanya gato utekereze kuri iki kintu:

Nyuma yo kubatizwa na Yohana umubatiza, ndetse agarutse avuye mu butayu aho yageragerejwe na Satani inshuro eshatu, Yesu yatangiye umurimo we ku mugaragaro mu isinagoga y’i Nazareti aho yakuriye. Arahaguruka ngo asome ibyanditswe byera bamuha umuzingo wa Yesaya. Yesu arawubumbura asoma ahantu handitse ngo:

*¹⁸“Umwuka w’Uwiteka ari muri jye,
Ni cyo cyatumye ansigira,
Kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza.*

*Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa,
N’impumyi ko zihumuka,
No kubohora ibisenzegeri,*

*¹⁹No kumenyesha abantu
iby’umwaka Umwami agiriyemo imbabazi.”*

Luka 4:18-19

*Mu bintu byose Yesu yashoboraga gusoma, yavuze Yesaya 61:1-2
ivuga ku buhanuzi bwa Mesiya. Yongeraho ko ari we! Ubwo yakoraga
ibyongeye gushimangira ko Mesiya yazanywe no kubwiriza
abakene ubutumwa bwiza!*

- Niba nawe ukurikira inzira ya Yesu Kristo, ugomba kwita kubyo yitagaho. Kandi yita ku bakene. Rero nk’umukristo ni imwe mu nshingano z’akazi kawe.
- Wari uzi ko muri bibliya harimo imirongo irenga 2000 ivuga ku bakene, abapfakazi, impfubyi, no gucira imanza zitabera abatagira kirengera? Kandi

muri uyu mwanya tugiye kuyireba yose umwe ku wundi. Sibyo, oya. Reka turebe 1876 gusa muri yo, rata niganiriraga reka turebe mike muri yo:

Nihaba muri mwe umukene ari umwe muri bene wanyu, ahantu hose h'iwanyu mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha, ntuzangire umutima wawe, ntuzagundire ibyaweho ngo ubyime mwene wanyu w'umukene, ahubwo ntuzabure kumuramburira iminwe, ntuzabure kumuguriza ibimumaze ubukene bw'icyo akeneye... Ntuzabure kumuha kandi numuha ntibizakubabaze, kuko icyo ngicyo kizatuma Uwiteka Imana yawe iguhera umugisha umurimo wawe wose, n'ibyo ugerageza gukora byose. Kuko ari ntabwo abakene bazashira mu gihugu, ni cyo gitumye ngutegeka nti "Ntuzabure kuramburira iminwe mwene wanyu w'umukene w'umworo uri mu gihugu cyawe."

Gutegeka kwa kabiri 15:7-11

Muce imanza zikwiriye uworoheje n'impfubyi, Muce imanza zirenganura umunyamubabaro n'umutindi. Mutabare uworoheje n'umukene, Mubakize amaboko y'abanyabyaha.

Zaburi 82:3-4

ukihotorera umushonji ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y'ihangu.

Yesaya 58:10

Uha abakene ntazakena, Ariko ubirengagiza azahaga imivumo myinshi.

Imigani 28:27

Arabasubiza [Yohana umubatiza] ati "Ufite imyenda ibiri umwe awuhe utawufite, n'ufite ibyokurya nagire atyo na we."

Luka 3:11

Amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk'uko umwungeri arobanura intama mu ihene; intama azazishyira iburyo bwe, naho ihene azishyire ibumoso. Umwami azabwira abari iburyo bwe ati 'Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uherye ku kuremwa kw'isi, kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari

*umushyitsi murancumbikira... nari nambaye ubusa muranyambika,
nari ndwaye muransūra, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba...
Umwami azabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ubwo
mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma
y'abandi, ari jye mwabikoreye.'*

Matayo 25:32-46

*Muhuze imitima, ntimukararikire ibikomere ahubwo mwemere kubana
n'ibyorohere. Ntimukiyite abanyabwenge.*

Abaroma 12:16

*Nyamara niba musohoza amategeko y'Umwami wacu, nk'uko
byanditswe ngo "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda" [Abalewi
19:18], muba mukoze neza... Mbese bene Data, byavura iki niba
umuntu avuga yuko afite kwizera, nyamara akaba ari nta mirimo
akora? Bene uko kwizera kwabasha kumukiza? Cyangwa se, hagira
mwene Data w'umugabo cyangwa w'umugore wambaye ubusa,
kandi akaba abuze ibyokurya by'iminsi yose, maze umwe muri
mwe akamubwira ati "Genda amahoro ususuruke uhage", ariko
ntimumuhe ibyo umubiri ukennye byavura iki? Uko ni ko no kwizera
iyo kudafite imirimo, ahubwo kuri konyine kuba gupfuye."*

Yakobo 2:5-18

*"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube
ari ko namwe mukundana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko
muri abigishwa banjye, nimukundana."*

Yohana 13:34-35

- Turi benshi kandi dukunda ibintu byinshi bitandukanye n'imirimo myinshi dukorera Imana-Amazi meza, Ubutabera n'icuruzwa ry'abantu, imfubyi, icyongereza nk'ururimi rwa kabiri, n'ibindi. Ibi byose birakwiriye. Icyo ufite ishyaka ryo gukorera Imana cyose, ndagutera umwete rwose, nk'uko Yesu yabigenzaga shakisha uburyo wakoresha bwo kwita ku bakene. Byaba ari ugufasha abakene ubasanga aho bari ku giti cyabo cyangwa gukorana n'abakora umurimo wo kubafasha ubasengera cyangwa ubatera inkunga y'amikoro, shakisha uburyo wakoresha wita ku boroheje bo muri aba.

Igice cya 3—Kuzahura abantu mu bukene ni iki?

Umutwe: Uburyo ngenderwaho bushingiye kuri Bibiliya; Gusuzuma & Gupima ubukene

Ubusobanuro: Umuzi w’ubukene ni imibanire yangiritse; kugira ngo umuntu atere intambwe ava mu kibazo icyo ari cyo cyose, ugomba kubanza ugasuzuma ikigitera akanapima ibintu by’ingenzi bigaragara bigitera ndetse n’intambwe ziterwa hashingiwe ku ziyemejwe gukurikizwa.

Umurongo ngenderwaho ushingiyeye kuri Bibiliya— Ubukene bwo mu mwuka


- Dore noneho dufite iki kibazo—Ubukene. Nkuko Yesu yabivuze, buri hose, kandi buzabana natwe ibihe yose. Rero nk’abakristo, nti dukwiriye kubukoraho? Twarwanya iki kibazo dutse? Turashaka kugira icyo dukora, none ni iki dukwiriye gukora nk’abakurikira Kristo?
- Twamaze gusobanura ubukene icyo ari cyo—ni ikibazo kijyanye n’imitekerereze, imibanire ndetse n’umwuka, kigaragazwa no kumva ufite ipfunwe, ubwoba, ubwigunge, kumva nta mbaraga no kutagira kivugira n’ibyiringiro. Kubura akazi, cyangwa kutagira icyo winjiza cyangwa ibyokurya, cyangwa aho kuba, cyangwa ibintu ni ibimenyetso rusange by’ibintu.
- Reka noneho dusobanure ijamba “kuzahura”. “kuzahura” ikintu bivuze kugabanya umubabaro gitera cyangwa ubukana bwacyo. Kuzahura abantu mu bukene rero bishatse kuvuga kugabanya umubabaro uterwa n’ubukene cyangwa ubukana bwabwo.
- Ibi se biratugeza ku ki? Ibi biradusubiza ku gusuzuma neza tukava imuzi ibitera umubabaro ukomoka ku bukene.
- Ni iki bibiliya ivuga gitera umubabaro w’ubukene? Dusuzumye icyo ibibazo byagaragajwe n’ibiyumviro bizana nk’ipfunwe, ubwoba, ubwigunge n’ibindi nk’uko abantu babivuze. Bidusubiza ku kubona ko Imana yaturemye turi abo kubana n’abandi mu mibereho yacu. Bidusubiza mu iremwa.

Kuremwa

- Bryant Myers, mu gitabo cye *Walking with the Poor [Kugendana n'abakene]: Principles of Transformational Development [Amahame y'impinduka zizana iterambere]* (Orbis Books, 1999), yerekana uburyo twaremwe turi abo kubana ashingiye ku ijamba ry'Imana; ni cyo abitwa Chalmers Center bagendeyeho:

[VIDEO \(PowerPoint\)](#) - [Amasano shingiro ane] - Brian Fikkert

Amasano Shingiro Ane



- Myers avuga ko kugira ngo dusuzume indwara y'ubukene, tugomba kubanza kuzirikana uko bimera mu ireme ry'imiterere yabyo, duhereye ku waremye iyo miterere uko iri. Myers avuga ko Imana muri kamere yayo ibana, kandi yaturemeye kugirana umubano. Myers asobanura ko mbere y'uko umuntu acumura, Imana yashyizeho imibanire shingiro ine ku muntu wese:

1. Imibanire y'umuntu n'Imana
2. Imibanire nanjye ubwanjye
3. Imibanire n'abandi
4. Imibanire n'ibindi byaremwe

- Iyi mibanire niyo mabuye twubakiraho ubuzima. Iyo ikora neza, abantu bishimira ubuzima nk'uko Imana yabishakaga.
- Mu ntego z'ubuzima bwacu, iyo iyi mibanire yose ikora neza, abantu nibwo babasha gusohozza imihamagaro yabo yo guhesha Imana icyubahiro bakora kandi bagashyigikira ubuzima bwabo n'imiryango yabo bifashishije imbuto y'umurimo wabo.
- Iyi mibanire ni iyihe:
 - 1. Imibanire n'Imana.** Uyu ni wo mubano w'ibanze, iyindi itatu (3) ishibuka kuri uyu. Ibyanditswe bitwigisha ko intego ya mbere y'ikiremwanuntu ari uguhesha Imana icyubahiro kandi bakayishimira iteka ryose (Yesaya 43:7; 1 Abakorinto 10:31; Abakolosayi 3:17). Uyu ni wo muhamagaro nyamukuru. Twaremewe guhimbaza no gukorera umuremyi wacu mu ntekerezo zacu, amagambo, ndetse n'ibikorwa. Iyo ibi tubikoze, tuba mu kubaho kw'Imana kuzuye maze ubuzima bwuzuye umunezero, umubano wimbitse nayo ndetse n'abana bayo.
 - 2. Imibanire nanjye ubwanjye.** Abantu baremanywe umwihariko wo kuba mu ishusho y'Imana ibyo bibahesha agaciro n'ijabo bavukana (Itangiriro 1:26-27). Nubwo tugomba kwibuka ko tutari Imana, twahamagawe guhamagarwa gukomeye ko kugaragaza akamero k'Imana, aribyo bituma turuta ibindi byaremwe.
 - 2. Imibanire n'abandi.** Imana yaturemeye kubana n'abandi (Yohana 13:34-35). Ntitugomba kuba ba nyamwigendaho. Twaremewe kumenyana, gukundana, no guterana umwete wo gukoresha impano Imana yaduhaye twese kugira ngo dusohoze imihamagaro yabo. Nk'uko Pasitori Rick akunda kubivuga, "tamera neza iyo turi kumwe!"
 - 3. Imibanire n'ibindi byaremwe.** Itangiriro 1:28-30 hatwigisha ko Imana yaturemeye gucunga ibyo yaremye. Kuba abantu bumva, barinda, batwara, kandi bacunga isi Imana yaremye kugira ngo bayibungabunge kandi yere byinshi. Imana yahamagariye abantu kumvikana n'ibyo yaremye, amahirwe yose bakayahindura impamo, kuremera muni y'ubutware bwayo, no gusigasira ubuzima bwacu binyuze mu mbuto z'ubusonga bwacu.


- Uturongo tuva ku muntu twerekera ahamuzengurutse herekana imibanire shingiro ine (4) nk'amabuye yubakiraho ubuzima bwacu.
- Ikiyongereye kuri iyo mibanire shingiro ine (4), ni imikorere abantu biremera nka bimwe mu muco biremera—ubukungu, imibereho myiza, imyemerere na Politiki. Ibyanditswe bitwigisha ko Kristo afite uruhare rukomeye cyane mu gusigasira iyi mikorere (Abakolosayi 1:16-17).
- Murebe neza ko uturongo duhuza abantu n'imikorere twerekereye impande zombi, uko abantu bagira impinduka bazana muri iyi mikorere n'imikoranire niko igira icyo ihindura ku bantu.

Gucumura

- Inkuru ikomeye mu byanditswe ntirangirira ku iremwa. Adamu na Eva bagomeye Imana, imitima yabo icura umwijima. Inkuru yo mu itangiriro itwerekera ko ya mibanire yose uko ari ine (4) yahise izamo agatotsi nk'uko bigaragara hepfo:

VIDEO (PowerPoint) - Broken Relationships [Imibanire yangiritse] - Chalmers

Imibanire Ine Yangiritse



1. Imibanire yabo n'Imana yarangiritse, kuko kuba inkoramutima n'Imana kwabo kwasimbuwe no kuyitinya.
 2. Imibanire y'umuntu nawe ubwe yajemo icyasha, kuko Adamu na Eva batangiyeye kugira ipfunwe.
 3. Imibanire yabo n'abandi yarangiritse, kuko Adamu yashinje Eva ko ari we wabateye gukora icyaha.
 4. Imibanire n'ibindi byaremwe yajemo agatotsi, kuko Imana yavumye ubutaka n'uburyo bwo kubyara.
- Ikigeretse kuri ibyo, kubera ko imibanire shingiro 4 ari yo yubakirwaho mu mikorere ya muntu, ingaruka zo kwangirika kwayo zigararira mu bukungu, imibereho myiza, imyemerere ishingiyeye ku idini ndetse n'imikorere ya politiki abantu bagiye biremera nk'uko amateka abigagaraza. urugero, hari igihe kimwe, abanyapolitiki "badakundaga abandi" nkuko bikwiriye bigatuma bashyiraho amategeko yemera ubucakara n'ivangura rishingiyeye ku ruhu. Kimwe n'uko abafite ibigo bikomeye batitaye ku "bindi byaremwe" bemerera ibigo byabo guhumanya ibidukikije.
 - Kwangirika kw'imikorere, bigaragaza kwangirika kw'imibanire y'abantu. Ikirenzeho, ikiyongereye kuri kamere ya muntu yuzuye icyaha kandi iherekejwe n'ingeso zayo, Satani n'ingabo ze bahora bakora iyo bwabaga ngo buririre kuri uku kwangirika kwa buri muntu wese ku giti cye ndetse n'imikorere ya muntu muri rusange.
 - ibi ni byo bitugeza ku mwanzuro wa Myers yise 'ubusobanuro bw'imiterere fatizo y'ubukene:

Ubukene ni ingaruka z'imibanire itameze neza idakora neza, itaramba, itunganirana cyangwa itishimirana. Ubukene nibwo butera kubura amahoro.
 - Ubwo ni bwo busobanuro bwa Myers' bugaragaza ingaruka zo kugwa, wibuke ko bishobora kuba bibi kurushaho. Ubuntu bw'Imana butuma Kristo akomeza "kubeshaho ibintu byose" no "kubiramiza byose ijamba ry'imbaraga ze" (Abakolosayi 1:17; Abaheburayo 1:3).

Ubukene bw'ibintu

- Kugeza ubu, tumaze kuvuga ku bukene mbere na mbere turebye mu buryo bw'umwuka, uburwayi bwihishe inyuma y'ubukene bwose. Ariko se uruhande rw'ibijyanye n'ibintu mu bukene, aribyo bigaragaza ikibazo mu bunini bwacyo?
- Hari ibitabo bibiri biherutse kwandikwa byahuriwemo n'abahanga mu iyobokamana no mu bukungu bavuga ku bukene by'umwihariko ubukene bw'ibintu:

1. *Defending the Free Market*, cyanditswe na Fr. Robert Sirico (Regnery Publishing, Inc., 2012)
2. *The Poverty of Nations: A Sustainable Solution*, cyanditswe na Wayne Grudem and Barry Asmus (Crossway, 2013)

- Ibi bitabo byombi bitanga ibitekerezo bikomeye ko:
 - Nkuko Bibiliya ibyigisha, kugira umubano n’Imana kw’umuntu ku giti cye ni ingenzi kurusha kugira ibintu byinshi. Ndetse guharanira gushaka ubutunzi bishobora gufata umwanya wa mbere mu buzima bw’umuntu, aho kuwugira uw’Imana.
 - Imana yaremye umuntu kugira ngo umuntu na we ayiheshe icyubahiro, kandi ayishingikirizeho, kandi yashyize umuntu mu nzira yo guhitamo neza kugira ayishakane umwete kandi uko akora ibyo ni ko arushaho kugira umudendezo. Uguhitamo kumwe mu mahitamo atatu ni uguhitamo gukora kugira ngo ugire umudendezo mu bukungu.
 - Imbarutso y’ibyishimo by’umuntu ni intsinzi yagezeho kurusha ubutunzi yahawe (umurage).
 - Intego y’umuntu mu by’ubukungu ikwiriye kuba kugira ibintu cyangwa serivisi bibyara inyungu kuko ubwo ni bwo buryo bukwiriye bwo kwibohora mu bukungu kuri benshi.
 - Ubukungu bushingiye ku isoko rusange ni bwo buryo bwagutse bwo kubyara umusaruro.
 - Hari impamvu nyinshi kandi zishoboka zunganira kwizahura mu bukungu kw’igihugu n’abagituye.

Igice cya 4—uruhare rw’itorero ni uruhe?

Umutwe: Za Leta n’amatorero; no kwifuriza abantu ibyiza ntibihagije

Ubusobanuro: Itorero rifite uruhare rwihariye mu gisubizo, kandi Imana yahisemo ko itorero ari ryo ryonyine rishobora kubona icyo gisubizo. Ariko kugambirira ibyiza ntibihagije.

Uruhare rw’itorero mu kuzahura abantu mu bukene ni uruhe?

- Mu gice cya 3, twavuze ko kugira ngo ubashe guteza imbere ubukungu bw’igihugu GDP n’abagituye ari uko wongera ibicuruzwa igihugu kirimo gukora. Twagisoje twerekana bimwe mu bintu 78 biri ku rutonde rwa Grudem na Asmus bigena umusaruro rusange w’igihugu n’uko ubukungu buhagze. Kandi twibajije aho ibiri kuri uru rutonde byavuye—ese bikomoka cyane cyane kuri gahunda za Leta z’imbatura bukungu, cyangwa ku mikorere n’amahitamo y’abantu ku giti cyabo mu nzego zo hasi?
- Ndatekereza ko benshi muri twe turi bwemeranye ko ibyinshi mu biri kuri uru rutonde byakuwe muri gahunda za Leta. Yego, bimwe mu bintu biri mu bya nyuma kuri urwo rutonde byakorwa n’itorero, ariko ibyinshi kandi bikomeye biva mu buyobozi bw’igihugu muri gahunda n’amategeko bashyiraho. Ni cyo gituma ubukungu rusange bw’igihugu n’uko ubukungu bw’abagituye buba buhagaze ahanini bishingira ku miyoborere myiza na gahunda nziza za Leta z’ubukungu n’imibereho myiza.
- Rero iyo bigeze ku itorero, iyo bigeze kuri jye na we, twabikoraho iki? Ese birashoboka ko itorero—birashoboka ko wowe—wagira uruhare mu guhindura gahunda za Leta mu gihugu cy’amahanga?
- Keretse ubaye uri Rick Warren cyangwa uri Papa, niba ubasha guhura n’abayobozi b’ibihugu buri gihe, wenda icyo gihe waba ufite amahirwe yo kubasha kugira uruhare mu guhindura gahunda za Leta. Ariko kuri benshi muri twe, amahirwe nk’ayo ntayo tuzigera tugira. None se ubwo wakora iki? Nk’itorero ni iki twakora?
- Reka dutekereze biramutse bigenze neza—mu bihugu byateye imbere ku isi. ibi bihugu byagize umugisha kuko byinshi muri ibi bintu 78 barabifite. Ariko, iyo bigeze ku kwishimira ibyo bintu ku rwego rw’umuntu ku giti cye nk’uko bigaragazwa mu mibereho ya buri muni, ni gute leta zitanga serivisi zirebana n’ibi? Ese izi Leta zaba ziha abantu bazo izi serivisi nk’uko bikwiriye? Bazitanga banezerewe, buje impuhwe nurukundo? Hari umuntu uheruka kubasura ku maduka aho bakorera cyangwa aho bategera ibinyabiziga?
- Ibi si ugucira urubanza abakora mu nzego z’ubutegetsu bwite bwa Leta kandi benshi muri izi nzego ni benedata muri Kristo. Ahubwo, ni ukuvuga ko imikorere itarimo guhanganira kubona abaguzi, usanga kwita ku baguzi no kubaha ibyo bakwiriye ntibikorwa neza. Si uko biba byakozwe n’abakorera muri iyo mikorere, ahubwo kuko amategeko n’amabwiriza byo muri iyo

mikorere buba bwatateguwe kugendera ku mategeko ngenga aho kwibanda ku kwita ku bantu ku giti cyabo.

- Ariko ni iyihe mikorere ya muntu yibanda ku kwita ku bantu ku giti cyabo? Itorero! Muri Yohana 13:34-35, nyuma yo gusangira nabo bwa nyuma, Yesu yahaye abigishwa be itegeko rishya:

“Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nkuko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.”

Ariko iri tegeko ntiriyari rishya mu busanzwe, si byo? Yesu yari azi Abalewi 19:18:

“Ntugahōre, ntukagirire inzika abo mu bwoko bwawe, ahubwo ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda. Ndi Uwiteka.”

Kuki itegeko Yesu yatanze muri Yohana 13:34-35 ryabaye rishya? Kuko yari agiye gupfa ku musaraba, akazuka kandi akatwoherereza umufasha, Umwuka Wera ugomba kutuyobora mu rugendo rwacu rwa gikristo kandi adushoboze kwitondera iri tegeko. Nkuko Pawulo yabyanditse mu Abaroma 8:3-4:

Kuko ibyo amategeko yananiwe... Imana yabishoje ubwo yatumaga Umwana wayo afite ishusho ya kamere y’ibyaha kuba igitambo cy’ibyaha, icira ibyaha bya kamere ho iteka.

‘gukiranuka kw’amategeko’ kuvugwa mu Abaroma 8:4 ni iki? Ni ugukundana. Kandi noneho uko biri ubu dushobora gusohozza iri tegeko! Kuko Data na Yesu bohereje Umwuka Wera ari we ugendana natwe. Imana ishimwe!

- Kuko itorero ryubakiye ku rufatiro rw’umusaraba, ijamba rya yesu, ryogejwe n’amaraso ya Yesu. Itorero ribereyeho urukundo. Aho tukongera tukibaza tuti, “ni uruhe ruhare itorero rishobora kugira mu kuzahura abantu mu bukene?”
- Ahari uburyo bwiza bwo gushyiraho amabwiriza yo ubukungu n’imibereho myiza, itorero rishobora gufasha mu bikorwa byo kuzahura abantu mu bukene na gahunda zigaragaza urukundo rwa Kristo ku muntu ku giti cye—imfubyi, abapfakazi, abashonje, abatagira amazu yo kubamo, imiryango ibamo umubyeyi umwe. Aho itorero rishobora kwerekana uko Yesu asa. Wibuke ko mu bihugu byinshi hatabamo amategeko atandukanya itorero na Leta. Ahubwo itorero riba abafatanyabikorwa na Leta bakageza izi serivisi ku bantu benshi.
- None ese ahatari amabwiriza meza ku by’ubukungu n’imibereho myiza? Itorero ribasha kugaragaza impuhwe aho zitari. Kandi itorero ryatanga ibyiringiro Ku batabifite. Ku bijyanye no kuzahura abantu mu bukene, itorero riyobowe na Mwuka Wera rishobora kwigisha abakene uko bakwigobotora iyo ngoyi yo kutagira Ibintu. icyo ahanini ni cyo iki gitabo kigamije.

VIDEO (PowerPoint) - Uko itorero ryafasha neza abakene - Kurt Kandler

Kuki kwifuriza abantu ibyiza bidahagije?


- Ufungura amakuru ya nimugoroba ukabona tsunami yasize iheruheru igihugu cya Indonesia, amamiliyoni y'abantu agasigara nta byokurya, imyambaro, cyangwa amacumbi. Nyuma y'itangazo ryamamaza bagashyiraho amakuru y'agace ko mu mujyi w'iwanyu gakennye naho bakerekana abantu badafite icyo kurya, kwambara cyangwa icumbi. Iyo bikikunyura mu jisho, ubona byose bisa n'ibikeneye igisubizo kimwe. Abo bantu bose bakeneye ibyokurya, imyambaro n'icumbi kandi guha aba bantu bombi ibi bintu bisa n'aho ari cyo gisubizo gikwiriye. Ni iki ukwiriye gukora? Ni gute ugira uruhare mu buryo bubyara umusaruro bwo kuzahura abantu mu bukene muri ibi bihe byombi? Ese twe nk'abakristo ntidukwiriye gusanganiza aba bantu bombi n'amaboko yo kubaha icyo bakeneye?

Imfashanyo, Gusubiza abantu mu byabo n'iterambere

VIDEO (PowerPoint) - Imfashanyo, Gusubiza abantu mu byabo na Iterambere - Steve Corbert

- Intambwe ya mbere watera mu gutekereza gukorana n'abakene mu buryo ubwo ari bwo bwose ni ukubaza no kugenzura niba ibirimo kuba bisaba imfashanyo, gusubiza abantu mu byabo cyangwa iterambere. Mu by'ukuri, kunanirwa gutandukanya ibi bintu ni imwe mu mpamvu zikunze gutuma ingufu zikoreshwa mu kuzahura abantu mu bukene zikunze kwangiza.

Ese ibi bihe birasaba imfashanyo, gusubiza abantu mu byabo cyangwa iterambere?



- Mu gishushanyo kuri haruguru, turahabonye uko biba bimeze. Umuntu ubayeho ubuzima busanzwe maze agatungurwa n'ikiza. Gishobora kuba ari ikiza gisanzwe cyangwa icyatejwe n'abantu. Icyabitera cyose, umuntu wese iyo habaye ikibazo nk'icyo abantu bose babigwamo vuba bagakenera imfashanyo.

- Imfashanyo ni ukugerageza gutabara “abakomeretse.” Ni bwo butabazi bwihuta bwo gufasha no kugabanya umubabaro wawe n’ikiza. Bitangira hakoreshwa uburyo bwo gutanga no kwakira aho usanga utanga atanga ubufasha—akenshi ari ibintu bifatika—abiha uwakira kandi ahanini udashoboye kwifasha. Urugero: Umusamariya mwiza yomoye inguma z’umuntu yasanze ku ruhande rw’inzira.
- Gusubiza abantu mu byabo ni ukugerageza gufasha umuntu uko yari ameze mbere y’ikiza nyuma yo gufashwa mu mubabaro. Mu gusubiza abantu mu byabo, umuntu atangira gutanga umusanzu we mu guhindura imibereho ye. Urugero: umusamariya mwiza ashya umugabo ku ndogobe, amujyana mu icumbi ry’abagenzi amwitaho, hanyuma yishyura ushinzwe iryo cumbi ngo akomeze amwiteho.
- Iterambere ni urugendo ufatanywa n’umuntu mu gihe runaka mu mujyana umwe—ufashwa n’ufasha—kurushaho kugirana umubano mwiza n’Imana, n’umuntu ubwe, n’abandi ndetse n’abandi byaremwe. Birinda “gukorera” bikibanda ku “gukorana.” Bisaba ko buri wese agira uruhare n’umwanya uruta uwo mu gihe cy’imfashanyo n’icyo gusubiza abantu mu byabo.

Rimwe mu makosa akomeye amatorero akora ni ugutanga imfashanyo ahari hakwiriye gusubiza abantu mu byabo cyangwa iterambere.

- Urugero: igihe Pawulo yamaranye n’itorero kandi ateza imbere itorerero ry’i Korinto. Wibuke ko ibikorwa byinshi muri gahunda ya PEACE (Kwita ku mfubyi, Ubuzima/HIV/SIDA, amazi meza, etc.) bigamije iterambere.
- Abantu benshi bazaza ku itorerero bavuye ko bari mu kaga kandi bakeneye imfashanyo. Dore ibibazo byagufasha gusuzuma ko imfashanyo ariyo ikenewe, cyangwa hakenewe gusana ibyangijwe cyangwa ko iterambere ari ryo rikwiriye kwitabwaho:
 1. Ese hari akaga gahari koko? nutabasha gufasha birarushaho kuba bibi, kandi bikagira ingaruka mbi? Nusanga igisubizo ari oya, ahari wasanga imfashanyo atari wo muti.
 2. Ese nyirubwite we yiteguye kwifasha bingana iki? Ingingo si ukutagira impuhwe, ahubwo ni umuntu wese agira icyo akora uko ashoboye muri icyo kibazo.
 3. Ese umuntu ashobora kugira icyo yifasha? Niba gihari, bivuze ko kumuha imfashanyo atari bwo bwiza kumufasha. Bitesha agaciro ubushobozi umuntu yari afite bwo kuba igisonga cyiza cy’ibyo afite.
 4. Ese uwo muntu amaze igihe kingana abona imfashanyo yaba ayihawe na we cyangwa n’abandi? Urabona ashobora kuzakomeza guhabwa ubufasha no mu gihe kizaza? Haba hari akamenyero ko guhabwa imfashanyo?

Uburozi bwo Guhatira abantu ibintu

- Ibanga ryo gufasha kandi ntugire uwo ubabaza ni *ukwirinda guha abantu uko wowe ushaka*:

Irinde guhatira abantu ibintu. Ntugakorere abantu ibyo ubwabo bashobora kwikorera.

- Guha abantu uko ushaka bishobora kugaragarira mu buryo butandukanye. Ujye ubwirinda bwose:
 - **Kubahata mu mikoro:** guha abantu amikoro badakeneye mu by'ukuri no/cyangwa bashobora kwishakira ubwabo bakayabona.
 - **Kubahata iby'umwuka:** kwigira umuyobozi mu by'umwuka ku bakene b'ibintu bifatika, twibwira ko ari twe tubarusha kugira icyo batanga.
 - **Kubahata iby'ubumenyi:** kwibwira ko ari twe dufite ibitekerezo biruta ibyabo ku buryo ibintu byakorwa.
 - **Kubakorera Imirimo:** gukorera abakene ibyo bashoboraga kwikorera ubwabo.
 - **Kubacungira:** Kwambura abakene ubushobozi bwo kuba ba nyir'ibintu tubumvisha ko bakwiriye gukurikiza imigenzereze yacu kuko ari "myiza kandi ibyara umusaruro"
- Kugeza ubu rero, ngira ngo mumaze kubona ko kuzahura abantu mu bukene bigoye kandi bikomeye kurenza uko mwabitekerezaga. Abahuye n'ikiza cya Tsunami batandukanye n'imiryango ikennye kuko yinjiza make kandi ikaba ifite ubukene bw'akarande. Tutitegereje iryo tandukaniro wasanga tubabaje abantu cyane kandi nyamara ibyo twakoraga twabiterwaga n'uko twabifurizaga ibyiza. Aha rero niho "gufasha bibabaza."
- Kandi nsubiremo nti oya, kwifuriza abantu ibyiza ntibihagije. Yego, Imana iteganya ko tugomba kugira ubwenge mu gihe mu gihe cyo kuzahura abantu mu bukene. Ariko na none ntimucike intege. *Mwibuke ko umurimo ari uw'Imana atari uwacu.* Imana niyo isana ibintu byose (Abakolosayi 1:20). Kandi yiteguye gukoresha ibikoresho bidatunganye rwose kugira ngo isohoze umugambi wayo.
- Igikurikiraho turaganiro ku itsinda ryihariye rishobora kuremwa mu itorero rigamije gufasha abantu kwizahura mu bukene.

Igice cya 5—Amatsinda yo kwizigamira ni iki?

Umutwe: Urufatiro rwo kuzahura abantu mu bukene.

Ubusobanuro: amatsinda yo kwizigamira ni uburyo bwigiwe kandi bugatirwa mu bukoreshwa mu isi isanzwe, bukaba bushingiye kuri Kristo, bukorera mu itorerero ashobora kuba imbarutso iyobora abantu ku bwiye no guhinduka rwose. Inararibonye twakuye ku mikoranire y’itorero rya Saddleback na Gahunda ya PEACE mu Rwanda.

Amatsinda yo kwizigamira ni iki?

- Kugeza ubu tumaze kuganira kuri ibi bikurikira:
 - Ubukene ni iki?
 - Kuki tugomba kwita ku bakene?
 - Kuzahura abantu mu bukene ni iki? Ni gute tuzahura abantu mu bukene?
 - Uruhare rw’itorero ni uruhe?
 - Dusuzuma dute icyateye ubukene mu gihe bibaye ngombwa?
 - Nyuma y’iryo suzuma, ni ubuhe butabazi cyangwa umuti bwaba bwiza kurusha ubundi?
- Haba hari umuti umwe wakemura ibibazo byose by’ubukene? Dushingiye ku biganiriro twagiranye mbere, twavugaga ko ntawo. Ariko se turamutse tuvuye ko tutari bukore mu byo gutanga imfashanyo, hari uburyo itorerero ryakubaka umurimo ugamije iterambere no kuzahura abantu mu bukene? Aha rero twavugaga ngo Yego.
- Umurimo wa PEACE wo kuzahura abantu mu bukene wubakiye ku murimo fatizo wo kuzigama no kugurizanya (SCA), akenshi dukunda kwita amatsinda yo kwizigamira. Niba turi itorerero rishaka kuzahura abantu bo mu duce dukennye mu bukene, twakugira inama yo ghera aha.
- Amatsinda yo kwizigamira ni iki?
 - Amatsinda yo kwizigamira si mashya; amaze imyaka irenga 40 abayeho, kandi yatangiye mu mwaka w’ 1976 n’uwashinze banki yitwa Grameen Bank witwa Mohammed Yunus, wo muri Bangladesh (watsinndiye igihembo cya Nobel Peace Prize 2006)
 - Imiryango ya gikristo yakiriye iki gitekerezo inatangira kugikoresha mu myaka 15-20 ishize.

- Kimwe n'uko amatsinda yo kwizigamira y'abadakijijwe abikora, ariko yo akaba afite umwihariko wayo, amatsinda yo kwizigamira muri gahunda ya PEACE ni:
 - Amatsinda ashingiye kuri Kristo no ku itorero
 - Agirwa n'abantu 8-20 (akenshi mu Rwanda ni abantu 30)
 - Atangirwa nta gishoro cyangwa amafaranga avuye hanze
 - Ayoborwa kandi akitirirwa abayagize
 - Akurikiranwa kandi akunganirwa n'abayobozi babakorerabushake (abashamyumvire b'itorero) bo mu matorero bahuguwe kandi bagatozwa n'amatorero agendera ku ntego/aba muri gahunda ya PEACE
 - Iryo tsinda rishobora kubabera ikigo cyabo cyo gufatamo inguzanyo/ banki
 - Atangira afite n'igihe azasoreza kwizigamira (akenshi ni igihe kitarenze amezi 12)
 - Yiganzamo Kwiga Bibiliya, gusenga, kurera abigishwa no gukoomezanya
- Kuki turema amatsinda yo kwizigamira? Kuko ayo matsinda:
 - Ni bwo buryo bwonyine bufasha abantu bakennye cyane
 - Asaba inyungu ntoya ku nguzanyo wahawe
 - Ikigereranyo cyo kwishyura kirenga 95%
 - Afasha abakene kwifasha kandi atuma abayagize bihesha agaciro
 - Yubaka ubumwe no gushyira hamwe mu bayagize
 - Afasha guhindura abakijijwe abigishwa
 - Ashobora kuvuga ubutumwa mu batarakizwa
- Amatsinda yo kwizigamira arangwa n'ibi bikurikira:
 - Ashingiye kuri Kristo
 - Ashingiye ku itorero
 - Ayoborwa n'abafashamyumvire b'itorero
 - Abayagize nib o ba nyirayo
 - Agira agihe kwizigamira bikorerwamo
 - Yishyiriraho amabwiriza ayagenga
- Gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukene ikoresha igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira cyateguwe na The Chalmers Center for Economic Development ibarizwa Lookout Mountain, Georgia muri USA. The Chalmers Center ni ikigo cy'ubushakashatsi n'amahugurwa gitoza amatorero kiyaha ubumenyi n'ingamba mu by'ubukungu n'iterambere buyafasha kuzana impinduka mu baantu bakennye. Cyane cyane igitaba cyabo kizwi cyane


ni icyiswe, *When Helping Hurts (igihe gufasha bibabaza) cyanditswe na Brian Fikkert afatanije na Steve Corbett.*

Gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukene/Amatsinda yo kwizigamira mu Rwanda—aho twabyigiye mu ngiro n’umusaruro byataze

- Muri Gicurasi 2012, Gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukene yatangiye igerageza ryo gutoza amatorero yo mu Rwanda yari amaze iminsi ahuguwe ku kuba itorero rigendera ku ntego n’imikorere yayo izana ubuzima buzima mu itorero.
- Guhera icyo gihe amatsinda y’abayobozi b’amahugurwa ya gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukene bavuye mu itorero rya Saddleback bahuguwe kandi bagahabwa impamyabumenyi n’ikigo cya Chalmers Center mu nyigisho zikubiye mu gitabo cy’amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya yatangiye guhugura abafashamyumvire ba gahunda yo kuzahura abantu mu bukene baturutse mu matorero yo mu Rwanda batoranijwe n’abapasitori babo n’abayobozi ba PEACE ngo bahabwe ayo mahugurwa.
- Impamyabumenyi ihabwa abahugura abandi ku gitabo cy’amatsinda yo kwizigamira ishingira ku kuba umuntu yitabiriye ubwe amasomo atangwa mu masaha ayobowe n’utanga amahugurwa muri gahunda ya PEACE yo kurwanya ubukene nawe ubifitiye impamyabumenyi.
- Ubusanzwe amahugurwa atangazwa kandi agategurwa nibura ibyumweru 2-4 mbere kandi aho azakorerwa (akenshi mu rusengeru) hagatoranywa mu murenge runaka wo mu Rwanda (umenye ko: u Rwanda rufite intara 5, uturere 30, Imirenge 416, utugari 2148, n’imidugudu 14,837; ikigereranyo cy’abatuye umurenge ni 300,000).
- Abafashamyumvire ba gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukeny baturutse mu matorero batumirwa mbere bakitabira amahugurwa y’iminsi ibiri. Muri buri mahurwa usanga abitabira amahugurwa ari hagati ya 30-40 baba baturutse mu matorero 10-20 atandukanye mu madini atandukanye. Ikigeretse kuri ibyo, dushishikariza abapasitori n’abayobozi ba PEACE ko nabo bibashobokeye bakwitabira umunsi wa mbere kugira ngo bumve icyerekezo cy’ibyo abashamyumvire babo barimo guhabwa.
- Kuva muri 2017, dore umusaruro wavuye muri uyu murimo w’Imana ukorwa mu Rwanda:
 - Hitabiriye abavuye mu matorero arenga
 - Amatsinda yashinzwe kandi akaba akiriho ni 728.
 - Abagize ayo matsinda bararenga 11,222
 - Akabakaba miliyoni 1 y’amadolari amaze kuzigamwa (n’ayo matsinda yose)
 - Ikigereranyo cy’amadolari 87 ni yo buri munyamuryango yabashije kwizigama, ashobora gukoreshwa mu mezi 4-5 (abenshi bagiye muri aya matsinda bafite amadeni)

- 11% by'abagize aya matsinda ntibari bazi Kristo nk'umwami n'umukiza wabo batarajya muri aya matsinda
- 32% b'abagize aya matsinda batangiyeye ubucuruzi buciriritse
- Ku mpuzandengo itsinda riba rigizwe n'abanyamuryango 15, kandi usanga, 75% ari abagore (ku isi yose ikigereranyo ni 90%)
- Ku mpuzandengo buri mufashamyumvire w'itorero ashinga amatsinda 1.5 yo kwizigamira kandi uyu mubare urimo kuzamuka usatira 2.0
- Umufashamyumvire uhuguwe muri buri torero azahindura nibura ubuzima bw'abantu 45, kandi buri cyiciro cy'amahugurwa y'abashamyumvire 30-40 bavuye mu matorero bazahindura ubuzima bw'abantu 1350-1800
- Hari ubuhamya bw'inshi bw'abo kwizera kwabo kwakomejwe, abagaruriwe agaciro kabo muri Kristo, n'imibanire n'abandi yarushijeho kuba myiza ndetse n'ibindi byaremwe (hari inyandiko y'ubuhamya bw'abantu 55 baba muri ayo matsinda hirya no hino mu Rwanda; twandikire [email kuri poverty@saddleback.com](mailto:email_kuri_poverty@saddleback.com) tuzaguha kopi)
- Urugero rw'urugendo rwo kujya mu Rwanda tugiye guhugura iby'amatsinda yo kwizigamira: *VIDEO (PowerPoint) - 2015 amahurwa y'iby'amatsinda yo kwizigamira mu Rwanda - Chris na Connie Thomas*

Hepfo hari igishushanyo kigaragaza urwo rugendo



- Ni iki itorero rikoresha gahunda ya PD/PEACE ari na ryo “ryohereza” ritanga?
 - Abahugura babifitiye impamyabumenyi (bahawe impamyabumenyi mu mahugurwa hakoreshejwe igitabo cya gahunda ya PEACE yo kuzahura abantu mu bukene)
 - Igitabo cy’amatsinda yo kwizigamira
 - Amafunguro yo ku manywa
 - Akaruhuko mu gitondo
 - Akaruhuko ka nyuma ya saa sita
- Ni iki amatorero “yakira” atanga?
 - Umuntu azahuza ibikorwa by’amahugurwa
 - Ahantu abantu bazahurira iminsi ibiri
 - Abazigishwa kuba abafashamyumvire b’itorero
 - Kuba bafite ubumenyi ku itorero rigendera ku ntego (PD) na gahunda ya PEACE (byaba ari akarusho, ariko si ngombwa)

Igice cya 6: Incamake: Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira

Igice cya 1: Uko igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira gikoreshwa

Umutwe: Gukoresha igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira

Ubusobanuro: Incamake y'igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira

- Imitegurire rusange y'igitabo
- Ibimenyetso n'ibirango/ uburyo bwo gufasha umufashamyumvire

Gukoresha igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira?

- Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira cyateguriwe gukoreshwa n'abafashamyumvire – kandi ntikigamije guhabwa abanyamuryango b'amatsinda yo kwizigamira.

Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira kigenewe gukoreshwa n'ABAFASHAMYUMVIRE; Ntikigenewe guhabwa abanyamuryango b'amatsinda yo kwizigamira.


- Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira giteguwe mu BICE (4) by'ingenzi:
 1. Igice A – Gutegura itorero
 2. Igice B – Kurema itsinda
 3. Igice C – Amahugurwa y'abayobozi b'itsinda
 4. Igice D – Gukomeza amahugurwa/Inyigisho za Bibiliya
- Mu bijyanye no kugena umwanya, buri gice gitwara umwanya runaka mu kucyigisha, utabaze uwo gusemura, kigenewe abantu runaka, kandi gifite intego yacyo:

Igice	(Igihe bifata nta musemuze)	Umubare w'amasomo	Bande?	Intego
A	Isaha 1.5	1	Itorero ry'ahantu	Gutegura itorero: Guha itorero umurungo & Gutumira abazitabira
B	Amasaha 6-8	2	Abagize itsinda ryararitswe	Kurema itsinda: kurema amatsinda yo kwizigamira mu itorero (Gushyiraho inzego: gutora abayobozi b'itsinda no gushyiraho amabwiriza)
C	Amasaha 3-7	3-7	Abayobozi batowe mu itsinda	Guhugura abayobozi: gutoza abayobozi b'itsinda (Isomo rya 1-3 ni ngombwa; Isomo 4-7 ushobora kuzayakora ikindi gihe)
D	Iminota 30 (buri wese)	15	Itsinda ryose	Gukomeza amasomo: Guha abafashamyumvire umwanya wo gukomeza gutoza abigishwa mu mahugurwa ahoraho

- Turaza kubona umwanya wo kwiga buri cyiciro ukwacyo mu buryo burambuye mu gice cya 2 n'icya 3 no guhugura abitatira amahugurwa mu gice cya 4.
- Buri gice kizakubirwa mu ISOMO rimwe, cyangwa menshi.

Ese buri somo muri buri gice riteye rite? Haba hari ibimenyetso byakwifashishwa?

- Ikiyeretse ku kugabanya buri somo mu mikoro myinshi, igitabo gifite ibimenyetso bigaragara bifasha umufashamyumvire gutanga amahugurwa.



Igice cyo 7: Umufashamyumvire w'itorero

Ibisabwa umufashamyumvire n'ibyo atezweho:

- Dore ibyo abafashamyumvire bitorero basabwa:
 - o Umufashamyumvire w'itorero agomba kuba ari umunyetorero ugaragaza uruhare rwe.
 - o Agomba kuba yemejwe na pasitori cyangwa ubuyobozi bw'itorero.
 - o Agomba kuba agaragaza ubushake bwo kwiga no gukura.
 - o Agomba kuba ashobora gusoma.
 - o Agomba kuba ashobora gukora imibare yoroheje.
 - o Agomba kuba azi kubana n'abandi kandi yubahwa n'abandi.
 - o icyaba cyiza kurushaho, akwiriye yarabayeho mu itsinda ryo kwizigamira
- Dore icyo umufashamyumvire w'itorero atezweho:
 - o Gutangira itsinda ryo kwizigamira mu itorero ryawe
 - o Gusengera itorero n'itsinda ryo kwizigamira kandi kenshi.
 - o Kwigisha itsinda ryo kwizigamira.
 - o Kwerekera no kugira inama itsinda ryo kwizigamira n'abarigize.
 - o Kugaragaza urukundo, kubaha, no guca bugufi.
 - o Gushishikariza amatsinda gukurikiza ibyo ubuyobozi bubabwira.
 - o Kuganira na pasitori kenshi ku by'itsinda ryo kwizigamira.

Dore intambwe 5 umufashamyumvire w'itorero azakurikiza kugira ngo atangire itsinda ryo kwizigamira mu itorero rye:

1. Kumenyekanisha umurimo w'itsinda ryo kwizigamira. Uzabwira abantu bo mu itorero n'agace rihereyemo iby'amatsinda yo kwizigamira. Uzababwira inyungu z'itsinda ryo kwizigamira n'uko rizabafasha ku giti cyabo ndetse n'abahatuye bese.
2. Gutangira itsinda rishya ryo kwizigamira. Uzafasha itsinda rishya ryo kwizigamira gushyiraho amabwiriza arigenga no gutora abayobozi baryo. Hanyuma uzatoza abayobozi b'itsinda uko bayobora inama n'uko babika neza amakuru yose y'itsinda.
3. Gutanga amasomo: Itsinda rishya nirimara gushyiraho amabwiriza arigenga, uzajya utanga inyigisho muri buri nama zigamije gukomeza itsinda.
4. Igisha abayobozi b'itsinda uko bazagabanya abantu amafaranga y'ubwizigame. Igihe cyateganyijwe cyo kwizigamira nikirangira, abayobozi b'itsinda bazagabanya abantu amafaranga itsinda ryazigamye n'inyungu yabo. Kandi muzizihiza icyo Imana yakoze mu itsinda.
5. Fasha itsinda ryo kwizigamira gutangira ikindi cyiciro cyo kwizigamira. Igihe itsinda ryongeye gutangira ikindi cyiciro cyo kwizigamira, uzafasha itsind kuvugurura amabwiriza arigenga, gutora abayobozi bashya no gutangira icyiciro gishya.

Igice cya 8: Uhugura ubifitiye impamyabumenyi

Umusaruro uva mu kurangiza aya mahugurwa:

- Amahugurwa azatanga ubusobanuro bwimbitse bw'amatsinda yo kwizigamira.
- Amahugurwa amara amasaha nibura 16.
- Ukirangiza ayo mahugurwa uhita uhabwa impamyabumenyi ikwemerera kuba UHUGURA UBIFITIYE IMPAMYABUMENYI.
- Mbere y'uko uhugura amatsinda yo kwizigamira uzasabwa kwitabira icyiciro cyo gutozwa:

o Amahugurwa y'amatsinda yo kwizigamira mu itorero yohereza azakorerwa abahabwa impamyabumenyi yo guhugura abandi. Ibi biragutegurira kuzahugura amatorero yakira. Icyiciro cyo gutozwa kimara amasaha hagati ya 2 na 4.

o Amahugurwa y'amatsinda yo kwizigamira mu matorero yakira azibanda ku bafashamyumvire b'itorero. Ibi biragutegurira kuzajya mu rugendo rwo kujyana ubutumwa ujyanywe no kwigisha abo uzahugura guhinduka abafashamyumvire b'itorero. Icyo cyiciro cyo gutozwa kimara amasaha hagati ya 4 na 6.

o Gutoza bikorwa n'umutoza ubimenyereye.

Kuki?

Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira cyateguwe n'ikigo cy'iterambere mu bukungu cyitwa Chalmers Center for Economic Development kigamije kumenyekanisha uburyo itorero ryakoresha rikora ivugabutumwa hakoreshejwe amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya mu itorero. Turifuza kubona amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya ashingiye ku itorero ahindura ubuzima bw'abantu ku giti cyabo, imiryango ndetse n'abarituriye bose ku bw'imbaraga za mwuka wera. Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira kigomba gukorehwa n'abantu cyangwa imiryango ishaka kongerera ubushobozi amatorero bwo amatsinda yo kwizigamira akabafasha kubona amafaranga menshi yo gukoresha no kubashishikariza kugirana umubano na Yesu Kristo.

Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira gikubiyemo uruhererekane rw'imfashanyigisho z'amahugurwa yakwifashishwa mu kurema amatsinda yo kwizigamira. Hashingiwe ku bushakashatsi n'igieragezwa, iki gitabo cyateguwe mu buryo bw'uruhererekane hakurikijwe intambwe ku yindi amatorero akeneye kugira ngo amenyekanishe amatsinda yo kwizigamira. Dore uko izo ntambwe zikurikirana:

- A. Gutegura itorero
- B. Kurema itsinda
- C. Gutoza abayobozi b'itsinda
- D. Amahugurwa ahoraho y'itsinda



Igitabo cy'Amatsinda yo Kwizigamira Igice A: Gutegura Itorero

 **Muri iki cyiciro muza:**

- Gira icyerekezo cy'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira

Igitabo cy'Amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya—Igice B: Kurema Amatsinda—Igitabo cy'abatanga Amahugurwa

Copyright © 2011 Chalmers Center for Economic Development

Ikigo cya Chalmers Center gifasha amatorero n'indi miryango ya gikristo kumenya uburyo bwiza bwo kugaragariza abakene urukundo. Turashaka guhindura uburyo bwo gutanga imfashanyo yo kurwanya ubukene, dukura amatorero n'imiryango ya gikristo ku gutanga imfashanyo y'igihe gito ahubwo bakaza impinduka irambye.

Binyuze mu gitabo cyaguzwe cyane cyitwa When Helping Hurts, Chalmers yafashije amatorero menshi n'imiryango ya gikristo ku isi yose gutekereza ku bukene bitandukanye, no gutangira gufasha bantu mu bihugu byabo no ku isi yose.

Ushaka kumenya andi makuru ku mfashanyigisho zindi zitangwa na Chalmers Center, wasura urubuga rwabo rwa: chalmers.org. Ikigo cya Chalmers cy'iterambere mu bukungu

14049 Scenic Highway

Lookout Mountain, GA

30750 United States of America info@chalmers.org

VIDEO (PowerPoint) – Iriburiro ku Matsinda yo Kwizigamira – AGA Kahn Foundation

Igice A: Gutegura Itorero

Bande? [Abitabira amahugurwa]

Abayobozi b'itorero, abakorerabushake b'itorero babishaka, n'abashobora kuba mu itsinda

Kuki? [igituma iki gikorwa ari ngombwa]

- Intego yo gukoresha amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya nk'igikoresho cy'umurimo;
- Gusobanura igitekerezo cy'amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya nk'igikoresho cy'itorero;
- Kurema ishyaka, gucunga ibyitezwe, no gusobanura umurimo; no
- Gusobanura imikoranire n'imibanire hagati y'itorero n'itsinda ryo kwizigamira.

Amashakiro

Igice A: Gutegura itorero

Isomo 1: Icyerekezo cy'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira52

Isomo rya 1: icyerekezo cy'Umurimo w'itsinda ryo kwizigamira

INTEGO

Iri somo nirangira, abaryitabiriye bazaba:

1. Basobanukiwe intego y'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira
2. Banyuzwe n'ibiranga umurimo w'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira
3. Basuzumye isano riri hagati y'itorero n'amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya
4. Batangiye gutekereza uko barema itsinda ryo kwizigamira

IMYITEGURO/IBIKORESHO

- Amakaramu y'ibirange, icyo gufatisha impapuro, igipapuro kinini cyo kwandikaho
- Bibiliya Yera
- Bibiliya z'abitabiriye amahugurwa (kubashishikariza kwizigamira izabo)
- Impapuro zitanditseho n'amakaramu
- Igishushanyo cy'imibanire 4 shingiro (Umukoro 1C)
- Igishushanyo cy'utuzu 4 harimo "n'Imana," "N'umuntu ubwe," "N'abandi," na "n'ibindi byaremwe" (Umukoro 1D)
- Igishushanyo: Ibiyiranga by'ibanze (Umukoro 2C)
- Igishushanyo kigaragaza uko intambwe zo gushyira mu bikorwa imirimo y'amahuririo yo kwizigamira no kugurizanya (UmukoroTask 4B)

IGIHE

Isaha 1.5

Iriburiro

Uyumunsi natumiwe ngo nganire n'iri tsinda ibijyanye n'ingamba yo kumenyekanisha amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya ashingiye ku itorero. *Ibwire abantu.*

◇ Mbere yo gutangira, ni nde wadusengera tugatangira?

Umukoro 1: Sobanura imiterere y'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira ishingiye ku mibanire

Iminota 30

Mbere y'uko tuganira amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya, turashaka guhera ku ntego y'uyu murimo.

1A: **Bwira** abagize itsinda:

- ◇ Ni bande musangiye ubuzima/imibereho?
- ◇ Iyi mibanire wayisobanura ute?
- ◇ Aba bantu ubafata ute? Bagufata bate?

Tubashimiye ibisubizo byanyu. Tubona ko imibanire ari ingenzi mu buzima bwacu bwa buri muni. Ni byiza ku Mana nayo.

1B: **Soma** Itangiriro 1:26-28:

Imana iravuga iti “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’amatungo n’isi yose, n’igikururuka hasi cyose.” Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y’Imana ni ko yamuremye, umugabo n’umugore ni ko yabaremye. Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti “Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi.”

Imana irabana. Kuva kera kose yabanaga n’Umwana n’Umwuka Wera.

- ◇ Ni iki uvuga ku kuba Imana ikunda kubana?

Kimwe mu byiza byo kuba twararemwe mu ishusho y’Imana ni uko natwe turi ibiremwa bibasha kubana. Twaremewe kubana—kumenya Imana no kumenywa nayo. Imana yaremeye abantu uburyo bwinshi bwo kubana.

1C: Tega amatwi ubusobanuro burambuye bw’imibanire 4 shingiro

Manika igishushanyo cy'imibanire 4 shingiro maze usabe umuntu kuyisoma.

Imibanire ine y'ingenzi

IMIBANIRE Y'ABANTU N'IMANA

*"Imana irema umuntu mu
ishusho yayo."*

Uyu ni wo mubano ukomeye abantu bagira. Dukwiriye kumenya Imana nka Data, Yesu nk'umucunguzi wacu, na Mwuka Wera nk'umufasha wacu. Iyindi mibanire yose tugira ikomoka kuri uyu mubano.

IMIBANIRE Y'ABANTU NABO UBWABO

*"Mu ishusho yayo niko
yabaremye"*

Imana ishaka ko tumenya impanvu turiho. Twaremewe gukorera no kwereka abandi Imana binyuze mu ntekerezo zacu, amagambo yacu, nibikorwa

IMIBANIRE Y'ABANTU N'ABANDI

*"Umugabo n'umugore
ni ko yabaremye"*

Imana yaturemeye kubana n'abandi. Dukwiriye kwita no kubyo nabo bitaho nk'uko twita ku byacu.

IMIBANIRE Y'ABANTU N'IBINDI BYAREMWE

*Kugira ngo batware amafi
yo mu nyanja, n'inanyi zo
mu kirere, n'amatungo
n'izindi nyamaswa zo mu
gasazi, n'ibindi byaremwe
byose bigendera ku butaka...
mwororoke mugwire; mwuzuze
isi muyitegeke.*

Imana yaturemeye gucunga umutungo wayo (amafaranga, igihe, ibintu n'isi yaremwe). Tugomba gusohoza inshingano zacu nk'ababicunga dukora, twita ku isi, kandi turema ibintu bifasha kandi byubahisha Imana muri iyi si.

Imana mu ijambo ryayo igaragaza uko yiguza ko tubana n'abandi.

1D: Mu yindi mirongo ya Bibiliya uzi,

- ◇ Ese Imana yaturemye ite ngo tugirane umubano na yo?
- ◇ Natwe ubwacu?
- ◇ N'abandi?
- ◇ N'ibindi byaremwe byose?

Bwira abagize itsinda rigari ibyo utekereza maze babiganireho, maze twandika ibisubizo byose ku kibaho.

Umufashamyumvire akwiriye kugabanya ikibaho mu tuzu 4 nkuko biri mu rugero ruri hepfo. Akazu kose kagomba kugira umubano umwe ukanditsemo. wandike ibisubizo mu kazu bijyanye. urugero, abitabiriye amahugurwa nibavuga ko bakundana, bakwiriye kuzuza mu kazu kanditsemo "N'abandi." Bagomba kugira ubusobanuro kuri buri mubano.

N'Imana	Nanjye ubwanjye
N'abandi	N'ibindi byaremwe

Bibiliya itwigisha ko umuntu wese afitanye umubano n'Imana, na we ubwe, n'abandi ndetse n'ibindi byaremwe. Iyo iyi mibanire yose ikora neza, nibwo twishimira ubuzima Imana itwifuriza.

Nubwo twifuzaga ko iyi mibanire yose ikora, siko tubyibonamo kubera icyaha. Ubwo Adamu na Eva batumviraga Imana, icyaha cyinjiye mu isi, maze imibanire yacu yose irangirika.

- ◇ Ni iki wibuka kuri iyi nkuru?
- ◇ Utekereza ko ibyabaye icyo gihe byagize uruhare mu mibanire yacu?

1E: Hari uwadufasha **gusoma** Abakolosayi 1:19-20 mu ijwi riranguruye?

*kuko Imana yashimye ko kuzura kwayo kose kuba muri we.
Kandi imaze kuzanisha amahoro amaraso yo ku musaraba we
imwiyungisha n'ibintu byose, ari ibyo ku isi cyangwa ibyo mu ijuru.*

Bibiliya itwigisha ko Kristo yapfuye azize ibyaha byacu, mu yandi magambo, kugira ngo yunge abantu n'Imana. uyu murongo utwereka ko yapfuye kugira ngo Imana imwiyungishe n'ibintu byose—ngo ibashe guhembura imibanire yacu n'Imana, natwe ubwacu, n'abandi ndetse n'ibindi byaremwe. Yatumye bishoboka ko imibanire ihemburwa kubera urupfu no kuzuka kwa Yesu. Amen!

Dukwiriye gukora ibishoboka byose ngo tubungabunge iyi mibanire. Duhamagarirwa kuba icyitegererezo cy'imibanire myiza no gusana imibanire yangiritse. Iyi niyo ntego y'uyu murimo w'amatsinda yo kwizigamira ni ukubona iyi mibanire yose uko ari 4 igaragaza icyo Imana idushakaho nyacyo.

- Wasobanura ute intego y'uyu murimo mu magambo yawe bwite?
- Ni ibihe byiyumviro, ni ibiki wabonye mu bugenzuzi, cyangwa ibibazo wibaza ku ntego y'uyu murimo?

Umukoro 2: Kwishimira iby'ibanze biranga umurimo w'amatsinda yo kwizigamira

Iminota 30

Noneho reka tuvuge ku gikoresho itorero ryawe rishobora gukoresha kugira ngo rizane ubwiyunge mu mibanire y'abantu. Iki gikoresho ni amatsinda yo kwizigamira.

2A: Amatsinda yo kwizigamira ni uburyo bwo gufatanya kwizigamira

◇ Ni nde wabayeho mu itsinda ryo kwizigamira?

Sobanura uko akora. Bwira abandi inararibonye yawe. Turumva umuntu 1 cyangwa 2. Murakoze kutubwira. Turabona hafi ya mwese musanzwe muzi amatsinda yo kwizigamira.

2B: Nubwo waba wari usanzwe umenyereye amatsinda yo kwizigamira aho utuye, amatsinda turimo kumenyekanisha hano afite ibintu 3 biyaranga by'umwihariko. Tega amatwi iby'ibanze biranga gukoresha amatsinda yo kwizigamira mu itorero.

Andika "Iby'ibanze biranga" nk'umutwe ku rupapuro ubamba ahagaragara.

Iby'ibanze biranga

- 1.
- 2.
- 3.

Andika: "1. Amabwiriza agenga itsinda"

Iby'ibanze biranga

1. Amabwiriza agenga itsinda
- 2.
- 3.

Kuva itsinda ari iry'abanyamuryango, nibo bafite inshingano yo kwishyiriraho amabwiriza abagenga. Na none Bibiliya itubwira neza ko umuntu wese yaremwe mu ishusho y'Imana bityo umunyamuryango wese akaba afite agaciro kandi akwiriye kubahwa. Kurema itsinda bisaba ko umuntu wese agira uruhare mu gutanga ibitekerezo bye mu gushyiraho amabwiriza agenga itsinda agena ubwoko, intego, ibisabwa umunyamuryango, amafaranga y'umusanzu, igihe itsinda rizamara ryizigamira, amabwiriza agenga inguzanyo no kubika neza amafaranga. Ibi byose bituma dutangira kwiwunga natwe ubwacu, kuko bitwereka ko ijambo rya buri muntu rifite agaciro. Binafasha mu mibanire yacu n'abandi, kuko abantu basabwa gukora ibishoboka byose ngo bamenye icyo bagenzi babo batekereza ndetse bakagera aho bafata icyemezo kinogeye bese.

Icya kabiri mu biranga itsinda ni uko itsinda rizatora abayobozi bazakurikirana kandi bagacunga imikorere y'itsinda.

Andika, "2. Abayobozi" ku kibaho muni y'umutwe w'amagambo "Iby'ibanze biranga."

Iby'ibanze biranga

1. Amabwiriza agenga itsinda
2. Abayob ozi
- 3.

Abayobozi bazahugurwa mu miyoborere ishingiyeye kuri Bibiliya yabafasha gukorera amatsinda bayafasha mu gucunga ibyayo, kubahiriza amabwiriza agenga itsinda, imicungire y'imirimo n'inyandiko zayo ndetse n'uburyo bwo gukurikirana no kugenzura itsinda.

Icya gatatu mu biranga itsinda ni inama zihoraho igihe habaye ihanahana ry'amafaranga
Andika, "3. Inama."

Iby'ibanze biranga

1. Amabwiriza agenga itsinda
2. Abayobozi
3. Inama

Kumenya ko turi abanyabyaha kandi tuzahora twoshya gukora icyaha, amafaranga ntatangwa hatabaye inama. Impamvu bikorwa bityo ni ukugira ngo dukorere mu mucyo kandi twirinde uburiganya bwose no kwibeshya gushobora kubaho.

Ikindi, ni amahugurwa magufi kuri buri muni w'inama ku mahame ya Bibiliya ku matsinda yo kwizigamira no kwimakaza icyerekezo cy'ubwiyunge mu mibanire yangiritse. Hari ibikoresho byafasha kuyobora itsinda muri ibi biganiro, harimo amahame avuga ku cyizere, umuco, ubuzima bwiza, kwizigamira n'ubucuruzi buciriritse. Aya mahugurwa atanga amahirwe yo kwiyunga muri ya mibanire 4.

◇ Ni ibihe bibazo cyangwa inyunganizi waba ufite kuri ibi bintu 3 by'ibanze biriranga?

2D: Zirikana ibyo usanzwe uzi ku matsinda yo kwizigamira aho usanzwe utuye.

◇ Ni ibiki ukunda cyangwa wishimira kuri ibi bintu biranga umurmo w'itsinda ryo kwizigamira?

Tubashimiye ko gutanga ibitekerezo byanyu. Turizera koi bi biri bugutere umwete wo gutekereza gukoresha amatsinda yo kwizigamira nk'igikoresho itorero ryakoresha mu murimo.

Umukoro 3: Suzuma isano riri hagati y'itorero n'amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya

Iminota 10

Kugira ngo utangire itsinda ryo kwizigamira, tugomba kubanza gusobanukirwa neza isano riri hagati y'itorero n'itsinda ryo kwizigamira.

3A: Ushingiye ku byo mumaze kumva ku matsinda yo kwizigamira turimo kumenyekanisha, muganire mu matsinda ya babiri umubano mwifuzza kubona hagati y'itorero n'itsinda yo kwizigamira. Turabaha iminota 3, hanyuma turaza kumva bimwe mu bitekerezo byanyu.

Mwakoze kutubwira ibitekerezo byanyu. icy'ingenzi tubona ni uko mwemera ko amatsinda yo kwizigamira yaba umurimo mu itorero ryanyu.

3B: Tega amatwi bimwe mu bitekerezo by'umubano w'itorero n'amatsinda yo kwizigamira bikurikira;

Igituma amatsinda yo kwizigamira akora ni uko abanyamuryango bakurikiza amabwiriza abagenga n'ibyemezo bafata. Nta muntu wakwinjira mu itsinda ryo kwizigamira ngo ategeke ko ibintu bigenda uko ashaka; abagize itsinda bemeranyije amabwiriza agenga imikorere yabo. Abagize itsinda nibo bafata icyemezo cy'uko itsinda ryabo rizamera n'uko rizakora. Ni bo ba nyir'itsinda. Itsinda ryo kwizigamira si iry'umufashamyumvire, itorero, cyangwa ikigo kibafasha. Iby'itsinda ni iby'abanyamuryango b'itsinda ryo kwizigamira, ari bo bacunga itsinda ryabo kandi aribo bifatira ibyemezo. Ni ingenzi mu gusobanukirwa neza isano riri hagati y'itsinda n'itorero.

Umubano mwiza hagati y'itorero n'itsinda urakenewe kubera impamcu 2:

1. Kurinda itorero umugayo igihe havutse ibibazo mu itsinda
2. Kurinda abagize itsinda kugira ngo itorero ridakoreshe nabi ububasha bwaryo kuri bo

Kubera izi impamvu, dutekereza ko icyaba cyiza ari uko abagize itsinda badatora pasitori cyangwa abandi bayobozi mu itorero kuyobora itsinda.

- ◇ Mu magambo yawe bwite, ni iki wumvise ku mubano hagati y'itorero n'itsinda ryo kwizigamira?
- ◇ NI ibihe bibazo wibaza ku byo wumvise?
- ◇ Ni ubuhe buryo ngiro wakoresha kugira ngo itorero ryanyu risigasire umubano mwiza n'amatsinda yo kwizigamira ridakoresheje imbaraga nyinshi?

Mufite ibitekerezo byiza. Mwakoze cyane kubiduha. Ibi ni ibintu by'ingenzi bifasha mu gutuma abantu bamenya ko n'ubwo abagize itsinda aribo bishyiriraho amabwiriza abagenga, iki gikorwa bazakomeza kugifata nk'umirimo ukorwa n'itorero.

Umukoro 4: Mutekereze n'uburyo mwamenyekanisha amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya mu baturiyeye itorero

Iminota 10

4A: Mutekereze uburyo mwamenyekanisha amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya mu baturiyeye itorero.

Andika intambwe zikurikizwa mu gushyira mu bikorwa amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya.

Intambwe z'ishyira mu bikorwa ry'ubwizigame

- 1. MENYESHA ABANDI KANDI USENGE**
- 2. INJIZA ABANTU BASHYA KANDI UBEREKERE UKO BIGENDA**
- 3. YOBORA ABANTU MU KWISHYIRIRAHO AMABWIRIZA ABAGENGA**
- 4. MUTANGIRE INAMA NO KWIZIGAMIRA**

4B: Tega amatwi kandi ukurikire ubusobanuro bw'intambwe ugomba gutera kugira ngo ugire uruhare.

Umufashanyumvire asoma ubusobanuro bwa buri ntambwe isobanurwa hepfo.

Intambwe z'ishyira mu bikorwa ry'ubwizigame

1. MENYESHA ABANDI KANDI USENGE

Bwira abandi bayobozi mu itorero ibyo wumviye hano maze niba iki ari ikintu Imana yifuriza itorero ryawe n'abatuye hafi yaryo. Itorero risabwa kwiyemeza gahunda umwaka wose.

2. INJIZA ABANTU BASHYA KANDI UBEREKERE UKO BIGENDA

Injiza kandi werekere abantu bavuye mu matsinda bareme amatsinda y'abantu hagati y'8 na 30. bitewe n'icyerekezo cy'itorero, amatsinda ashobora kugirwa n'abanyetorero gusa; ashobora kwegera abo hanze akavanga abanyetorero n'abo hanze baturiyeye itorero; cyangwa rikaba iry'ivugabutumwa rikaba igikoresha cyo kugera ku basigajwe inyuma.

3. YOBORA ABANTU MU KWISHYIRIRAHO AMABWIRIZA ABAGENGA

Umufashamyumvire azayobora itsinda mukwishyiriraho amabwiriza abagenga. Inama zo gufata imyanzuro ku mabwiriza ngenga y'itsinda zizajya ziba hagati y'amasaha 5 na 7, bitewe n'imiterere y'itsinda abantu bashaka gutangira. ROSCAs n'amatsinda yoroheje yo kubitsa no kugurizanya bizajya bitwara umwanya uri muni y'uwo twavuze hejuru ASCAs.

4. MUTANGIRE INAMA NO KWIZIGAMIRA

Itsinda ritangira guhura no kwizigamira

- ◇ Ni iki wumvise mu busobanro bw'izi ntambwe?
- ◇ Ni ibihe bibazo ufite?
- ◇ Ufite amatsiko angana iki yo kurema amatsinda y'ukwizigamira?

4C: Bwira abandi ibitekerezo byawe mu biganiro byo mu itsinda rinini.

Ukeneye ubufasha Wambwira. Wangeraho ukoresheje _____.

4D: Reka dusenge Imana iguhe ubwenge uko ugerageza uburyo bwo gukoresha amatsinda yo kwizigamira nk'umurimo itorero rikoresha ngo ryunge abantu n'Imana, na bo ubwabo, n'abandi ndetse n'ibindi byaremwe byose.

Emerera abandi bantu nabo basenge. Hanyuma ubasoreze ubasengera.

SAmwe mu mabanga ya nyuma yagufasha mu gitabo cy'amatsinda yo kwizigamira Igice A: Gutegura amatorero n'abayobozi b'amatorero

NI nde ukwiriye kwitabira uku gutegura?

Hari ibintu by'ingenzi byo kwitabwaho mu kumenya abitabira uku gutegura:

- Umuyobozi w'itorero wemewe akwiriye kumenya uyu murimo no kuwushyigikira
- Nubwo abayobozi nyirizina b'itorero akenshi ari bo bafata ibyemezo biyobora itorero, itorero rishobora abayobozi batari abayobora itorero ariko bayobora ikorwa n'imirimo y'itorero. Ni cyo gituma byaba byiza gutumira bamwe muri aba bayobozi batayobora itorero.
- N'ubwo abagore bakunda gukoresha amatsinda yo kwizigamira kurusha abagabo, ni ingenzi ko abagabo n'abagore bakwiriye kuhaba kumunsi wo gutegura.
- Umufashamyumvire akwiriye gutumira abantu basa n'abishimiye kandi bashishikariye amahirwe yo gutangira umurimo w'amatsinda yo kwizigamira.
- Gutegura abantu byakorwa mu itorero rimwe cyangwa amatorero menshi. Umufashamyumvire akeneye gushishoza uko yabona ubwitabire buhagije kandi akazirikana ko uko ubwitabire bwiyoungera ni ko bitwara umwany munini kugira ngo buri wese abashe kugira uruhare.

Ese uku gutegura kumaze iki?

Uku gutegura kuba kugamije guha abayobozi b'itorero amakuru ahagije kuri uyu murimo kugira ngo ubatere amatsiko kandi ubibashishikarize. Gukwiriye kubafasha gusobanukirwa integ y'uyu murimo, uko umurimo ukora, isano riri hagati y'itsinda ryo kwizigamira n'itorero, n'intambwe zikurikira bakeneye gutera kugira ngo bagire uruhare muri uyu murimo. Abayobozi b'itorero n'abagize amatsinda yo kwizigamira tumaze kumenyekanisha akwiriye gufata amatsinda yo kwizigamira nk'umurimo w'itorero, kandi umunsi wo gutegura ni wo wonyine wakwemerera gusobanukirwa. Ikintu cyose kiba kuri uwo munsi wo gutegura gikwiriye kuganisha abitabiriye ku gufata icyemezo cyo kurema amatsinda yo kwizigamira nk'umurimo itorero rikora.

Intego z'uku gutegura ni izihe?

Gusomanura intego y'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira

Kuko amatsinda yo kwizigamira asanzwe akoreshwa ahantu henshi ku isi, icyo twe twibandaho ni ukugaragaza itandukaniro riri hagati y'amatsinda yo kwizigamira asanzwe n'amatsinda yo kwizigamira aho umufashamyumvire wayo amenyekanisha gahunda y'abayobozi b'itorero. Umwihariko uhari ni intego y'aya matsinda yo kwizigamira nk'umurimo wo gusana imibanire yangiritse hagati y'abantu n'Imana, nawe ubwawe, n'abandi ndetse n'ibindi byaremwe byose. Gusobanukirwa intego y'uyu murimo bishobora gutera umwete wo gutekereza uko bashyigikira amatsinda yo kwizigamira, kuko bitanga andi mahirwe yo kuvuga ubutumwa no kurera abigishwa ku banyetoro n'abarituriye. Birashoboka abantu bamwe bakwishimira kwitabira inama rusange y'itsinda ryo kwizigamira kurusha uko bakwitabira gahunda yo ihoraho yo kwiga Bibiliya cyangwa kwemera gukizwa igihe habaye gahunda z'ivugabutumwa.

Bishimiye iby'ibanze biranga amatsinda yo kwizigamira nk'umurimo mu itorero.

Kwishimira ibintu bitatu by'ibanze biranga aya matsinda yo kwizigamira turimo kumenyekanisha bivuze ko abayobozi b'itorero babasha kubona ibi bikurikira:

- Itandukaniro riri hagati y'aya matsinda turimo kumenyekanisha n'andi matsinda yo kwizigamira asanzwe akorwa n'abaturije itorero.
- Uko ibintu bitatu by'ibanze biranga byubakira ku ntego y'umurimo w'amatsinda yo kwizigamira.
- Kimwe mu bintu bitatu biranga ni inama. Rimwe na rimwe, iyo kwitabira bibaye itegeko bishobora kugabanya umubare w'abitabira. Usanga amatsinda ameze atya agira abayakurikirana bagenda inzu ku yindi bakusanya imisanzu. Inama z'itsinda, ariko hakemerwa gukorera mu mucyo kandi bigatanga amahirwe ku bagize itsinda yo gukura mu mibanire.
- Amahirwe yo kwiyunga ashobora kuba umusaruro w'amatsinda yo kwizigamira

Basuzumye isano riri hagati y'itorero n'amatsinda yo kwizigamira

abayoboye amatorero bagomba gusobanukirwa ko n'ubwo amatsinda yo kwizigamira ari umurimo ukorwa n'itorero, abagize itsinda bagommba kwishyiriraho amabwiriza abagenga n'ubuyobozi. Nibo ubwabo bacunga itsinda ryabo kandi nib o ba nyiraryo. Umubano mwiza hagati y'itorero n'amatsinda yo kwizigamira ni ingenzi kuko kuko urinda amatsinda itorero kandi ukarinda itorero amatsinda.

Batekereje uko batangiza itsinda ryo kwizigamira

Ibintu byose bikorwa mu gihe cyo gutegura abantu bikwiriye guha abayobozi b'amatorero amakuru ahagije yatuma na bo batekereza gutangira itsinda ryo Bakwiriye gusobanukirwa neza icyo bategerejweho nk'itorero ndetse n'intambwe bazasabwa gutera.

Ni iki kihishe inyuma y'uburyo bwo guhugura bukoreshwa mu gutegura abantu?

Mu bice byose bigize iki gitabo, Igice A ni cyo cyagiye gihindurwa kenshi uko imyaka yagiye ihita kirushaho gushyirwa mu buryo bworoshye kandi buvunaguye. Igitabo cyabanje cyafataga umunsi wose. Abafashamyumvire benshi ntibabona umwanya wo kumarana umunsi wose n'abayobozi b'itorero babategura. Hari ibintu byinshi byahozemo byakuwe muri iki gice hagamijwe kubaha umwanya n'ubushobozi by'abayobozi b'amatorero no kugira ngo intego zigerweho mu gihe cyagenwe. Ukurikije ibikubiyemo byarekewe muri iki gice cyo gutegura abantu, umufashamyumvire ashobora kumva byihua bisa n'aho ari isomo atanga aho kuba ikiganiro. Ibibazo rusange byagenwe ku itangira ndetse n'umusozo w'imwe mu mikoro ni ingenzi mu gufasha umufashamyumvire gusembura ikiganiro. Iyo ay mahirwe yo kuganira tuyanyuzemo twihuta, usanga icyo cyiciro cyose gisa n'inyigisho imaze isaha n'igice kandi abanyeshuri batahawemo umwanya wo kwisanzura ngo bagire ibyo babaza n'ibyo basubiza.

Uyu munsi wo gutegura uteganya ko ushobora no gukoreshwa ku bantu benshi kuruta ibindi bice by'iki gitabo. Ubwinshi bw'abantu bushobora gutuma bigorana kugira amatsinda akora neza aho abantu babasha kubona umwanya wo gutanga ibyabo bitekerezo kandi birahenze kurushaho kubera imfashanyigisho ziyongera kandi ibyapa bigomba kuba bigari kurushaho. Abafashamyumvire bashobora guhitamo ibyapa byakoreshejwe muri iki cyiciro, kugira ngo ntibizongere kumusaba izindi mpapuro.

Ni izihe ngorane zikomeye muri uyu mwiguro?

Ibyo abayobozi b'itorero bateze kuri iyi gahunda

Kubera ibyabaye ahahise, amatorero menshi akorera ahantu hakennye akunda kwibwira ko "gahunda" nshya muri ako gace izazana uburumbuke mu mutungo cyangwa ihe abantu amafaranga y'ubusa, inguzanyo, cyangwa izindi mpano z'ubundi bwoko. Abayobozi b'itorero bitabiriye icyo gikorwa cyo kwitegura bashobora kwibwira ko umufashamyumvire hari ikindi ari bubahe kirenze amahugurwa ajyanye n'amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya. Abayobozi b'itorero bakunda

kumva amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya nk'ibigo byo kwizigamira cyangwa bitanga inguzanyo iciriritse (ni amatsinda yo kwizigamira atagira igihe arangirira). Umufashamyumvire aba akeneye gusengerwa kugira ngo abahugurwa basobanukirwe ubutumwa nyabo buteganyijwe ku munsu wo gutegura abantu kandi agire ubwenge gusubiza abateganyaga ibirenze amahugurwa igihe bivutse. Na none ni ingenzi ko umufashamyumvire yigengesera igihe bene ibyo bibazo bivutse akamenya uko abyifatamo mu mvugo no mu ngiro. Amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya acungwa na ba nyirayo kandi abo nta bandi ni abanyamuryango ba ryo, kandi nta nkunga izava hanze ngo ihabwe itsinda.

Kuboneka kw'abayobozi b'itorero

Benshi mu bayobozi b'itorero bashobora kutabona umwanya wo kwitabira amahugurwa yo gutegura amara amasaha 16. Biranashoboka ko bakumva badashaka kuyitabira. Ubwo rero kwemera iyi gahunda kw'abayobozi b'itorero no kuyiyumvamo ari ingenzi mu kugira ngo uyu murimo w'amatsinda uzagire umusaruro urambye hazabeho umubano mwiza hagati y'itsinda ryo kwizigamira n'itorero, bishobora kuba ngombwa ko umufashamyumvire asura abayobozi b'itorero iwabo kugira ngo ategure abapasitori/abayobozi buri wese ukwe. Hanyuma umufashamyumvire agatumira inama y'abayobozi bose b'itorero hamwe kugira ngo babaze ibibazo cyangwa impungenge bafite no kugaragaza icyemezo bafata ku bizakurikira.

Abayobozi b'itorero batabishishikariye

Uko umufashamyumvire yakora kose cyangwa ibyo yavuga byose, Imana igomba kubanza gukora ku mitima y'abayoboze itorero ngo babone ubushobozi umurimo w'amatsinda yo kwizigamira ufite mu itorero. Ingamba zo gukemura ikibazo cy'atabishishikariye ni:

- Gusenga ngo Imana ikore ku mitima y'abayobozi b'amatorero kandi umufashamyumvire agire kwihangana.
- Gukomeza kugirana imibanire myiza kandi ihamye n'abayobozi b'itorero ubagaragariza urukundo, ubitaho, kandi ugira uruhare mu bikorwa by'itorero ryabo
- Gusaba abayobozi b'itorero ko bakwemera ko mwagerageza uyu murimo w'itsinda ryo kwizigamira mu bagore mu itorero..

Nyuma y'uwo munsu wo gutegura hakurikiraho iki?

Abafashamyumvire bakwiriye gukurikirana abitabiriye umunsu wo gutegura kandi akabikora ku buryo buhozeho. Uko utinda kurema itsinda nyuma y'umunsu wo kubitegura, ni ko umwete wo kubishishikarira no kubishyira mu bikorwa ugabanuka.

Gushaka abazaba mu itsinda ryo kwizigamira

Hagati y’umunsi w’amahugurwa yo gutegura no kurema amatsinda, abayobozi b’itorero bagomba kumenyesha abanyetorero n’abaturanyi iby’amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya n’ibiyakubiyemo. Bakwiriye no kugerageza kurarika abadasanzwe mu matsinda yo kwizigamira cyangwa abitwa “abakene” mu baturanyi babo. Agace kose kagira imyumvire yako ku uko “abakene” basa. Abantu bashobora kudakoresha amatsinda yabo kuko batabishoboye (urugero bashobora kutabona umusanzu wemejwe wa buri cyumweru), cyangwa bahisemo kutabigiramo uruhare, cyangwa barabujijwe kwinjira mu matsinda yo kwizigamira, bishobora kuba biterwa n’uko batabaye abizerwa mu yandi matsinda bakaba baramenyekanye ku kutizerwa kwabo. Uko abanyetorero birarikwa kwinjira mu itsinda, bakwiriye kwibaza uko bagera ku batagerwaho na serivisi z’ubukungu (abadashobora kubona uko bakora amatsinda yo kwizigamira), z’imibanire n’abandi, na/cyangwa abo batazi Yesu Kristo. Abanyetorero bagomba kurarika abadakijijwe ngo binjire mu itsinda. Ariko kuko icyizere ari ingenzi (cyane cyane mu matsinda akiri mashya), hakunda kuvuka impaka kubera abadashaka ko abadakijijwe binjira mu itsinda. Rimwe na rimwe 2 Abakorinto 6:14 ni hakunda kuvugwa n’abantu bashaka gushyigikira iki gitekerezo; “ntimwifatanye n’abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanye bite? Cyangwa umucyo n’umwiji byabana bite?” n’ubwo ari ukuri ko abakristo “batoranijwe” muri iyi si kandi badakwiriye “kubaho nk’abadakijijwe,” na none tubwira byeruye kuba umunyu n’umucyo mu isi y’umwiji. Bumwe mu buryo abakristo bakoresha baba umunyu n’umucyo w’isi ni amatsinda yo kwizigamira, gukoresha icyizere n’imbaraga z’itsinda guhindura abigishwa no kubwiriza abadakijijwe. Amatorero amwe yifuza kubanza gukora igerageza ry’amatsinda yo kwizigamira akoresheje abakristo mbere yo kwakira abatari abakristo. Ibi bishobora kongera ubuhamyaga n’agaciro by’itsinda mu baturanyi itorerero.



Igitabo cy'Amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya

Igice B: Kurema Amatsinda

Muri iki gice muraza:

- Kubwira iby'ubuyobozi bw'itsinda
- Gushyiraho amabwiriza agenda amatsinda yo kwizigamira
- Ibande ku rufatiro rwo kuzahura abantu mu bukene

Igitabo cy'Amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya—Igice B: Kurema Amatsinda— Igitabo cy'abatanga Amahugurwa

Copyright © 2011 Chalmers Center for Economic Development

Ikigo cya Chalmers Center gifasha amatorero n'indi miryango ya gikristo kumenya uburyo bwiza bwo kugaragariza abakene urukundo. Turashaka guhindura uburyo bwo gutanga imfashanyo yo kurwanya ubukene, dukura amatorero n'imiryango ya gikristo ku gutanga imfashanyo y'igihe gito ahubwo bakaza impinduka irambye.

Binyuze mu gitabo cyaguzwe cyane cyitwa *When Helping Hurts*, Chalmers yafashije amatorero menshi n'imiryango ya gikristo ku isi yose gutekereza ku bukene bitandukanye, no gutangira gufasha bantu mu bihugu byabo no ku isi yose.

Ushaka kumenya andi makuru ku mfashanyigisho zindi zitangwa na Chalmers Center, wasura urubuga rwabo rwa: chalmers.org. Ikigo cya Chalmers cy'iterambere mu bukungu

Chalmers Center for Economic Development

14049 Scenic Highway
Lookout Mountain, GA
30750 United States of America

info@chalmers.org

Igice B: Kurema Amatsinda

Bande? [Abitabiriye amahugurwa]

Abafite amahirwe yo kuba amanyamuryango b'itsinda ryo kwizigamira

Kuki? [igituma icyo gikorwa kigomba kubaho]

Gushyiraho amabwiriza azagena imikorere myiza y'itsinda ryo kwizigamira no kugurizanya hashingiwe ku Nzu yubakiye ku mahame mu kubungabunga icyo itsinda ribereyeho, ubunyamuryango, amafaranga no gucunga umutungo

Witegereze: nyuma yo gusoza isomo rya mbere: Inzu yubakiye ku mahame. umufashamyumvire nibwo azafasha itsinda mu nyigisho yo gushyiraho amabwiriza.

Amashakira

Igice B: Kurema amatsinda

Isomo rya 1: Inzu yubakiye ku mahame 74

Isomo rya 2: Gushyiraho amabwiriza agenga amatsinda yo kwizigamira 81

Isomo rya 1: Inzu yubakiye ku mahame

INTEGO

Iyi nyigisho ya 1 nirangira abitabiriye amahugurwa bazaba bamaze:

1. Basuzumye Inzu yubakiye ku mahame
2. Bashyize ingamba z'Inzu igendera mu mabwiriza agenga itsinda

IMYITEGURO/ IBIKORESHO

- Amakaramu yabugenewe, icyo gufatisha impapuro, impapuro zitanditsho, icyo kumanikisha ibyapa
- Bbiliya
- Impapuro zitanditseho n'amakaramu
- icyapa: Abayobozi (Yakuwe ku mugereka wateguriwe umukoro wa 1)
- Isashe ibonerana irimo ibishyimbo byumye n'anvelope irimo ibishyimbo byumye (Umukoro wa 1)

IGIHE


Isaha 1

Iriburiro

Uyu muni tugiye gutangira kuganira ku mahame atuma amatsinda yo kwizigamira akora neza.

◇ Tutarangira, ni nde wadufasha kudasengera?

Inzu yubakiye ku mahame



Umukoro wa 1: Gusuzuma amahame yubakirwaho

◇ Ni nde wadufasha kudasomera Matayo 7:24-27?

Murakoze.

1A: Tega amatwi udusomera ibyo Yesu yavuze muri Matayo 7:24-27.

“Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk’umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, imvura iragwa, imivu iratamba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinzwe ku rutare. “Kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze, azaba ari nk’umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi, imvura iragwa, imivu iratamba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu iragwa, kandi kugwa kwayo kwabaye kunini.”

◇ Ni iki wumva muri iyi mirongo?

Bwira abantu kuvuga icyo bumvisemo maze mubiganireho.

Itsinda ryo kwizigamira ni nk’inzu. Keretse ibice bigize iyo nzu bikora neza kandi ikaba yubatse ku rutare, naho ubundi izasenyuka.

◇ Ese urutare umuntu yubakaho inzu ni iki?

Fata icyapa gishushanyijeho inzu yubakiye ku mahame ucyomeke ku rukuta. Wandike ku rutare ngo ‘Yesu n’ijambo rye’.

Kuva rero iri tsinda ryo kwizigamira ari umurimo w’itorero, twizera ko Yesu n’ijambo rye ari byo bitanga gukomera no gushikama. Ir tsinda rero uko rihuye rizajya rigira umwanya wo kwiga amahame ashingiye kuri Bibiliya.

1B: Suzuma inzu yubakiye ku mahame. Iyi nzu ni ikimenyetso cy’itsinda ryanyu ryo kwizigamira, kandi amahame tugiye kuganiraho ni yo itsinda ryanyu rizakenera kugira ngo ribashe gukora neza.

Urufatiro rw’iyo nzu ni icyizere. Andika ‘icyizere’ ku rufatiro rw’iyo nzu.

◇ Icyizere kivuze iki ku itsinda ryo kwizigamira?

Bwira abandi mu itsinda urimo ibitekerezo byawe.

Tega amatwi ubusobanuro bw'icyizere bukurikira.

Icyizere ni cyo rufatiro rw'imikorere yose ijyanye n'imari. Niba abagize itsinda batizeranye, ntibazatanga imisanzu yabo mu itsinda. Nta mikorere ijyanye n'amafaranga yakora nta cyizere kuri hagati y'abanyamuryango n'abayobozi.

1C: Tega amatwi ibi bintu bikurikira bitandukanye.

- Umunyamuryango w'itsinda atangira kunanirwa gutanga umusanzu we wa buri cyumweru.
- Itsinda ryo kwizigamira ryakiriye umunyamuryango mushya hanyuma umunsi yafashe ntiyagaruka mu itsinda.
- Umubitsi w'itsinda akunda kunanirwa kwerekana inyemezabwishyu y'uko yabikije amafaranga kuri banki.
- Umuyobozi w'itsinda akoresha amafaranga y'itsinda yigurira ikibanza.

◇ Ibi bintu ni iki bikubwira ku cyizere?

◇ Iyo icyizere kijemo agatotsi bigenda bite?

◇ Kuki icyizere ari cyo gikwiriye kuba urufatiro rw'itsinda ryo kwizigamira?

1D: Inkingi ya mbere muri iyi nzu ni Umuco(discipline).

Andika 'Umuco (discipline)' ku mwanya wa mbere.

◇ Kwiminyereza kuri wowe bivuze iki?

◇ Ni izihe ngero z'ibyo umuntu yimenyereza?

Tega amatwi ubu busobanuro bukurikira ku muco.

Umuco bivuze kubahiriza ibyo wiyemeje mbere y'Imana n'abantu. Abanyamuryango b'itsinda bakwiriye kugira umuco wo kwizigamira no kwishyura inguzanyo bahawe. Itsinda ntirizabasha kwizigamira niritimenyereza kongera ya mafaranga. Iyo umunyamuryango atishyuye umusanzu we, ntibyica izina ry'uwo munyamuryango gusa, ahubwo bishobora no kwangiza itsinda ryose kuko riba ritakibasha gufasha abanamuryango icyo ryabemereye. Abanyamuryango batanga imisanzu yo kwizigamira cyangwa kwishyura inguzanyo igihe bizera ko ibyo bakeneye ku itsinda bizakomeza kubageraho.

◇ Kuki uyu muco ari ingenzi ku itsinda?

1E: Inkingi ya kabiri muri iyi nzu ugukorera mu mucyo.

Andika 'gukorera mu mucyo' ku nkingi ya kabiri.

Reba ibi bintu bipfunyitsemo ibishyimbo.

◇ Wowe urabibona ute?

Erekana isashe irimo ibishyimbo na anvelope irimo ibishyimbo.

Hindukirira uwo mwicaranye. Umubaze uti:

◇ Gukorera mu mucyo bimariye iki itsinda rihana amafaranga?

Hanyuma turaza kumva mwese.

Tega amatwi ubusobanuro bukurikira bwo gukorera mu mucyo.

Gukorera mu mucyo bivuze kudashyamba. Ihererekanya ry'amafaranga iryo ari ryo ryose ryaba kwizigamira, inguzanyo n'ubundi bwishyu bwose bikwiriye gukorwa igihe abagize itsinda bese bahuye. Ahatari ugukorera mu mucyo, abanyamuryango cyangwa abayobozi bashobora gukura amafaranga mu itsinda bakayakoresha nabi.

◇ Kuki gukorera mu mucyo ari ingenzi ku kugera kuri byinshi ku itsinda?

1F: Inkingi ya nyuma kuri iyo nzu ni Ubuyobozi. Andika 'ubuyobozi' mu nkingi ya nyuma.

Tega amatwi ubusobanuro bukurikira bw'ubuyobozi.

Ubuyobozi bivuze gutanga icyerekezo no gufasha gucunga itsinda kandi wicishije bugufi. Abayobozi batowe bakora ibishoboka ngo babone ko itsinda rikora neza.

Muganire impamvu ubuyobozi ari ingombwa kugira ngo itsinda ryo kwizigamira rigere kuri byinshi.

1G: Suzuma igisenge cy'iyi nzu.

◇ Igisenge gifasha gite mu kurinda inzu?

Andika ibice 4 bigize igisenge—Ubusonga, Gushyigikirana mu mibanire, gutumbira, gusenga maze usome ubusobanuro bukurikira.

Kuba igisonga—uko dutangira gufatanya kwizigamira, itsinda ryacu rishobora gutangira kwiga uko twacunga neza ibyo Imana yaduhaye.

Gushyigikirana mu mibanire—Iyo dukomezanya, twubaka icyizere mu itsinda ryacu. Ibi bitwemerera gukura mu ibanire yacu kandi bayatugeza kuri byinshi ku bijyanye n’amafaranga.

Gutumbira—Binyuze mu gusoma ijamba ry’Imana twabasha gusobanukirwa abo turi bo. N’abo bataramenya Imana bashobora kwiga biruseho umugambi wayo ku buzima bwabo.

Gusenga—Gusenga bitwemerera gushaka ubwenge bw’Imana tukakira kuyoborwa na yo, ari byo bidufasha gukura mu mubano n’Imana.

1H: Shyira abantu mu matsinda ya batatu. Muganire: Uko buri gice muri ibi 4 bigize igisenge kirinda inzu. Mufite iminota 5. Hanyuma turaza kumya mwese hamwe.

Ibice 4 by’inzu ni byo by’ingenzi bituma imikorere yose ishingiyeye ku mari ikora neza—Icyizere, umuco, gukorera mu mucyo n’ubuyobozi. Ibi nibyo bituma itsinda riramba. Ibice 4 bigize igisenge bigomba kubaho kugira ngo birinde itsinda ibibazo bikunze kuvukamo.

Umukoreo wa 2: Amahame yubaka inzu agomba gushyirwa no mu mabwiriza agenga itsinda

2A: Shaka umuntu mufatanya. Muganire amwe mu mabwiriza mwashyiraho mushingiye ku mahame mwumvise. Mufite iminota 5.


2B: Andika ibitekerezo byose mwagize ku rupapuro rwihariye. Hanyuma, igitekerezo cyose mukimanike ku rukuta.

Nimurangiza, turaza kumva ibitekerezo byanyu mwese. Turaza kongera kongera kubimanika mu isomo ryacu ry'ubutaha kugira ngo twibukiranye ibyo mwavuze.

Amahame yubaka inzu adufasha gutekereza uko twagira itsinda rikomeye kandi rikomejwe no guhyira aya mahame mu mabwiriza agenga itsinda. Mu nama z'ubutaha, tuzaganira ihame ryose ukwaryo. Reka dusabe Imana iduhe gukoresha aya mahame muri iki gihe cyo gushyiraho amabwiriza agenga itsinda.

◇ NI nde wadufasha akadusengera?

Umugereka: Inzu yubakiye ku mahame



Isomo rya 2A: Gushyiraho amabwiriza agenga amatsinda yo kwizigamira

INTEGO

Iyi nyigisho irarangira, abayitabiriye bamaze:

1. kwemeranya icyo itsinda ryabo rigamije
2. Bashyiza umurongo ngenderwaho w'abanyamuryango b'itsinda
3. Bashyizeho amabwiriza y'amafaranga y'itsinda 4. Batekereje kandi bagashyiraho abacunga itsinda

GUTEGURA/IBIKOR ESHO BIKENEWE

- Bibiliya (Iriburiro)
- Umutwe "Iyoboraborabiganiro y'ibiganiro" ku rupapuro (Iriburiro)
- Igishushanyo: Inzu yubakiye ku mahame iri mu nyigisho ya 1 (Iriburiro)
- Andukura ku rupapuro icyo mubereyeho ku rupapuro rushya nkuko cyanditse ku rupapuro rw'amabwiriza abagenga. (Umukoro wa 1)
- Andukura amabwiriza agenga abanyamuryango ku mpapuro 2 nshya nkuko biri ku rupapuro rw'amabwiriza agenga itsinda (Umukoro 2)
- Andukura amabwiriza agenga amafaranga ku mpapuro 4 nshya nkuko ari ku rupapuro rw'amabwiriza aganga itsinda (Umukoro 3)
- Amakarita cyangwa uduce tw'impapuro hamwe n'amakaramu y'ibiti (Umukoro wa 3)
- Andukura amabwiriza agenga imicungire ku mpapuro 2 nshya (cyangwa zirenzeho) nkuko byanditse ku rupapuro rw'amabwiriza agenga itsinda (Umukoro 4)
- Amakaramu y'amarange, agafata impapuro, impapuro zitanditseho.

IGIHE

Amasaha 7

Manika igishushanyo cyuzuye cy'inzu yubakiye ku mahama ku rukuta.

Iriburiro

Fatisha ku rukuta igishushanyo cyuzuye cy'inzu yubakiye ku mahame.

Uyumunsi turaganira ku buryo bwo gushyiraho amabwiriza y'amatsinda yo kwizigamira.

◇ Hagira umuntu udusengera dutangire mbere y'uko dutangira?

Amabwiriza agenga itsinda agira ingaruka kuri buri wese muri mwe. Ibyemezo ku mabwiriza agenga itsinda ryanyu muri bufatire muri iyi nama, umuntu wese agomba kuyemera, akayemeza kandi akayiyumvamo—abagize itsinda bese. Ndabafasha mu rugendo rwo gufata ibyemezo; ariko, sinabafatira ibyemezo. Umunyamuryango wese yemerewe kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo. Ibyo mwemeza bizafasha kuyobora itsinda ryanyu.

Uko uyumunsi dukomeza gutekereza gushyiraho, umva icyo ijamba ry'Imana rivuga mu Abafilipi 2:3-4:

Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

Tekereza kuri iyi mirongo.

◇ Ni iki ivuga ku matwara yacu n'ibyo dukora?

◇ Igihe urimo gutanga igitekerezo cyawe mu itsinda, wakwifuzaga ko cyakirwa gite?

Baza ibisubizo byawe. Tuzandika ibitekerezo byawe ku rupapuro rw'" iyoborabiganiro dukoresha mu biganire byacu".

Bimwe mu bitekerezo hashobora kubamo ibi bikurikira: kubahana n'igihe ibitekerezo byaba bitandukanye, tega amatwi, saba abantu gusubiramo bakoresheje amagambo make kugira ngo usobanukirwe neza, n'ibindi.

Ibi ni ibitekerezo byiza cyane. Mufatanyije, mwiremeye iyoborabiganiro ngenderwaho mu biganire byanyu. Uko dushyiraho amabwiriza ngenderwaho y'itsinda, reka dukurikize iyoborabiganiro.

Uyumunsi turaza gufatanya gufata ibyemezo byinshi.

◇ Ni gute mwifuzaga kuzajya mufata ibyemezo ku bwiganze bw'amajwi (cyangwa kuganira kuri icyo gitekerezo kugeza ubwo twemeranije), bagatora babigaragarisha ibiganza, cyangwa gutora biherereye (aho wandika ijwi ryawe ku rupapuro), cyangwa ubundi buryo?

Bwira abandi bo mu itsinda rinini ibitekerezo byawe. Icyo numva ko muvuga ni uko mwifuzaga kuzajya mufata ibyemezo mukoresheje (subiramo icyo bemeje).

Umukoro wa 1: Kwemeranya icyo itsinda ryo kwizigamira rigamije (ribereyeho)

Turaza gutangira ibiganiri ku mabwiriza tunganira ku cyo itsinda ribereyeho. Icyo itsinda ribereyeho kigaragaza icyo itsinda rizageraho. Amabwiriza yose itsinda rishyiraho agomba gurifasha kugera ku cyo ribereyeho.

Benshi muri mwe muri hano, kuko ufite igitekerezo cy'icyo wakoresha ubwizigame bwawe. Bitabaye ibyo, fata umwanya utekereze icyo wakwifuzaga gukoresha ubwizigame bwawe. Kugira intego ugamije kugeraho ni uburyo bumwe bwo kuba igisonga kandi ni bimwe mu bigize igisenge cy'inzu yubakiye ku mahame.

1A: Mukore urutonde rw'ibijyanye n'amafaranga abanyamuryango b'itsinda ryanyu bakeneye.

Bishyire mu byiciro ukurikije inyito, urugero: ibikoresho byo mu rugo, Ibisabwa mu kwiga, igishoro cy'ubucuruzi, cyangwa kwishyura amadeni.

- ◇ Ubibona ute?
- ◇ Ushingiye kuri ibi bintu bikenerwa, urakeka ko Imana ari ibihe yakwifuzaga ko ikubera intego yo kwizigamira kwawe?
- ◇ Murashaka kwemerera abantu kugira intego zitandukanye?

1B: Musengerane kugira ngo Imana ibereke icyiza mwakoresha ubwizigame bwanyu. Nk'itsinda, shaka ubujyanama ku mubare w'amafaranga uzakenera kwizigamira. Mukoreshe iminota 5-10.

1C: Suzuma igishushanyo cy'inzu yubakiye ku mahametwabonye mu nama yacu y'ubushize.

- ◇ Ni gute aya mahame agira uruhare ku cyo itsinda ryanyu ribereyeho?

Bamba igishushanyo cya "Icyo tubereyeho".

1D: Muhitemo umwe muri mwe yandike ibindi itsinda rigamije kuri icyo cyapa.

Icyo itsinda ryacu rigamije ni uguhesha Imana icyubahiro rishyira mu bikorwa amahame yubaka inzu ihamye no gufatanya kwizigamira no gukurikira intego twihaye ku bijyanye n'amafaranga: _____
 _____ . (Amabwiriza y'itsinda, #1)

◇ Ni ibihe bibazo wibaza ku ntego z'itsinda?

1E: Saba abantu ibitekerezo byabo ku izina mwakwita itsinda ryanyu. Muhitemo ibitekerezo byahuriwe na benshi maze mutore kimwe muri byo. Hanyuma, turaza Kwandika izina ry'itsinda ku cyapa kimwe n'icyo itsinda ribereyeho (rigamije).

Umukoro 2: Mushyireho umurongo ngenderwaho mu kwemera abanyamuryango

Reka noneho turebe amabwiriza agenga abanyamuryango dutekereza uzemererwa kuba umunyamuryango w'itsinda. Muzirikane inzu yubakiye ku mahame. Itsinda rikeneye abanyamuryango bazarifasha gushyira aya mahame mu ngiro.

Manika igishushanyo "Abanyamuryango".

2A: Mu itsinda rinini, baza abantu ibikwiriye kuranga abantu bashobora kuba abanyamuryango.

Turaza kwandika ibisubizo byanyu ku rupapuro rwitwa: Ubunyamuryango (Amabwiriza agenga itsinda, #2.)

Ibitekerezo bimwe itsinda ryarebaho harimo: Kuba umwizerwa, Umuco wo kwishyura, kuba umuntu ugira inshingano, ushoboye kandi wiyemeje kwitabira inama z'itsinda, udahishanya kandi utarema ibice, wemera kwigishwa no kugira gutanga umusanzu we.

◇ Ni nde wiyemeza kuba umunyamuryango w'itsinda?

Niba abantu 15 cyangwa 25 bashaka kuba abanyamuryango, si ngombwa ko mushaka abandi banyamuryango.

◇ Ese hari abandi batari hano bifuzwa kuba abanyamuryango b'itsinda?

2B: Mureke tunganire ku bibazo rusange bidufasha gushyiraho amabwiriza agenga itsinda. Ndaza kwandika ibitekerezo byanyu ku rupapuro rufite inyito: Ubunyamuryango.

What will you do with new members who want to join the group after the cycle has started? (Group Policies, #3)

What will you do with members who leave the group voluntarily before the cycle finishes? (Group Policies, #4)

Ni iki muzakorera abanyamuryango bagomba kuva mu itsinda kubera impamvu zitabaturutseho? (Amabwiriza agenga itsinda, #5a)

Ni iki muzakorera umunyamuryango igihe apfuye mbere y'uko igihe itsinda ryihaye cyo kwizigamira kitararingira? (Amabwiriza agenga itsinda, #5b)

Ni ryari byaba ngombwa ko umunyamuryango yirukanwa mu itsinda? (Amabwiriza agenga itsinda, #6a)

Ni iki muzakorera umunyamuryango wirukanywe ku bijyanye n'amafaranga ye? (Amabwiriza y'itsinda, #6b)

◇ Ni ibihe bibazo mufite ku mabwiriza mumaze gushyiraho ku banyamuryango?

Umukoro wa 3: Mushyireho amabwiriza agenga amafanga y'itsinda

Noneho reka tuganire ku mafaranga. Mwibuke ko umuco ni ikintu gikenewe kugira ngo umuntu abashe kwizigamira mu buryo bubyara umusaruro.

◇ Umwifato umenyereye (discipline) bisobanuye iki?

Discipline (umwifato wimenyerejwe) bivuze gusohozza ibyo wiyemeje byose imbere y'Imana n'abantu.

Kubera impamvu zo gukorera mu mucyo, ibyerekeranye n'amafaranga y'itsinda byose bikorwa mu gihe cy'inama.

◇ Gukorera mu mucyo ni iki?

Gukorera mu mucyo bivuze kutagira icyo uhisha abandi banyamuryango. Kwirakwiza udukarita cyangwa udupapuro n'amakaramu mu bantu bose.

3A: Andika murashaka kwizigamira angahe (umubare) kandi kangahe (nko mu cyumweru, kabiri mu cyumweru, cyangwa rimwe mu kwezi) kuri ako gakarita. Uko utekereza umubare w'amafaranga ushaka kwizigamira, wibuke ibyo mwaganiriye ku ntego mwihaye yo kwizigamira.

Nimumara kwandika muhererekanye ayo makarita muyansubize. Ndaza kwandika ibisubizo byanyu ku rupapuro rutanditseho cyangwa ku kibaho.

Andika "buri muni", "buri cyumweru", "kabiri mu cyumweru", na/cyangwa "buri kwezi" bitewe n'ibyo abantu banditse. Hanyuma hirya ya buri ngingo, wandike umubare w'abantu bashaka kwizigamira izo nshuro.

Reka tubanze twemeranye inshuro tuzajya duhura.

◇ Nshingiye ku bisubizo byanyu, dukwiriye guhura kangaha?

Andika ku cyapa cyanditsweho "Amafaranga".

3B: Tega amatwi ubusobanuro bukurikira ku bijyanye n'imigabane:

Kugira ngo tukorohereze ibizagufasha kubika amakuru neza, umuntu wese yizigamira mu buryo bw'imigabane. Umugabane ni umubare w'amafaranga buri munyamuryango atagomba kujya muni yizigamira. Urugero, reka tuvuge ko agaciro k'umugabane ari 10. Umuntu niyizagamira 50 mu nama 5 zitandukanye, aba afite imigabane 5. Abantu ntibaba bemerewe kwizigamira atagera ku mugabane. Mu yandi magambo, niba umugabane ari 10, nta muntu wemerewe kwizigamira 11, 12, 13, 14, 15, 16, 17, 18, cyangwa 19. Agomba kuba ari mu mibare ijyanye n'10 nka 10, 20, 30, 40, 50, n'ibindi. Nyuma muraza kwemeza niba umuntu yemerewe kwizigamira umugabane urenze 1. Birashoboka ko abantu 2 baba badashobora kubona amafaranga ahagije yo kwizigamira umugabane 1, icyo gihe bashobora kwiyumvikanira bagahuza bakuzuza umugabane. Bombi bazakomeza kwitabira inama kandi uko baje bakaza bafite ayuzuye umugabane.

◇ Ni ibihe bibazo mufite byerekeranye n'imigabane?

Andika ku rupapuro rushya cyangwa ku kibaho ibyo abantu banditse ku makarita. Niba hari umuntu wanditse inshuro 40 ku kwezi, kandi itsinda rikaba riyemeje kwizigamira buri cyumweru ubwo wandike inshuro 10 mu cyumweru. Kurikirane umenye neza ko imibare yose yanditse ni imibare ivuga inshuro zo kwizigamira yari yemejwe.

◇ Nshingiye ku bisubizo byanyu, murashaka ko umugabane uba angaha?

Mureke twandike ku kibaho/urupapuro runini agaciro k'umugabane 1 n'inshuro itsinda rizizigamira twabihaye umutwe witwa: Amafaranga (Amabwiriza agenga itsinda, #7a)

Ese umunyamuryango azemereewe kwizigamira umugabane urenze 1? Baza ibisubizo byanyu hanyuma biganirweho. (Amabwiriza agenga itsinda, #7b)

Mureke dusubize ibindi bibazo byinshi bijyanye n'amafaranga y'itsinda. Mwandike ibisubizo byanyu ku rupapuro runini/ikibaho.

◇ Umunyamuryango w'itsinda wandika neza waza akadufasha kwandika ibyavuzwe n'amabwiriza ni nde ngo aze adufashe?

Ni iyihe taliki mwakwemeza yo kuzatangiraho umugabane wa mbere? (Amabwiriza agenga itsinda, #8a)

Itsinda ryo kwizigamira rigomba kuba rirangiye mu gihe kitarenze umwaka 1. Ni iyihe taliki mushaka kwemeza ko icyiciro cyo kwizigamira kizarangirira? (Amabwiriza agenga itsinda ryo kwizigamira, #8b)

Igihe n'ahantu muzajya mukora inama? (Amabwiriza agenga itsinda, #9)

[WIBUKE: Niba bishoboka, mubitse amafaranga kuri banki cyangwa SACCO. Konti ya Banki igomba gufungurwa ku buryo abantu 3 bagomba kuba bahari bose mu gihe hagiye kubikuzwa ariya mafaranga. Niba bitoroshye kubona banki cyangwa SACCO, amafaranga ashobora kubikwa mu gasanduka kagashyirwaho ingufuri 3 bakaba ari nabo babika imfunguzo ariko agasanduka kakabikwa n'undi muntu wa kane.

Umusanzu muzasaba buri munyamuryango ni angahe kugira ngo ariyo muguramo agasanduka n'ingufuri, ibitabo n'ibindi bishobora gukenerwa mu itangira ry'itsinda. (Amabwiriza agenga itsinda, #11)

3C: Mureke noneho tuganire ku mabwiriza agenga inguzanyo.

Ni ryari itsinda rizatangira gutanga inguzanyo? Turandika ku rupapuro runini ibitekerezo byose mushaka ko twakuramo amahame. (Amabwiriza agenga itsinda, #12)

Mwibuke ko, iri tsinda ryo kwizigamira ni rishya kandi ibyo bituma hataburamo ibintu bitagenda neza kuko ni ukwigerezaho. Abanyamuryango benshi bagomba kuba bashobora gufatira rimwe inguzanyo. Niba hari ufashe inguzanyo nini byatuma itsinda ritabasha gutanga izindi nguzanyo. Niba inguzanyo mutanga ari nto cyane bizatuma nta muntu uyifata.

3D: Mushyireho umubare ntarengwa w'amafaranga y'inguzanyo umunyamuryango yemerewe gusaba. Mugerageze kureba ko inguzanyo ntarengwa umuntu yasaba yaba ingana n'ayo umuntu amaze kwizigamira. Umubare ntarengwa w'amafaranga umuntu ashobora gusaba inguzanyo yaba angahe?

Umubare w'amafaranga ntarengwa w'inguzanyo ni _____ kandi inguzanyo igomba kwishyurwa nyuma y'inama zitarenze _____. abanyamuryango ntibashobora gusaba inguzanyo ya kabiri mu gihe atarishyura iya mbere ngo ayimareyo. (Amabwiriza agenga itsinda, #13)

Intego y'inguzanyo ishobora kugira ingaruka ku bushobozi bw'umunyamuryango bwo kwishyura iyo nguzanyo ndetse n'uburyo bw'itsinda bwo gusaranganya inguzanyo.

3E: Mufate icyemezo cy'uko inguzanyo zizajya zikoreshwa. Baza abantu ibitekerezo byabo mubiganireho.

Turaza kwandika ibitekerezo mushaka gukoramo amabwiriza ku kibaho cyangwa urupapuro runini. (Amabwiriza agenga itsinda, #14)

Mutekereze kuri ya nzu yubakiye ku mahame. Mwibuke ko kugira umwifato wimenyereje bikenewe mu kwishyura inguzanyo. Iyo ni imwe mu mpamvu umuntu atemerewe gusaba inguzanyo ya kabiri atararangiza iya mbere.

3F: Muzirikane: uko muzagena uhabwa amahirwe ya mbere yo gusaba inguzanyo? Ese izahabwa uwayisabye mbere? Umunyamuryango wafashe inguzanyo ya mbere ategereza igihe kingana iki mbere yo kuba yasaba indi?

Turaza kwandika ibitekerezo mushaka gukuramo amabwiriza ku kibaho cyangwa igipapuro kinini. (Amabwiriza agenga itsinda, #15)

3G: Mwibuke ihame ryo gukorera mu mucyo muri ya nzu yacu. Niba ihanahana ry'amafaranga rikorerwa mi nama, abanyamuryango bagomba gusaba inguzanyo mu ruhame. Inguzanyo zizatangirwa mu nama nyuma y'uko abandi banyamuryango bose babyemeje.

Ese umunyamuryango uhabwa inguzanyo arasabwa ingwate cyangwa agire umuntu umwishingira. Ni iki umuntu yatangaho ingwate? Ni bande bemerewe kwishingira umuntu? Muhane ibitekerezo kandi mubiganireho mu itsinda rinini. Turaza kwandika ibitekerezo byanyu mwifuzaga gukuramo amabwiriza agenga itsinda ku rupapuro runini. (Amabwiriza agenga itsinda, #16)

Amafaranga yo guhabwa serivise y'inguzanyo si uburyo bwo kubabaza cyangwa kunyunyuzwa urimo gusaba inguzanyo mu itsinda. Ahubwo, ni ayo usabwa igihe usaba kugurizwa no gukoresha amafaranga yo mu itsinda. Kubera gukorera mu mucyo, umuntu wese mu itsinda agomba kuba abasha kubara inyungu. Niba hari umuntu udashobora kubara inyungu akoresheje uburyo runaka, itsinda ryose ntirikwiriye gukoresha ubwo buryo ribara inyungu.

3H: **Mutege amatwi ubu buryo bworoheje bwo guca amafanga yo guhabwa serivise:**

Hari amafaranga ya serivisi y'inguzanyo uzasabwa rimwe. Inguzanyo y' 1,000 itanga 10% ya serivisi bigatuma ugurizwa yishyura 1,100 ku nguzanyo ye

◇ Ni ibihe bibazo cyangwa inyunganizi waba ufite kuri ubu buryo bw kubara inyungu ku nguzanyo?

Ubu buryo ni bwo bwiza bwo gutangira itsinda kurusha ubundi, kuko byorohera itsinda ryose kubusobanukirwa ndetse no kubara. Uko ibihe mwihaye byo kwizigamira birangira mwongera gutangira mushobora kuvugurura uko mubara inyungu.

3I: **Amafanga atangwa kuri serivise y'inguzanyo yaba idakanganye ni angahe? Saba abantu ibitekerezo. Mufatanye kwemeza umubare ukwiriye**

Ayishyurwa kuri serivisi y'inguzanyo ni _____ % y'umubare w'inguzanyo. (Amabwiriza agenga itsinda, #17)

◇ Ni ibihe bibazo mufite?

3J: **Mushyireho amatsinda y'abantu batatu. Mwemeze icyo muzakoresha ayatanzwe ku nguzanyo. Muze maze mwandike ibitekerezo byanyu ku rupapuro runini.**

Hanyuma, turaza kubiganira mu itsinda rinini. (Amabwiriza agenga itsinda, #18)

3K: **Muzirikane ibitekerezo byanyu ku mabwiriza agenga amafaranga:**

Muzakora iki igihe abagurijwe batishyuriye igihe cyagenwe? Mutange ibitekerezo byanyu biganirweho mu itsinda rinini.

Turaza kwandika ibitekerezo mushaka gukuramo amabwiriza abagenga ku rupapuro runini. (Amabwiriza agenga itsinda, #19) Ni ayahe mabwiriza yandi mushaka gushyiraho arebana n'amafaranga? (Amabwiriza agenga itsinda, #20)

Italiki itsinda rizasorezaho ni _____. Inguzanyo zose zigoba kwishyurwa mbere yo gusoza itsinda.

Umukoro wa 4: Mutekereze ku micungire y'itsinda

Reka noneho tuganire ku micungire y'itsinda. Mwibuke ko, ubuyobozi ari imwe mu nkingi zubatse ya nzu yacu. Ubuyobozi ni bwo buryo bwo gucunga itsinda ryo kwizigamira. Itsinda ridafite imicungire myiza ntiryagera kuri byinshi. Imicungire y'itsinda si ukuvuga abayobozi gusa, ahubwo ni n'uburyo muzacunga amabwiriza mwishyiriyeho nk'itsinda.

Turi hafi kurangiza gushyiraho amabwiriza agenga itsinda twizera ko azaha itsinda ryacu umurungo mwiza. Ariko, mu itsinda rigenda rikora, hashobora kuba impinduka zakenerwa gukorwa mu mabwiriza arigenga.

Manika icyapa cyanditseho "Imicungire".

4A: Reka tuganire uko tuzajya tuvugurura amabwiriza tugenderaho.

- ◇ Tuzajya tubikora dute?
- ◇ Tuzajya dutora dute?

Mwandike ibisubizo byanyu ku rupapuro runini rufite umutwe witwa imicungire.

*Impinduka mu mabwiriza agenga itsinda zizajya zikorwa na _____
_____ (Amabwiriza agenga itsinda, #21).*

4B: Mureka noneho dushyireho amabwiriza agenga abayobozi b'itsinda ryacu. Turaza kwandika ibisubizo byanyu kuri uru rupapuro.

Umuntu yaba muri komite nyobozi y'itsinda mu gihe cya manda zingahe? (Amabwiriza agenga itsinda, #22)

Itsinda rizakora iki igihe umuyobozi 1 cyangwa barenze umwe badasohozza inshingano zabo mu gihe itsinda ryihaye cyo kwizigamira kitarangira? (Amabwiriza agenga itsinda, #23)

4C: Noneho mureke dutore abayobozi n'itsinda ryacu. Mutekereze ku muntu mwumva ko ari umuyobozi mwiza— umuntu uzi neza ku giti cyawe cyangwa azwiho kuyobora neza. Hindukira uganire n'uwo mwicaranye maze umusobanurire uwo muyobozi.

Kwirakwiza amakarita cyangwa udupapuro n'amakaramu.

4D: Musesengure: Ni iki kigira umuntu umuyobozi mwiza? Mwandike ibimuranga ku rupapuro. Mubyandike mu nyuguti nini. Mubimanike ku rukuta.

Nyuma y'iminota myinshi, turaza kubyumva byose maze Twandike mu ncamake imyamzuro.

- ◇ Nyuma yo gukora urutonde rw'ibi bintu bimuranga, ni izihe ngero zo muri Bibiliya zihita zikuza mu mutwe?

Muganire ingero zanyu mu itsinda rinini.

Bimwe mu itekerezo byanyu bishobora kubamo n'ibi: umwizerwa, ukunda gufasha abantu, azirikana inyungu rusange kurusha ize bwite, umuntu ufata inshingano, uzabona umwanya wo gukora inshingano ahabwa n'umwanya we, witeguye gufata inshingano z'ubuyobozi.

Umufashamyumvire akwiriye kuba afite aho yandika ibi bintu biranga uyu muntu kugira ngo bizakoreshe igihe hazaba hakeneye kuba amavugurura mu itsinda.

4E: Itsinda rikwiriye gucungwa n'abayobozi bose bujuje ibyo bintu. N'ubwo umunyamuryango wese ari nyir'itsinda, abayobozi beza nibo bagomba gucunga ibikorwa by'itsinda.

Itsinda rizakenera Perezida. Perezida ashinzwe:

- a. Kuba umuyobozi mukuru w'itsinda
- b. Gukora ibishoboka ngo amabwiriza agenga itsinda yubahirizwe
- c. Gutangiza inama, gutangaza ibiri ku murongo w'ibygwa no gukura abantu kuri kimwe baja ku kindi
- d. Kuyobora ibiganiro
- e. Gutuma gahunda zubahirizwa nta kavuyo
- f. Gusembura ibiganiro ku bibazo biriho
- g. Kugira inama abanyamuryango
- h. Gushakira umuti amakimbiranye yavutse hagati y'abanyamuryango
- i. Gukurikirana ko abayobozi n'abanyamuryango bose basohoza ibyo biyemeje

- ◇ Perezida aba afite nshingano ki?

Saba abantu ibitekerezo byabo maze biganirweho.

Itsinda kandi rizakenera umwanditsi. Umwanditsi ashinzwe:

- a. Kwandika cyangwa gufata mu mutwe ibikorwa byakozwe n'itsinda mu nama zose
- b. Gukurikirana ko ibikorwa byose bikorwa itsinda ryose rihari

- c. Gukurikirana uko konti ihagaze
- d. Gutanga amakuru ku iterambere ry'umutungo w'itsinda

◇ Ni izihe nshingano zindi umwanditsi ashobora kugira?

Saba abantu ibitekerezo byabo maze biganirweho.

Itsinda kandi rizakenera umubitsi. Umubitsi aba ashinzwe:

- a. Kubara no gucunga umubare w'amafaranga yatanzwe
- b. Kubika amafaranga; (igihe abikwa mu gasanduka)
- c. Kubitsa kuri banki; (igihe mubika muri banki/SACCO)
- d. Gukurikirana umutekano w'amafaranga y'itsinda

◇ Ni izihe nshingano zindi umubitsi ashobora kugira?

Saba abantu ibitekerezo byabo maze biganirweho.

Itsinda ryanyu ryo kwizigamira rigomba kugira iyi myanya 3 y'ubuyobozi.

Ni iyihe myanya y'ubuyobozi yindi mwakwifuzaga kugira mu itsinda ryanyu? (Amabwiriza agenga itsinda, #24)

4F: Mutange abakandida kuri buri mwanya w'ubuyobozi. Mubaze uwo muntu niba yakwemera gukora ibiri mu nshingano z'umwanya yamamarijwe.

Mutore kuri buri mwanya w'ubuyobozi.

Mwishimire abayobozi banyu bashya. Mubasengere ngo Imana izabafashe gusohoza inshingano zabo.

◇ Ni ryari nahura n'abayobozi b'itsinda mbere y'inama itaha kugira ngo dukore amahugurwa y'ubuyobozi bw'itsinda?

Umunsi bahisemo, igihe, n'ahantu amahugurwa y'abayobozi b'itsinda azabera ni _____.

Ubu mumaze gushyiraho amabwiriza abemerera guhita mutangira itsinda ryo kwizigamira. Muhagure maze mwikomere amashyi kubw'umurimo mufatanyije gukora. Iri ni itsinda ryanyu. Mukoze umurimo ukomeye wo gushyiraho amabwiriza azarigenga. Dufatanyije kwishima.

◇ Ni nde wadufasha akadusomera Abaheburayo 10:23-24?

4G: Mutege amatwi Abaheburayo 10:23-24.

Dukomeze kwatura ibyiringiro byacu tutanyeganyega, kuko uwasezeraniye ari uwo kwizerwa, kandi tujye tuzirikana ubwacu kugira ngo duterane ishyamba ryo gukundana n'iry'imirimo myiza.

Mutekereze ku mabwiriza azabagenga mumaze gukora.

◇ Dushingiye kuri uyu murongo murabona icyo tugomba gufashanya ari iki?

4H: Mwibukiranye amabwiriza yose abagenga: Icyo mugamije, Ubunyamuryango, Amafaranga, Imicungire. Musome aya mabwiriza mwese hamwe kandi mu ijwi riranguruye.

◇ Ni ibihe bibazo cyangwa inyunganizi bya nyuma mufite?

Itariki y'inama ikurikira ni . mwibuke ko ari bwo muzazana amafaranga y'ubwizigame bwanyu bwa mbere.

Mureke dusozanye isengesho.

Wemerere abantu batandukanye gusenga. Hanyuma ubasengere iryo gusoza.

Nyuma y'inama. Wandike ibyo abantu bavuze ku mabwiriza agenga itsinda ku rupapuro runini rushya rukurikiraho.

Amabwiriza agenga itsinda rya _____

(Shyiraho izina ry'itsinda ryanyu ryo kwizigamira)

Icyo tugamije

1. Itsinda ryacu rigamije guhesha Imana icyubahiro rishyira mu bikorwa inzu yubakiye ku mahame no gufatanya kwizigamira kugira ngo rigere ku mutungo: _____

Ubunyamuryango

2. Abantu bashaka kuba abanyamuryango bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

3. Abanyamuryango bashaka kwinjira igihe itsinda ryatangiye bagomba:

4. Abanyamuryango bahitamo gusezera itsinda ritarasoza bagomba:

5a. Abanyamuryango bagomba kuva mu itsinda mbere y'uko igihe cyo kwizigamira kirangira ku mpamvu zitabaturutseho:

5b. Umunyamuryango uzapfa mbere y'uko igihe cyo kwizigamira kirangira aza:

6a. Abanyamuryango bazirukanwa kubera impamvu zikurikira:

6b. amafaranga y'umunyamuryango wirukanywe aza:

Amafaranga

- 7a. Abanyamuryango bizigamira (umubare) buri (inshuro). Ubwizigame bwemerewe gutangwa mu nama gusa.
- 7b. Umunyamuryango yemerewe kwizigamira imigabane _____ .
8. Ubwishyu bwa mbere ku bwizigame buzatangwa kuri _____, kandi itsinda rizasozwa kuri _____.
9. The group meets every _____ (date) at _____ (time) at _____ (place).
10. Amafaranga azabikwa mu/muri _____.
11. Umusanzu wo kuba umunyamuryango ni _____.
12. Inguzanyo zizatangira gutangwa ku wa _____ (italiki).
13. Inguzanyo ntigomba kurenza _____ kandi inguzanyo zigomba kwishyurwa bitarenze inama _____. nta munyamuryango wemerewe gufata inguzanyo ya kabiri ataramara kwishyura iya 1.
14. Inguzanyo zishobora gukoreshwa: _____.
15. Inguzanyo zizajya zisabwa igihe habaye inama y'itsinda imbere y'abanyamuryango bose kandi zizajya zitangwa na _____ (uburyo).
16. Ingwate cyangwa umwishingizi bigomba kwerekanwa igihe hagiye gutangwa inguzanyo. Ingwate cyangwa umwishingizi byemewe ni: _____.
17. Ikiguzi cya serivisi ku nguzanyo ni _____% ku nguzanyo yose uhawe.
18. Amafaranga yishyurwa kuri serivisi y'inguzanyo azakoreshwa: _____
19. Uwagurijwe natabasha kwishyura inguzanyo ze ku gihe, agomba: _____
-

20. Andi mabwiriza agenga amafaranga:

Imicungire

21. Imonduka mu mabwiriza agenga itsinda izakorwa na _____

22. Umuntu ashobora kuba muri komite nyobozi kumara manda _____.

23. Igihe umuyobozi atubahirije inshingano ze, ahita: _____

24. Itsinda rizagira perezida, umwanditsi, umubitsi na _____

_____, uzajya atorwa buri mwaka.

Amwe mu mabanga ya nyuma ku gitabo cy'itsinda ryo kwizigamira

Igice B: Kurema amatsinda

Ni nde ukwiriye kuba mw'iremwa ry'itsinda?

Abantu bitabira ni abashobora kuba abanyamurango b'itsinda. Biramutse bigenze neza, amatsinda yose yo kwizigamira akwiriye kwiganzwamo n'abanyetorero kugira ngo ari bo bazabasha kugira uruhare runini mu myanzuro ikomeye igihe hari ibibazo byavutse mu itsinda. Iyo tuvuga kwiganza ntituba tuvuga ubwinshi. Bishobora no kuvuga umubare w'abantu bashikanye kandi bavuga rikijyana baba baratowe cyangwa bataratowe mu buyobozi bw'itsinda.

Kuki tugomba kurema amatsinda?

Intego yo kurema amatsinda ni ugushyiraho amabwiriza agenga ihuriro ryo kwizigamira no kugurizanya bishingiye ku gishushanyo cy'inzu yubakiye ku mahame mu bijyanye n'icyo rigamije, ubuyamuryango, amafaranga, n'imicungire. Kunyura mu rugendo rukomeye rwo gushyiraho amabwiriza agenga itsinda bishobora gutuma abantu biyumvamo itsinda ndetse bigatera kwirinda amakimbirane cyangwa ibibazo bizavuka.

Kurema itsinda bigamije iki? Isomo rya 1

Icyo isomo rya 1 igamije ni ugusuzuma igishushanyo cy'inzu yubakiye ku mahame no gushyira iby'icyo gishushanyo mu mabwiriza agenga itsinda. Kuko Imana muri Yesu irimo kwiyeza n'ibantu byose, abanyamuryango b'itsinda ryo kwizigamira bagomba kumenya ko tuzamuvugaho kandi tukamuzirikana kurusha ibindi. Amahame yo kwizerana, umuco, gukorera mu mucyo n'imiyoborere myiza ni ibintu by'ingenzi mu gutuma itsinda rigira imikorere ihanye mu bukungu. Gushyigikirana (Imibanire n'abandi), gusenga (imibanire yawe n'Imana), Kwisuzuma (imibanire yawe na we ubwawe), no kuba igisonga cyiza (imibanire ya we n'ibindi byaremwe byose) ni byo bizagufasha kubaha Imana no kwiyeza mu mibanire yawe yose uko ari 4. Aya mahame yose ava mirebere y'uburyo Bibiliya itwereka itwereka isi kandi ntifasha itsinda ryo kwizigamira gukora neza gusa ahubwo birakora no mu buzima bwose.

Kurema itsinda bigamije iki? Isomo rya 2.

Icyo itsinda rigamije cyemeranyijweho n'itsinda ryo kwizigamira

Icyo itsinda rigamije cyerekana icyo rishaka kugeraho. Igice cya mbere cy'imiterere y'icyo itsinda rigamije (cyane cyane guhesha Imana icyubahiro na bimwe mu bice bigize igishushanyo cy'inzu yubakiye ku mahame) bishobora gutangaza abantu bamwe batari abanyetorero cyangwa badakijijwe batumwe kuba muri iryo tsinda bikaba rero byasaba umufashamyumvire kwigengesera akamenya uko itorero rishaka kugera ku barituriye. Niba itorero rishaka ko abagize itsinda bamenya ari rimwe mu ngamba itorero rikoresha rigera ku bantu, icyo gihe noneho iyi mvugo y'icyo itsinda rigamijwe yakwakirwa neza. Niba itorero rishaka kugera ku barituriye mu buryo buteruye, umufashamyumvire ashobora guhindura uburyo avugamo icyo itsinda rigamije. Igice cya kabiri cy'icyo itsinda rigamije kirimo ko abanyamuryango b'itsinda bazamenya ibyo abantu bakeneye bijyanye n'ubukungu maze itsinda rikabafasha kubigeraho. Riyemeza gukoresha amafaranga mu ntego runaka, umufashamyumvire arimo gushishikariza abantu umuco no kuba igisonga cyiza. "ibyo abanyamuryango b'itsinda bashaka kugeraho mu bukungu" si ngombwa ko biba ari bimwe, ariko gusenga, gutekereza no kwatura intego mugamije kugeraho mu bukungu bifasha abantu kwiyeza gukoresha ubwizigame bwabo bazagabana igihe itsinda rizaba risoje bagakora icyo bumva ko Imana ibahamagarira gukora aho kuyakoresha ikbonetse cyose, cyane cyane ikivutse mu gihe cyo kugabana. Ingufu zose no kwihangana kwawe wagize wimenyereza kwizigamira bishobora kugupfira ubusa itsinda risoje igihe utatuye icyo washakaga kuzageraho. Kubyandika mu byo itsinda rigamije kugeraho bifasha kwibutsa abarigize bose icyo biyemeje no gukoresha ya mafaranga.

Igice cya nyuma cy'icyo itsinda rigamije gikubiyemo no kwihitiramo izina. Izina rishobora gufasha kugira ikiriranga no kurishishikariza kuba umwe ndetse no gukorera hamwe. Izina rishobora kandi kwerekana icyerekezo n'aho itsinda rigana.

Umurongo ngenderwaho wateguwe ku banyamuryango b'itorero

Mu mabwiriza yo kuba umunyamuryango, ikintu cyo kuzirikana ni ukwemerera abumva ko iri tsinda rizabafasha kugera ku cyo bashakaga bakaba abanyamuryango baryo. Bimwe mu bintu by'ibanze ku banyamuryango:

- Bimwe mu byo twareba ko umunyamuryango yujuje harimo: idini, itorero abarizwamo, uko amikoro y'umuryango we ahagaze, aho abantu batuye (niba umuntu wakabaye umunyamuryango atuye kure, icyo gihe bishobora kwitabira inama uko bikwiriye bishobora kumugora), igitsina, imyaka, irangamimerere rye (igihe abagore gusa aribo bagize itsinda, icyo gihe umunyamuryango agomba gusaba uruhushya umugabo we ndetse n'umuryango kugir ngo yirinde

amakimbirane ashobora kuzaterwa na byo cyangwa igihe hari ingorane zivutse kandi itsinda ritarasozwa, ikibazo cy'ubuzima (abantu babana na virusi itera cyangwa ubwandu bwa SIDA, cyangwa indi ndwara yose ikomeye), n'ibibazo by'imibanire n'abantu (nk'izina ry'umuntu no kubasha kubaka imibanire n'abandi banyamuryango).

- Amatsinda mashya birayagora kugirirana icyizere hagati y'abanyamuryango bashya badahuje igitsina, amikoro, imibereho, idini, umuco, cyangwa ubwoko. Ariko ibi bikwiriye gukwiriranywa n'uko Imana ishaka koi torero ryamamaza ubutumwa bwo kwiyunga bugera ku bantu bose bititaye ku gitsina, amikoro, imibereho, idini n'umuco rikamamaza urukundo rwa Kristo. Igihe icyizere ari gike, itsinda rikwiriye guhera ku kintu gito. Abantu bafitiwe impungenge abakwiriye gufata nyuma cyangwa bakagurizwa bingana n'ubwizigame bafitemo.
- Mu bantu batagira umuco wo guhangara, usanga ibiranga abantu bibatera kwishyira hejuru nk'abashoboye kuba mu itsinda ntibagire undi muntu ushaka kuba muri iryo tsinda ubabwiza ukuri ko badakwiriye kuriyamo kuko batujuje ibisabwa. Birashoboka ko mu mukoro wa 2A umufashamyumvire asaba abantu bahari kwisuzuma. Nyamara, umufashamyumvire agomba kumenya ko kuba umunyamuryango bitazemerwa burundu kugeza igihe hazabera inama ya mbere y'itsinda.
- Itsinda rishobora kwemeza ko riri bwemerere umuntu umwe agahagarira abandi benshi harimo abo mu muryango we cyangwa abaturanyi badashobora kwitabira inama. Ni ngombwa kumenya ko niba hari abantu badashobora kwitabira inama ubwabo, ntibabasha kugira gukora ibisabwa mu cyo itsinda rigamije. Ntitwagira itsinda inama yo kugira abanyamuryango batabasha gutanga imisanzu yemeranyijweho keretse niba gusa bashaka kwitabira inama ku mpamvu zitanjyanye n'amafaranga (imibanire, gukomezwa mu mwuka, n'ibindi.) aba bantu bitabira gusa ntibemerewe gushyirwa mu myanya y'ubuyobozi.
- Niba itsinda ari rinini cyane, ibi bishobora kubera umuyobozi umutwaro n'igihe gikenewe gukoreshwa mu nama. Kugira itsinda rinini cyane bishobora no guca abantu intege zo kuryitabira. Niba ririmo abantu benshi kandi baryishimiye muricemo kabiri ribe amatsinda 2 cyangwa 3 mato yagabanyiriza umuyobozi aimirimo, akoresha umwanya muto, kandi abantu bose babasha kubona akanya ko kuvuga mu itsinda mi gihe cy'inama. Mu itsinda rinini, haba hari amahirwe menshi y'abantu kutamenyana. Ingaruka zabyo ni uko kugirirana icyizere ntibyoroza kandi ibi bikaba byatumye ubwitabire butagenda neza.
- Ku mabwiriza ajyanye no kwakira abanyamuryango igihe itsinda ryari ryatangiyeye (Amabwiriza #3) cyangwa kugira abantu bava mu itsinda imburagihe (Amabwiriza #4), kubungabunga icyizere, umuco, kwiyemeza, n'amafaranga itsinda rifite ni ingenzi kugira ngo hatagira undi munyamuryango ucika intege. Kuri abo bava mu itsinda ku mpamvu zitumvikana cyangwa zumvikana, abanyamuryango bakwiriye gutekereza ukuntu bajya babaca amande nk'igihano cyo kuva mu itsinda igihe cyo gusoza itsinda kitageze.

- Amabwiriza arebana n’abo bava mu itsinda ku mpamvu zitabaturutseho (5a), kubera urupfu (5b), cyangwa (birukanywe) yasubirwamo. Abantu ntibakwiriye gutuka itsinda ryabo baganira kuri ibi bntu cyangwa bumva koi bi bintu bitabaho. Ariko, ni ingenzi kubiganiraho mbere y’uko biba kugira ngo amabwiriza azabe atabogamye igihe cyo kurinda itsinda ni kigera hari ikibaye. Ku rupfu no ku mpamvu zitagaturutseho, ubwizigame bw’umuntu bugomba gukemura ibibazo by’inguzanyo yari afite byose (kugira ngo murinde ubwizigame bw’abandi banyamuryango) andi mafaranga asigaye ashobora guhabwa uwo mu muryango we (igihe hari uwapfuye) cyangwa umunyamuryango (igihe avuyemo ku mpamvu zitamuturutseho). Igihe yirukanywe, itsinda rishobora kumuha igihano cyo gutegereza kugeza igihe itsinda rizasoreza akabona guhabwa ayo yari yarizigamye. Niba umunyamuryango yirukanywe kubera ubuganya mu mafaranga cyangwa ideni, itsinda rishobora kumufatira ingamba zikarishye zo kumushyira imbere y’amategeko cyangwa gushaka undi muntu mu bayobozi waba umwunzi kugira ngo ayo mafaranga yariganyijwe asubizwe nyirayo. Muri ibi bintu uko ari bitatu, itsinda rigomba gutekereza ibindi ryakora bitari ku mafaranga gusa kugira ngo rifashe, rikunde, kandi ryite ku munyamuryango (na/cyangwa umuryango we) nk’uko Kristo adukunda. Abanyamuryango bagomba guhora batekereza uko bahuza Ubuntu n’inshingano cyangwa imbabazi n’ianza zitabera.

- Itsinda rishobora kuganira ku buryo bwo kugira ibyo bafasha abatari abanyamuryango, nko kwitabira amahugurwa cyangwa guhabwa inguzanyo. Aba bantu bwkwiriye kwemererwa kwitabira inama z’itsinda igihe bitari butere ikibazo mu kwizerana n’umutekano abarigize bagirirana hagati yabo. Inama tujya kandi dukomeje ni uko abatari abanyamuryango batahabwa inguzanyo kuko batabasha kugira uruhare rwuzuye mu itsinda kandi kubaha inguzanyo binyuranije n’amahame ya nzu yacu yubakiyeho. Urugero, ntibishoboka ko umunyamuryango n’utari umunyamuryango bagirirwa icyizere kingana. Haramutse hagize ikitagenda neza utari umunyamuryango ntashobore kwishyura inguzanyo ye, icyo gihe ingamba zafatwa kugira ngo kugira ngo yishyure zitandukanye n’izafatirwa umunyamuryango kuko we afitiwe icyizere. Kandi gukorera mu mucyo na ko kuba guke, kuko utari umunyamuryango aba atitabiriye inama kandi amafaranga aba yayaherewe hanze y’inama. Gutanga inguzanyo ku batari abanyamuryango kandi byongerera abayobozi imvune yo kubaza abantu abantu ibyo bashinzwe no gucunga neza aya mafaranga. Nta gice na kimwe ku gisenge cy’inzu yacu cyakoreshwa ku batari abanyamuryango. Bityo itsinda ryo kwizigamira rikorwa ari umurimo w’itorero runaka ntiriyabafasha abatari abanyamuryango mu buryo bwuzuye.

Amahame ashyizweho arebana n’amafaranga y’itsinda

Amabwiriza agenga ibijyanye n’amafaranga agenga uko amafaranga azakusanywa, azabikwa n’uko azahererekanywa mu buryo burinda ubwizigame bw’abanyamuryango kandi bugasigasira serivisi z’itsinda zirebana n’amafaranga. Ingingo nkeya umufashamyumvire akwiriye gutekerezaho ku bijyanye n’amafaranga harimo n’izi:

- Tbushobozi bafite bwo kwizigamira kandi bihoraho. Abari mu matsinda yo kwizigamira, bagomba gutekereza niba bashobora kwizigamira no kwishyura inguzanyo icya rimwe.
- Kubara amafaranga biroroha iyo abanyamuryango bose bizigamira amafaranga angina, ariko bigabanya ubworoherane mu bagize itsinda.
- Ububiko bw'amafaranga n'ikintu cy'ingenzi kigira uruhare cyane mu gukorera mu mucyo, icyizere n'ibibazo bishobora kuvuka. Mutekereze ku bintu byatuma ibyago byo kwibwa no gukoresha amafaranga nabi bigabanuka. Niba mu gace mutuyemo hari ikibazo cy'ubujura, mujye muhora musengera umutekano w'amafaranga y'itsinda. Hari ibigo byinshi byageze kuri byinshi kandi babika mu dusanduka ariko utwo dusanduka dufungishijwe ingufuri nyinshi. Agasanduka kakabikwa n'umuntu umwe, infunguzo zikabikwa n'abandi.
- Amafaranga asigaye yafasha yatuma umunyamuryango w'itsinda yunguka ku bwizigame bwe cyangwa akaba yakoreshe mu kumenyekanisha ubuhamya bw'itsinda mu itorero cyangwa abariturije akoreshwa mu gutera inkunga bimwe mu bikorwa by'itorero.
- Kugena igihe inguzanyo zizatangirira gutangwa, abagize itsinda bagomba kubanza gutekereza ku gishoro bashaka gutangirana mu gaseke kabo.
- Igihe hagenwa ingano y'inguzanyo, abagize itsinda bagomba gutekereza uko bajya batanga inguzanyo ifatika, bagaha inguzanyo nyinshi zishoboka abagize itsinda itsinda bose mu gihe bazamara bizigamira, kandi n'amafaranga umunyamuryango wese yizigamiye.
- Kwemerwa inguzanyo bikwiriye kujyana n'ubushobozi ugurijwe afite bwo kuyishyura, ingwate/umwishingizi, n'amatwara y'uguruzwa cyangwa ubushake afite bwo kwishyura. kwemerera abantu inguzanyo bigomba gukorerwa mu ruhamya imbere y'itsinda ryose kugira ngo habeho gukorera mu mucyo kandi abagize itsinda babashe kugenzura ubushobozi afite bwo kwishyura, ingwate n'amatwara ye.
- Abagize itsinda bose bagomba kuba bashobora kubara inyungu izava mu nguzanyo itanzwe. Inyungu nayo igomba kuba idahanitse kandi itagoye abanyamuryango. abantu bomba gucibwa inyungu ntoya ariko idatuma idatesha agaciro amafaranga y'itsinda.
- Inama z'itsinda zikwiriye kubera ahantu horoheye abantu bose kuhahurira, vyaba ku rusengeri cyangwa mu rugo rw'umwe mu banyamuryango. Hagomba kuba ari ahantu abantu bose bumva bisanzuye kandi batekanye, kandi hatari ibintu birangaza abantu cyangwa abantu barebera ibikorwa by'itsinda bashobora kubamp n'abajura bashobora kwiba amafaranga yanyu.
- Ahari virusi cyangwa ubwandu bwa SIDA bigora ayo matsinda. Niba bishoboka ababana n'ubwandu inguzanyo zabo zijye zisabwa kwishyurwa mu gihe gito (bishobotse mu byumweru 4-8) kandi inguzanyo ikwiriye kuba ntoya kugira ngo itabashije kwishyurwa ntihungabanye itsinda. Itsinda rigizwe n'abantu benshi babana n'ubwandu rigomba kugira amafaranga y'ingoboka. Ikindi cyaba cyiza ni uko aho guha inguzanyo umuntu ubana n'ubwandu ahubwo hagurizwa uwo mu muryango we.

- Mu kwishyura inguzanyo, gushyiraho iminsi yo kwishyuriraho inguzanyo bishobora gufasha mu bihe runaka. Hari ahandi abantu bahitamo kujya bishyura inyungu gusa hanyuma inguzanyo bafashe bakazayibakata umunsi wo kugabana. Ikindi itsinda rikwiriye gutekereza ku buryo bwo guhindura imyishyurire y'inguzanyo, igihe bibaye ngombwa ko hatekerezwa ku kugirira umuntu impuhwe bitewe n'ibyo umunyamuryango arimo kunyuramo. Igihe umuntu yanze kwishyura nkana, itsinda rishobora gutekereza uburyo bwuzuye imbabazi bwo gusunikira umuntu kwishyura kandi hashira igihe runaka uwo muntu ntacyo abikozeho, hashobora kandi hakwiriye gufatwa imyanzuro ikenewe kandi ikarishye hashingiwe ku mategeko.

Imicungire yatekerejweho n'ubuyobozi bwatowe.

Imicungire y'itsinda ikubiyemo gushyira mu bikorwa amabwiriza yemejwe hamwe n'inshingano y'abayobozi batowe. N'ubwo abagize itsinda hari igihe bibwira ko imicungire itabareba, inteko rusange ni abanyamuryango bose. Umunyamuryango wese atora rimwe kandi hadashingiwe ku mubare w'imigabane afite cyangwa umwanya afite mu buyobozi. Abanyamuryango nibo babaza abandi ndetse n'abayobozi ko bakoze ibyo bashinzwe. Hari uburyo bubiri bwo gutuma umuntu wese akora icyo agomba gukora ari bwo gushimangira ikurikizwa ry'amabwiriza agenga itsinda ndetse no kwandika ibikorwa byose by'itsinda. Umunyamuryango wese yemerewe guhinyuza ibwiriza runaka igihe ritarimo gukurikizwa kugira ngo afashe itsinda kureba niba rikwiriye guhindurwa cyangwa rigakurwaho. Bityo rero, ibwiriza rireba itsinda ryo kwizigamira rigomba guha abanyamuryango bose amahirwe angina yo gutanga inama yo kurihindura igihe ridakwiriye gukoreshwa mu itsinda cyangwa igihe niba ritarimo gukurikizwa. Igihe ritubahirizwa kandi rikwiriye kubahirizwa kugira ngo itsinda ricungwe neza, umunyamuryango w'itsinda agomba kubanza kubisengera agasaba Imana ubwenge bw'uko yakwifata muri iki kibazo n'uko baba abizerwa ku mabwiriza bishyiriyeho.

Mbere yo gutora abayobozi, ni ingenzi gutekereza manda ubuyobozi buzajya bumara n'uburyo bwo guhangana n'abayobozi batari abizerwa ku nshingano zabo. Ibyo bizatuma itsinda ritabogama kubera abantu runaka bashaka imyanya y'ubuyobozi. Mu mico myinshi, bishobora kugora abagize itsinda guhangara abayobozi babasaba gukora ibyo bashinzwe cyangwa igihe batakoze ibyo bashinzwe. Abayobozi batorwa n'itsinda bagomba kuba biteguye kubazwa n'amabwiriza agenga itsinda n'inshingano bahawe no gukorera mu mucyo. Abagize itsinda ntibakwiriye gutinya gukora ibishingiye ku mabwiriza bihaye igihe umwe mu bayobozi adasohozwa inshingano zabo.

Abayobozi nibo bakurikirana icyeekozo cy'itsinda kandi bakaganisha itsinda ku cyo rigamije kugeraho. Itsinda rikwiriye gushyiraho abayobozi bujuje ibisabwa abayobozi bakorerwa abo bashinzwe kuyobora. Abayobozi bose bagomba kugira urutonde rw'ibyo basabwa kuba bujuje kugira ngo bahabwe umwanya runaka w'ubuyobozi mu

itsinda itsinda ribona ko bikenewe. Ubuyobozi bukorera abo buyoboze ni bwo kristo yaduhayeho icyitegererezo abayobozi bakwiriye gukurikiza. Umuyobozi ukorera abo ayobora aharanira inyungu z'abandi mberey'ize. icyaba cyiza ni uko itsinda ryatora abayobozi b'abakristo bahamye cyangwa se umuntu wumva neza icyo itsinda rigamije. Akenshi, ibi byakunda ari uko umunyeturero umwe wubashywe atorera kuba umwe mu bayobozi. Iyo abayobozi mu itorerero b'abizerwa babaye abayobozi b'itsinda bigira imbogamizi zabyo kuko bishobora kwica izina ry'itorero igihe cyose habayemo ruswa cyangwa ikindi kibazo cyose. Mu mico itandukanye aho amatsinda aba avanze abagabo n'abagore, ushobora gusanga abagabo batandukanye n'abagore. Bishobora guhera ku gutora abayobozi b'itsinda ugasanga abagore bamwe ntibahagarariwe, ariko ibi bishobora guhinduka uko iminsi igenda ishira. Kuba umuyobozi mu nshuti, umuryango n'abaturanyi bishobora kugorana. Bityo, ni ingenzi cyane gusengera aba bayobozi.

Rimwe na rimwe, abantu bavugaga ko badashakaga kuba abayobozi b'itsinda kubera ko batabona umwanya usabwa. Ariko niba aba bantu bujije ibisabwa byatuma bayobora itsinda neza, bakwiriye guterwa umwete kuko abayobozi ntibakwiriye kumara umwanya munini bakora imirimo y'itsinda hanze y'inama z'itsinda kubera intego yo gukorera mu mucyo. Igihe gikenewe kirenze ku nama ni igihe habaye inama y'abayobozi cyangwa ku mubitsi igihe itsina rishakaga kubitsa amafaranga yaryo muri banki. Inama ndende y'abayobozi b'itsinda ni iya nyuma igihe cyo kwizigamira kigiye kurangira.

Ni iki cyihishe inyuma y'uburyo bw'amahugurwa bukoreshwa mu kurema amatsinda?

Kurema itsinda ni amahugurwa yoroheje ugereranyije n'urugendo rwo gushyiraho ibikorwa by'itsinda bishingiye ku kwishyira ukizana. Bisaba ko abagize icyo gikorwa bakorana bagatora cyangwa bakemeranya ku byemezo byinshi bakoresheje amahame runaka n'ibibazo bikaba ari byo bagenderaho muri icyo gikorwa. Gufasha abantu kwishyiriraho amabwiriza abagenga bisaba uburyo bwihariye bw'ubufashamyumvire burenze amahugurwa akorwa umunsi umwe. Uruhare rwa mbere rw'umufashamyumvire muri iki gikorwa ni:

- Yobora ibiganiro ubaza ibibazo bisaba ibisubizo birambuye bizatuma abantu bose batanga ibitekerezo ndetse bagafata ibyemezo kuri buri hame.
- Shishikariza abantu bose gutanga ibitekerezo
- Ba umuhuza igihe havutse impaka abantu ibitekerezo bitandukanye
- Ereka abantu igishushanyo cy'inzu yubakiye ku mahame kugira ngo babashe gufata ibyemezo by'ubwenge mu mabwiriza abagenga.

Birashoboka cyane ko mu kurema amatsinda umufashamyumvire azarushywa no kureka abantu bakifatira ibyemezo no kwemeza cyangwa agashaka kubasubiriza ibibazo byabo. Ni yo mpamvu, ari ingenzi gufata umwanya munini wo gusenga no kwiyiriza ubusa mbere yo gutangira iki gikorwa. Umufashamyumvire ntwakwiriye NA RIMWE gufatira itsinda ibyemezo cyangwa ngo avuge umwanya munini kurusha abitabiriye, kuko umufashamyumvire ntashobora kumenya ikinogeye itsinda runaka. Niba itsinda rifashe icyemezo kizabatera ingaruka mbi, icy'ingenzi ni ni ugufasha abanyamuryango bagafata umwanya wo gutekereza kuri iki cyemezo kibi igihe cyo kuvugurura itsinda. Ni ingenzi kwicisha bugufi imbere y'abantu ugasobanukirwa ko abanyamuryango ari bo ba nyir'itsinda kandi bagomba aya mabwiriza kuyagira ayabo, bakayumvira, kandi bakirengera ingaruka z'ibyemezo bafashe ubwo bishyiriragaho amabwiriza abagenga. Ni bo ubwabo bashobora kwihitiramo ibintu bitababangamiye.

Ni ibiki bikunda kugorana mu gikorwa cyo kurema amatsinda?

Kugira abantu bake mu itsinda ari bo bahitamo amabwiriza azabagenga

Abayobozi b'abizerwa bashyiraho amabwiriza ngenderwaho baramamara ku isi hose. Abayobozi bake ni bo bemeza amabwiriza hanyuma bakayamamariza andi matsinda. Iyo abantu bakunze ayo mabwiriza kandi bakaba bizeye abayobozi babo, bayajyamo. Ikibabaje ni uko ikibivamo ari uko abantu batitabira amatsinda inama kandi itsinda ntibarigire iryabo koko ahubwo ugasanga bumva ko icyabo ari ugutanga ubwizigame bwabo gusa. Ni cyo gituma atari byiza ko agatsiko kamwe runaka mu itsinda cyangwa abayobozi ari bo bashyiraho amabwiriza.

Gucunga neza Igihe

Iki gice cy'iki gitabo gishobora kurambira abagize itsinda bemeza amabwiriza ngenderwaho ya bo. Ariko byaba akarusho isomo rya 1 n'irya 2 kabiri bikorewe rimwe, bishobora kugorana ku bijyanye n'igihe bitewe n'umwanya abagize itsinda bafite. Ni byiza ko umufashamyumvire ashimangira kubwira itsinda ko ari bo ba nyiraryo bityo nta muntu umwe cyangwa agatsiko kamwe bakwiriye kugena uko itsinda rikwiriye kuba. Umufashamyumvire yabibashishikariza abafasha kubona ko gufatanya gukemura ibibazo mu ikubitiro byafasha kuzaba itsinda rikomeye.

Mu rwego rwo gucunga neza isomo mu minsi inyuranye kandi hakoresha umwanya muto, umufashamyumvire ashobora gutanga isomo rya 1 hanyuma imikoro yo mu nyigisho ya kabiri akayitanga mu byiciro bitandukanye. Rimwe na rimwe hari igihe biba byiza kuba turekeye aho ibiganiro, cyane cyane iyo ari ikintu gikomeye cyangwa ikintu abantu bagizeho ibitekerezo byinshi binyuranye. Aka karuhuko gashobora guha abantu amahirwe yo kubisengera no no kumva icyo Imana yaba ishaka ko bemeza mu mabwiriza yabo ku buryo bw'umwihariko. Akarusho, umufashamyumvire agomba

gukora ibishoboka byose kugira ngo abantu bakomeze kuganira ndetse no kwishimira itsinda kandi atarambiye cyangwa ngo ananize abitabiriye.

Gukundisha abantu kugira uruhare

Aburhamu abwira umugaragu we, umukuru wo mu rugo rwe wategekaga ibye byoseati "Ndakwinginze, shyira ukuboko kwawe muni y'ikibero cyanjye, nanjye ndakurahiza Uwiteka, ni we Mana nyir'ijuru, ni we Mana nyir'isi, yuko utazasabira umwana wanjye Umunyakanānikazi, abo ntuyemo. Ahubwo uzajye mu gihugu cyacu kuri bene wacu, usabireyo umwana wanjye Isaka umugeni."...
Uwo mugaragu ashya ukuboko muni y'ikibero cya Aburhamu shebuja, arabimurahira.

Ikimenyetso cy'isezerano ry'umugaragu wa Aburhamu yasezeranyije sebuja ko azumvira amabwiriza ye yose maze agashyira ikiganza cye muni y'ikibero rya Aburhamu akarahira. Bwari uburyo mu muco wabo bakoreshaga bagaragaza ko bahaye agaciro icyo bategetswe.

Ni ikihe kimenyetso cyangwa umugenzo dushobora gukora kugira ngo twubahe igihango cyacu cyangwa ukwizerwa kw'Imana, amabwiriza yacu, n'abandi? Mutange ibitekerezo byanyu biganirweho mu itsinda rinini.

Urugero B: muhagarare mukoze uruziga mufatanye mu biganza, mushyize amaboko yanyu yose mu ruziga imbere cyangwa kumwe gufate gufate kuri bibliya ukundi

mukumanike muvuga amagambo yo kwiyezemeza akurikira.: “ndahiriye gukurikiza amabwiriza y’iri tsinda. Kandi kuko ndi umunyabyaha, Nzashaka imbaraga z’Imana kugira ngo zinshoboze gusohozza iri sezerano nsezeranije benedata muri iri tsinda.”

Urugero C: mutumire umuyobozi mu itorero na/cyangwa umuyobozi muri Leta baze guhesha umugisha iryo tsinda no/cyangwa kuribwira amagambo yo kubakomeza no kubatera umwete.

Urugero D: babiri babiri, musengerane kugira ngo Imana ibafashe kuba abizerwa kuri yo, ku mabwiriza abagenga no kuri bagenzi banyu uko mugiyeye gutangirana itsinda.

Urugero E: Musangire ifunguro n’iyo ryaba ryoroheje

Urugero F: mwishimire ko itsinda ryanyu rizagera kuri byinshi.

Urugero G: Mugire ahantu musinya by’umwihariko (wenda mukoresheje ikaramu ya wino) aho buri munyamuryango w’itsinda asinya kopi y’amabwiriza abagenga avuga yemeranya na yo.

◇ Ni ibihe bikorwa byaba bikwiriye?

2C: Mutekereze ku bitekerezo mwashyize ku rutonde n’ingero. Mutore kugira ngo mwemeze ibikorwa bibanogeye kurusha ibindi.

◇ Ibi bikorwa muzabikurikiranya mute?

◇ Ni nde uzaba ashinzwe gukurikirana ibi bikorwa?

Abanditsi bazandika ibyemezo mufashe. Kimwe mu bikorwa byanyu gikwiriye kuba gusubiramo amabwiriza agenga itsinda kugira ngo harebwe ko buri wese yemeranya n’ibyanditswe byose.

2D: Mwigabanye inshingano mu gihe cyo kuyobora inama ya mbere.

◇ Ni nde uzaba ashinzwe gukora ikihe cyiciro?

Muganire ubwanyu uzakora ikihe gice mu nama yanyu ya mbere. Muzaba mufite iminota 5.

◇ Ni ibihe bibazo cyangwa impungenge mufite ku gufatanya kuyobora inama ya mbere?

Umukoro wa 3: Gucunga inama zirimo kuba— Suzuma ibiri ku murongo w’ibygwa mu nama irimo kuba

Muhe buri munyamuryango kopi y’urugero rw’ibiri ku murongo w’ibygwa.

3A: Noneho tugiye kureba uko inama ziyoborwa. Gusuzuma urugero rw’umurongo w’ibygwa mu nama. Mufite iminota 2.

Urugero rw’umurongo w’ibygwa mu nama y’itsinda

1. Isengesho ryo gutangira
2. Gusoma amabwiriza atugenga: nk’igice kimwe mu bigize isomo ry’amahugurwa, buri muntu agomba gufata mu mutwe 1 mu mabwiriza. Muri buri nama uko zikurikirana buri munyamuryango azajya asabwa kuvuga ibwiriza ngenderwaho yafashe mu mutwe.
3. Mutange raporo y’uko inama y’ubushize yagenze: umwanditsi akwiriye gusoma raporo akavuga n’umubare w’amafaranga yabonetse mu nama iheruka.
4. Mwemeranye ku biri ku murongo w’ibygwa
5. Amahugurwa ahoraho ku banyamuryango b’itsinda
6. Kubara amafaranga y’itsinda
7. Gukusanya ubwizigame butangwa
8. Gukusanya ay’abishyura inguzanyo
9. Gutanga inguzanyo, abanyamuryango basesengura abemerewe guhabwa inguzanyo maze abayobozi bakabitunganya mu nyandiko.
10. Kubara amafaranga
11. Kubwira itsinda umubare w’amafaranga abonetse: Perezida akoresha ikaye akabwira abantu amafaranga basigaranye.
12. Gufunga agasanduka: Gushyiramo amafaranga yose y’ubwizigame atanzwe, inguzanyo zishyurwe n’amande yose yakusanyijwe. Buri muyobozi agashyiraho ingufuri ye.
13. Amatangazo: Rimwe (1) mu matangazo rikwiriye kuvugwamo umubare w’amafaranga itsinda rifite nyuma y’iyo nama.
14. Isengesho ryo gusoza

- ◇ Hari ibibazo mwaba mufite?
- ◇ Ni izihe mpinduka mushaka gukora kuri uru rutonde?
- ◇ Haba hari ibindi bintu mushaka kongera mu matsinda yanyu?

3B: Muganire kuri ibyo mu itsinda rinini hanyuma mwongereho ibikorwa twemeranijwe.

3C: Mwumye ibitekerezo bikurikira mwakwifashisha mu gukusanya amafaranga y'itsinda mu gihe cy'inama.

Kusanya ubwishyu bw'ubwizigame: Niba mubika mu isanduka, muri iki gihe muyifungure, hanyuma mukuremo amafaranga arimo. Mubare amafaranga hanyuma mubwire abagize itsinda umubare way o. noneho buri munyamuryango atange ayo asanzwe atanga y'ubwizigame.

- Abayobozi b'itsinda bicare bbitegeye abandi barebana. Niba bishoboka bicare ahari ameza kugira ngo bigaragaze ko gahunda barimo yo gutanga amafaranga bayikomeje, ariko abanyamuryango bose bagomba kuba bareba uko amafaranga atangwa.
- Perezida agahamagara amazina y'abanyamuryango. Umwanditsi akandika ubwitabire.
- Umunyamuryango agaha umubitsi ubwizigame bwe na we akayabara, akayashyira ku meza, maze akavubwira itsinda ryose umubare wa yo. Umunyamuryango agasinya cyangwa agakosora ku nyandiko y'ubwizigame bw'abanyamuryango kugira ngo yuzuze umubare w'inshuro atanze ubwizigame bwe.

Subiramo iyi nzira hamwe na buri munyamuryango.

Gukusanya ubwishyu ku nguzanyo: Ubwishyu ku nguzanyo bwakwa abantu batararangiza kwishyura inguzanyo

- Perezida ahamagara abantu batararangiza kwishyura inguzanyo.
- Umunyamuryango agashyikiriza ubwishyu bwe umubitsi na we akayabara, akayashyira ku meza, hanyuma agatagariza itsinda umubare wayo. Umwanditsi akandika ubwo bwishyu ku nyandiko igaragaza inguzanyo y'umunyamuryango.
- Ibyo bikorwa ku munyamuryango wese utaramara kwishyura inguzanyo.

Kubara amafaranga: Amafaranga yakusanyijwe yose ukuyemo inguzanyo zose (niba ari ihuriro ryo kuzigama no kugurizanya) abarwa na Perezida n'umubitsi agasubiramo ngo hemezwe umubare nyawo. Uyu mubare ukandikwa n'umwanditsi hanyuma ugatangarizwa itsinda ryose.

- ◇ Ni iki mwavuga kuri ubu buryo bukoreshwa?
- ◇ Ni iki mwakenera gukora ngo mwigere ubu buryo?
- ◇ Ni iki mwakwifuzaga guhindura muri ubu buryo?

3D: Andika umurongo w'ibyangwa uzakoresha mu nama z'itsinda.

Iyi ni inshingano y'umwanditsi.

Mwemeze abashinzwe kugira icyo bakora n'uruhare rwabo

mu nama. Saba abantu ibitekerezo.

Andika umwanya w'umuntu hirya y'igice azafashamo.

3E: Mu itsinda rinini, muhaguruke (umwe umwe) maze buri wese avuge inshingano ye imbere y'inama.

- ◇ Hari ikibazo mufite?

Umukoro wa 4: Inama ya nyuma y'itsinda

4A: Musuzume ko itsinda ryageze ku cyo ryari rigamije

Abanyamuryango bazaba bishimiye guhabwa amafaranga yabo. Ariko, inama ya nyuma icyo iba igamije na none ni ukwishimira no kwibuka icyo Imana yakoze binyuze muri iri tsinda.

Mwungurane ibitekerezo ibibazo bimwe byo dushobora kubazanya nk'itsinda ngo twibuke ibyo Imana yakoze mu gihe tumaze dukora nk'itsinda.

4B: Musome ibibazo bikurikira. Mukoreshe ibyo bibazo byiyongere ku byo itsinda ryunguranyeho ibitekerezo kugira ngo musuzume uko itsinda ryanyu ryageze ku cyo ryari rigamije.

- Umubano wacu n'Imana wakuze bingana iki?
- Imibanire hagati yacu yakuze ibingana iki binyuze mu gukomezanya, kwirinda amakimbirane, no gukundana?
- Ni gute twarushijeho kuba ibisonga byiza by'ibyo Imana yaduhaye?
- Ni izihe mpinduka twazanye aho dutuye?
- Ubukungu bwacu bwiunguye bingana iki—kuri twese nk'itsinda kimwe n'umuntu ku giti cye?

Kwegeranya “ubuhamya” ni igice cy'ingenzi mu gutanga raporo y'umurimo itorero rikora w'amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya.

4C: Muganire kuri ibi bibazo:

- ◇ Ni gute wakoresha ibi bibazo kugira ngo wibuke ibyo Imana yakoze binyuze muri iri tsinda?
- ◇ Ni ibihe bibazo wakongeraho?

Umukoro wa 4D: Mwemeze ibizakorwa mu nama ya nyuma

Hari ibibazo by'ingenzi twaganiriye byakongerwa mu nama ya nyuma, ariko noneho mureke tuganire ibizajyaku murongo w'ibygwa nyir'izina ndetse n'ibikorwa bizakorwa mu nama ya nyuma. Niba itsinda ryarabitsaga muri banki cyangwa SACCO, muyakureyo ku munsu muzayagabanaho.

Amatsinda azongera agakomeza gukora nyuma yo kugabana ashobora kwemeza kugira ayo basiga kuri konti, ashobora kuba umusanzu wo kuba umunyamuryango wishyurwa ku munsu wo gutangira itsinda. Iki cyemezo kigomba gufatwa atarakurwa kuri konti.

4E: Ni bikorwa nyabaki byaba binogeye gukorwa mu nama ya nyuma? Saba abantu ibitekerezo. Muze mubyandike ku kibaho.

4F: Mutege amatwi ingero z'ibindi bikorwa mwakora mu nama ya nyuma.

Somera abitabiriye izi ngero zikurikira z'ibyakorwa.

Ingero z'ibikorwa byakorwa mu nama ya nyuma

A: Mwumve Yosua 4:1-7:

Ubwoko bwose bumaze kwambuka Yorodani, Uwiteka abwira Yosua ati “Robanura muri aba bantu abagabo cumi na babiri, mu miryango yose havemo umwe umwe, ubategeke uti ‘Nimutore amabuye cumi n’abiri muri Yorodani hagati aho abatambyi bari bashinze ibirenge, muyambukane muyashyire aho mugandika iri joro.’” Yosua aherako ahamagaza abagabo cumi na babiri yarobanuye mu miryango y’Abisirayeli yose umwe umwe, arababwira ati “Nimunyure imbere y’isanduku y’Uwiteka Imana yanyu muri Yorodani hagati, umuntu wese aterura ibuye arishyire ku rutugu nk’uko umubare w’imiryango y’Abisirayeli ungana, kugira ngo bibe ikimenyetso muri mwe kera ubwo abana banyu bazabaza ba se bati ‘Aya mabuye ku bwanyu ni icyitegererezo ki?’ Muzabasubize muti ‘Amazi ya Yorodani yatandukaniye imbere y’isanduku y’isezerano ry’Uwiteka, igihe yambukaga Yorodani amazi yayo agatandukana, kandi ayo mabuye azaba icyitegererezo cyibutsa Abisirayeli iteka ryose ibyabayeho.’”

◇ Ni iki mwumva muri iyi mirongo?

Imana yayoboye Yosua kwibuka ibyo yakoze ashiraho ikimenyetso cyangwa urwibutso.

◇ Ni ikihe kimenyetso cyangwa urwibutso twashiraho ruzajya rutwibutsa ko Imana ari iyo kwizerwa?

Muhane ibitekerezo kugira ngo mu biganireho n'itsinda ryose.

Urugero B: Hindukira urebe uwo mwegeranye. Umubwire ikintu ushimira Imana muri iri tsinda. Uzuza iyi nteruro ikurikira: Ndashimira Imana iri tsinda kuko. Hanyuma tuze kumva abantu bose.

Urugero C: Musengere hamwe mu matsinda ya 3. Mushimire Imana ibyo mubona yakoze muri iri tsinda.

Urugero D: mu matsinda ya 3, Muhimbe indirimbo cyangwa umuvugo cyangwa ikinamuco bigaragaza ibyo mwize ubwo mwasubizaga ibibazo byo gusuzuma itsinda ryanyu. Muhimbwe! Mumurikire igihangano cyanyu abandi musangiye itsinda maze mwishimane.

Ibindi bitekerezo: Mutumire umuyobozi w'itorero cyangwa muri nzego za Leta aze ashime itsinda, bakine, banasangire.

◇ Ni ibihe muri bikorwa byaba binogeye gahunda y'inama ya nyuma?

Muhane ibitekerezo muri buganireho n'itsinda ryose. Ntimwibagirwe gushyiramo ibibazo twaganiriyeho ku rupapuro twabahaye nka kimwe mu bikorwa.

4G: Mutekereze ku bitekerezo twanditse ku kibaho no ku rupapuro ruriho ingero. Mutore kugira ngo mwemeze ibitekerezo bikwiriye.

◇ Ibi bitekerezo muzabikurikiranya mute?

Umwanditsi arandika umwanzuro wanyu.

◇ Ni nde uzaba ashinzwe igice runaka muri iyo nama ya nyuma?

Umwanditsi arandika ushinzwe buri cyiciro cy'inama. Kimwe mu bikorwa byanyu gikwiriye kuba kwemeza igihe cyo kongera kurema cyangwa gusubukura amatsinda kuri ayo yiyemeje gukora ikindi cyiciro.

◇ Ni ibihe bibazo cyangwa inyunganizi mwaba mufite ku gukoresha inama ya nyuma?

Mureke dusenge dusoze dusabe Imana ihe umugisha inama yacu ya nyuma.

Ha umwanya abayobozi batandukanye basenge, hanyuma ubahugura ari we ubasoreza abasengera.

Umukoro wa 5: Mwitoze kwandika ibivugirwa mu nama y'itsinda

Mukwiriye kwandika ibintu by'ingenzi bibera mu nama.

5A: Baza abantu bimwe mu bintu bindi bibera mu itsinda wakenera kwandika usibye guhanahana amafaranga. Turandika ibisubizo byanyu ku rupapuro runini turuhe umutwe uvuga ngo “kwandika.”

Manika ku rukuta urupapuro rutanditseho uruhe umutwe uvuga ngo “kwandika”.

Ibitekerezo byanyu ni byiza.

5B: Mutekereze ku nama ya nyuma y'itsinda ryanyu ryo kwizigamira. Buri wese ukwe mwandike ibyayibayemo kandi ushyiremo ibintu byose twanditse.

5C: Mugeranye ibyo wanditse n'ibyo abandi mwari kumwe mu nama kugira ngo murebe niba hari icyo mwari mwibagiwe cyangwa undi yaba yavuze neza kukurusha. mukore amatsinda muhuriyemi n'abandi bayobozi b'amatsinda yanyu. Muhuze ibyanyu byose mukoremo inyangiriko imwe ku buryo umuntu utarabashije kuza mu nama yabasha gusobanukirwa ibyabereye mu nama.

5D: Muhe ibya mwanditse abataraje mu nama. Aba bantu bakwiriye guhita basobanukirwa neza ibyabereye muri iyo nama n'ubwo batari bahari.

Abantu barimo kubyumva bakwiriye gusubiramo ibyo bumvise mu byo mwanditse kugira ngo bihamye ko mwabyanditse mu buryo bwumvikana.

Kwandika ibibera mu nama si umurimo w'umunyamabanga gusa. Bisaba ubufasha bw'abandi bayobozi b'itsinda kugira ngo hatagira igitekerezo kandi bibe byanditse mu buryo bwumvikana. Bizagufata igihe kugira ngo umenye kwandika neza ibyo bumvise, ariko ukomeze ugerageze. Ni ingenzi kubika amateka y'itsinda cyane cyane igihe haramutse havutse ibibazo.

Isomo rya 3: Servant Leadership

INTEGO	<p>Iri somo rirajya kurangira, abaryitabiriye baraba bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gusobanura ibiranga abayobozi beza 2. Gusuzuma icyitegererezo cya Yesu nk'umuyobozi ukorera abo ayobora 3. Kuganira ibiranga abayobozi bakorera abo bayobora 4. Kubishyira mu miyoborere yabo y'itsinda.
IMYITEGURO/ IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu y'ibirange, ibyo gufatisha n'impapuro z'ibinyamakuru. • Bibiliya Yera • Urupapuro runini rwateguwe rufite umutwe: "Abayobozi bakorera abo bayobora" (Umukoro wa 2B) • Udupapuro duciye tw'ibinyamakuru
IGIHE	Isaha 1

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi, turaganira ku rugero Yesu yatweretse rwo kuyobora nk'umugaragu.

Mutubwire ikintu 1 mwakoze mu nama iherutse kikugaragariza ko hari icyo urimo kwigira muri aya mahugurwa y'abayobozi b'itsinda.

Ni byiza kumenya ko urimo guhsyira mu ngiro ibyo wiga.

Umukoro wa 1: Musobanure ibiranga abayobozi bashoboye kandi bashimwa

1A: Tekereza ku muntu wemera ko ari umuyobozi mwiza— umuntu uzi ubwawe cyangwa wemerwa na benshi. Hindukirira uwo mwicaranye maze umusobanurire umuyobozi uko aba ameze.

1B: Babiri babiri, musesengure abayobozi mumaze kuganiraho.

◇ Wasobanura ute imiterere n’amatwara by’uyu muyobozi?

Mwandike ibyo bintu bimuranga ku mpapuro – ikimuranga 1 kuri buri rupapuro.

Mubimanike ku rukuta.

Nyuma y’iminota nk’ 5, usabe abantu babishaka gusoma ibyo abantu bamanitse bavuga ko biranga umuyobozi.

◇ Amagambo twamanitse murayavugaho iki?

Umukoro wa 2: Musuzume urugero Yesu yaduhaye rwo kuyobora nk'umugaragu

Saba umuntu asome Matayo 20:25-28, 23:11-12.

2A: Umya ibyanditse muri iyi mirongo yo muri Matayo.

Yesu arabahamagara arababwira ati “Muzi yuko abami b'abanyamahanga babatwaza igitugu, n'abakomeye babo bahawe kubategeka. Ariko muri mwe si ko biri, ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu, nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorera, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.” Yesu ahumura impumyi ebyiri... Ahubwo uruta abandi muri mwe ajye aba umugaragu wanyu. Uzishyira hejuru azacishwa bugufi, uzicisha bugufi azashyirwa hejuru.”

Matayo 20:25-28, 23:11-12

- ◇ Ni iki wumva muri iyi mirongo kivuga ku matwara y'umuyobozi mwiza?
- ◇ Ibi bihuriye he cyangwa bitandukaniye he n'ibimuranga twavugaze kare?

2B: Gushyira mu ncamake, dusome ku gipapuro cyanditseho kuyobora nk'umugaragu mi ijwi riranguruye.

Abayobozi bakorera abo bayobora ...

- Barehereza abandi ku Mana kuruta kubireherezaho.
- Bashishikarira abandi gukoresha impano zabo, aho gutangirira impano z'abayobozi babo.
- Gushishikariza abandi gukura, aho kwishingikiriza ku bandi.
- Kubona ko Imana ihindura abantu, kurenza ubushobozi bwabo.
- Kwemera amakosa yabo no kwicisha bugufi ugakora ibishoboka ngo uyakosore.
- Gushishikariza abantu gukorera abantu.

- ◇ Iyo tuvuze “kureshya/gushishikaza” wumva iki cyangwa umuntu arehereza ate undi muntu ikintu?
- ◇ Ni ibihe muri ibi wumva byakugora kandi kubera iki?

2C: Mukore amatsinda mato y’abantu 3. Muganire uko mwakwakira ya matwara nk’aya Yesu maze mureshye abandi bo mu itsinda ryany. Mutekereze ku bibaranga twaganiriyeho kare. Muhimba agakino k’iminota 5 kagaragaza uko uzatera ikirenge mu cya Yesu.

Nyuma ya buri mukino, mukomere amashyi iryo tsinda hanyuma musabe abandi bitabiriye gusobanura uko babonye cyangwa bakuye muri uwo mukino.

- ◇ Ni izihe ntambwe uzagerageza gutera kugira ngo ugerageze kugira amatwara nk’aya Yesu?

2D: Mwiyemeze ibintu 3 mushaka gukora. Bibwire undi muyobozi uzagufasha kubikora.

Nyuma y’iminota runaka. Turaza kumva ibyo abantu bose biyemeza.

Mwibuke: nk’abayobozi, mwatowe n’imana n’itsinda. Umwanya ufite ntiwawutsindiye ahubwo warawuhawe, kuko Imana n’abandi bantu bakubonamo impano y’ubuyobozi. Ariko kuko umuntu wese yaremwe mu ishusho y’Imana, abagize itsinda bese bagomba kuba gukundwa, kubahwa no guhabwa agaciro kandi bakagira ijambo.

2E: Musabe Imana ibahe umutima n’itekerezo bijyanye n’uruhare rwanyu nk’abayobozi. Musenge ibafashe kuba abayobozi bakorera abo muyobora kandi basohoza ibyo biyemeje.

Emerera abantu batandukanye hanyuma ubasengere basoza.

Isomo rya 4: Ubuyobozi bwubakiye ku bumana kandi bushoboye¹

INTEGO	<p>Isi somo rirajya kurangira, abaryitabiriye bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gutekereza ku muyobozi muri Bibiliya wari ufite umutima wo gukorera abantu 2. Gushyira ibi bikorwa mu miyoborere yabo\ y'itsinda
IMYITEGURO/IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yabugenewe, ibyo gufatisha, urupuro rutanditseho • Bibiliya Yera • Urupapuro runini ruteguye rwitwa: “abayobozi bubakiye ku Mana kandi bashoboye...” (Umukoro 1B) • Ibipapuro biteguye bifite inyito “Umva ibikenewe,” “Senga,” “Tanga umwanya wawe,” kandi “utere abandi ishyaka” (Umukoro 2)
IGIHE	<i>Iminota 45</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi turaganira ku buyobozi bushingiye ku bumana kandi bushoboye.

Bwira abandi ikintu kimwe cyabaye mu nama iherutse cyaguteye kuba umuyobozi nk'uko Yesu yari ari.

¹ Isomo ryakuwe mu Isomo rya 8: “Leadership prepared by Michael Camp in Market Values Training Manual by Dr. Jay A. Lykins”.

Umukoro wa 1: Mutekereze ku rugero rwo muri Bibiliya rw'umuyobozi wakoreraga abandi

Mu nama iherutse, twaganiriye ku matwara y'umuyobozi ukorera abandi. Uyumunsi turaza kwibanda ku bikorwa by'umuyobozi ukorera abandi.

1A: Mutege amatwi inkuru ya Nehemiya hagire udusomera mu Ijambo ry'Imana mu ijwi ryumvikana. Wumve neza ibiranga ubuyobozi bwubakiye ku bumana.

Barambwira bati “Abari batāgiye mu bunyage bagasigara mu gihugu cy'u Buyuda bagize amakuba menshi baratukwa, kandi inkike z'i Yerusalemu zarasenyutse n'amarembo yahoo yarahiye.” Maze kumva izo nkuru ndicara ndarira, mara iminsi mbabaye, niyiriza ubusa nsengera imbere y'Imana nyir'ijuru nti “Ndakwinginze Uwiteka Mana nyir'ijuru, Mana nkuru itera ubwoba, ikomereza isezerano n'imbabazi abayikunda bakitondera amategeko yayo, none tegera ugutwi kwawe kumve n'amaso yawe arebe, wumve gusenga umugaragu wawe nsengera imbere yawe muri iyi minsi ku manywa na nijoro nsabira abagaragu bawe b'Abisirayeli, nātura ibyaha Abisirayeli twagukoreye. Ni koko jyewe n'inzu ya data twaragucumuye.... Umwami arambaza ati “Hari icyo unsaba?” Nuko nsaba Imana nyir'ijuru, maze nsubiza umwami nti “Niba umwami abikunze kandi umugaragu wawe nkakugiraho ubuhake, unyohereze i Buyuda mu murwa urimo ibituro bya ba sogokuruza, mbone kuwubaka.”...Nuko iryo joro ndasohoka nyura mu irembo rijya mu gikombe, nkomeza inzira y'iriba ry'ikiyoka no mu irembo rinyuzwamo imyanda, nitegereza inkike z'i Yerusalemu zasenyutse n'amarembo yaho yahiye. Mbabwira ukuboko kw'Imana yanjye uburyo kwangiriye neza, mbabwira n'amagambo umwami yambwiye. Baravuga bati “Nimuhaguruke twubake.” Nuko biyungamo bagira imbaraga zo gukora uwo murimo mwiza. Ariko Sanibalati w'Umuhoroni na Tobiya umugaragu w'Umwamoni na Geshemu w'Umwarabu babyumvise, baraduseka badushinyagurira baratugaya bati “Ibyo mukora ibyo ni ibiki? Murashaka kugomera umwami?” Maze ndabasubiza nti

“Imana nyir’ijuru ni yo izatubashisha. Ni cyo kizatuma twebwe abagaragu bayo duhaguruka tukubaka, ariko mwebwe nta mugabane, nta buryo nta n’urwibutso mufite PEACE Savings Group Handbook 159 muri Yerusalemu.”

Nehemiya 1:3-6, 2:4-5, 13, na 17-20

1B: Mugaragaze uko Nehemiya yerekanye ibiranga umuyobozi ukorera abandi. Turumya ibitekerezo byanyu mu itsinda ryose.

Urupapuro rukurikira rumanike nko kwiwibutsa.

Umuyobozi ushoboye kandi wubakiye ku bumana...

- Atega amatwi akumva ibyo abantu bakeneye.
- ArasengaImana ikamuyobora, kuko aba azi ko atari we ufite ibisubizo byose.
- Aba afite umwanya wo gukemura ibibazo by’abandi.
- ashishikariza kandi agakangurira abandi gufatanya kunesha ibibazo.

Umukoro wa 2: Bashyire ibi bikorwa mu miyoborere y'itsinda

2A: Mutekereze inzira mwakoresha ibi bintu biranga abayobozi mu kuyobora itsinda ryanyu.

Manika impapuro 4 ku rukuta zifite inyito.

◇ Ni gute wakumva kandi ukamenya ibyo abanyamuryango b'itsinda bakeneye?

Turabyandika ku rupapuro runini rwitwa: "Umva ibibazo."

◇ Ni gute wasengana ubwenge mu nshingano zawe nk'umuyobozi?

Turabyandika ku rupapuro twise: "Senga."

◇ Ni gute watanga umwanya wawe kugir ngo ukorere abandi banyamuryango?

Turabyandika ku tupapuro twise: "Tanga umwanya."

◇ Ni gute watera abanyamuryango umwete wo gukomeza ibyo biyemeje kandi ukabashishikariza gukorera hamwe?

Turabyandika ku rupapuro twise: "Tera umwete."

2B: Mureke turebere hamwe ibyo mwanditse. Mwiyemere kugerageza gushyira mu ngiro nibura umwe muri iyi myitozo mu nama itaha. Buri wese abe ijisho rya mugenzi we murebe ko buri wese abikora.

2C: Musabe Imana ibafashe gukora he ibyo mwamenye. Mureke dusenge.

Amerera abandi gusenga. Hanyuma ubasengere basoza.

Isomo rya 5: Gukurikirana iterambere ry'itsinda²

INTEGO	<p>Iri somo ni rijya kurangira, abaryitabiriye baraba bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Basuzumye iterambere ry'itsinda ryabo 2. Bateguye ibikorwa byo gukurikirana iterambere ry'itsinda
IMYITEGURO/IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yabugenewe, ibyo gufatisha, impapuro zitanditseho • Bibiliya Yera • Kopi z'amabwiriza y'itsinda
IGIHE	<i>Isaha 1</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi, turaza kuganira ku gukurikirana iterambere ry'itsinda. Mbere yo gutangira, reka turebere hamwe.

◇ What was 1 new idea you learned about leadership from our last meeting?

Turaza kumva bimwe mu bitekerezo byanyu.

² Kugira ngo icyizere gikomeze kubungabungwa hagati y'abanyamuryango no kugir ngo hatagira umunyamuryango ukorwa n'isoni. Uhugura ashobora kwigisha iy nyigisho nk'uburyo bwo ahura n'abayobozi buri wese ukwe abagigisha inama.

Umukoro wa 1: Gusuzuma iterambere ry'itsinda ryabo

1A: Tega amatwi inkuru ikurikira:

Itsinda ryo kwizigamira ryitwa Urutare rukomeye ni itsinda rimaze umwaka ryizigamira. Rigizwe n'abantu 22. Kandi buri wese yizigamira amafaranga ijana buri kwezi. Buri munyamuryango yafashe inguzanyo muri uwo mwaka. Abayobozi babo barimo gutegura inama ya nyuma ari bwo abanyamuryango bose bazagabana. Ubwo abayobozi barebagaba mu imbonerahamwe z'amafaranga, basanze ko amafaranga bafite ari make ku yo babona mu nyandiko. Bongeye kwitegereza kuri imbonerahamwe basanga hari imbonerahamwe zimwe zitujujwe neza.

1B: Mukore amatsinda y'abantu 3-4.

- ◇ iki kibazo cyatewe n'iki?
- ◇ Ni iki abayobozi bakabaye barakoze kugira ngo birinde iki kibazo?

Ibisubizo bishoboka: ntibujije imbonerahamwe neza uko bikwiriye; bakabaye baranditse neza.

- ◇ Kuki kwandika ari ingenzi?

Ibisubizo bishoboka: gukurikirana iterambere ry'itsinda; kumenya uko itsinda rihagaze.

1C: mureke dufatanye turebere hamwe buri imbonerahamwe y'itsinda.

Muteranye umubare w'amafaranga yazigamwe ari kuri imbonerahamwe ya buri munyamuryango. hanyuma, mukuremo umubare w'amafaranga ukiri mu nguzanyo kuri imbonerahamwe ya buri munyamuryango. Uyu mubare ukwiriye kungana n'amafaranga itsinda rifite ahari mu ntoki (cyangwa mu isanduka cyangwa kuri konti ya banki).

Mutumbire ku makosa yakozwe.

- ◇ Aya makosa muzakemura mute?

Mugerageze gushishikariza abantu gukorera mu mucyo imbere y'abandi banyamuryango no gutuma abayobozi b'itsinda bemera amakosa ya bo.

Guhora tumenya uko amafaranga ahagaze ni ingenzi cyane, ariko gukurikirana birenze kumenya gusa iby'amafaranga y'itsinda bihagaze.

1E: Mubwire abantu bose icyo itsinda ryanyu rigamije.

- ◇ Ni gute mwaba mwarabonye iterambere mu kugera ku cyo mugamije?
- ◇ Ni mu buhe buryo itsinda ryaba ryananiwe kugera ku cyo riyemeje?

1F: Babiri babiri, murebere hamwe andi mabwiriza yose maze muganire ku bibazo bikurikira.

- ◇ Ese itsinda ryaba ryabaye ritatiriye aya mabwiriza?
- ◇ Ni ubuhe buryo itsinda ryaba ryananiwe gukurikiza amabwiriza ryihaye?

Mufite iminota 5. Hanyuma turaza kumva abantu mwese. Noneho mureke dusubire mu itsinda rinini kugira ngo dufatanye gushaka umuti w'ibi bibazo.

- ◇ Ni gute itsinda ryakongera gusubira mu murongo w'icyo ryari rigamije ndetse n'amabwiriza yaryo?
- ◇ Ni ayahe mabwiriza yaba akeneye guhindurwa?

Mubwire abandi ibitekerezo byanyu kugira ngo biganirweho mu itsinda rinini.

Umukoro wa 2: Mutegure ibikorwa byo gukurikirana iterambere ry'itsinda

Mutekereze ku buryo bwo gukurikirana iterambere, mukora ibishoboka ngo mukurikize icyo itsinda rigamije n'andi mabwiriza.

2A: Mukore amatsinda y'abantu 3. Mwemeze uburyo bwo gukurikirana imikorere y'itsinda no kudatira amabwiriza yaryo. Mutekereze ku bibazo bikurikira:

- ◇ Ni ibihe bikorwa mushobora gukora mu nama zanyu z'abayobozi?
- ◇ Ni ibihe bikorwa mushobora gukora mu nama z'amatsinda?

Mubikore mu minota 10, hanyuma turaza kwandika ibitekerezo byanyu ku kibaho.

Ingero z'ibitekerezo: 1. Guha abayobozi umwanya wo kuzuzanya imbonerahamwe z'ubwitabire n'iz'amafaranga muri buri nama. Abayobozi b'itsinda bazajya babwira itsinda ryose uko amafaranga yabo ahagaze muri buri nama. Abagize itsinda bemerewe kureba muri izi imbonerahamwe igihe cyose habaye inama. 2. Gusubiramo ibyemezo byafashwe ku mabwiriza agenga itsinda no kubaza abarigize ko uko babona uko bakurikiza aya mabwiriza. 3. Mwirengeje inama imwe, musubiremo icyo itsinda rigamije kugeraho kandi mubaze abanyamuryango uko barimo kugerageza kugera ku cyo bagamije. 4. Igihe cyose habaye inama, mutange umwanya wo kugaragaza ibibazo n'impungenge ku mikorere y'itsinda cyangwa amabwiriza arigenga. Abagize itsinda bakwiriye kwemererwa kugaragaza impungenge zabo muri buri nama.

2B: Mwemeze igikorwa muri ibi muzakora. Abanditsi bazandika imyanzuro yanyu mukwiriye kubwira abanyamuryango mu nama itaha.

Ibuka ko, kwandika uko bikwiriye ni ingenzi ku itsinda ryiza. Gukurikirana iterambere ry'itsinda ryacu bidufasha guhamya ko dushishikariye kugera ku cyo tugamije.

2C: Musenge kugira ngo Uwiteka akomeze kuyobora iterambere ry'itsinda. Musabe Imana imbabazi aho twatanye ntidukomeze amabwiriza y'itsinda ndetse idutere imbaraga kandi idutere umwete wo kuba abizerwa.

Emerera abantu basenge hanyuma ubasoreze ubasengera.

Isomo rya 6: Guhangana n'amakimbirane

INTEGO

Iri somo rirajya kurangira abaryitabiriye bamaze:

1. Kuganira ku ngamba zo gukemura amakimbirane
2. Basuzumye amahame ashingiye kuri Bibiliya yo gukemura amakimbirane
3. Bashyize amahame yo gukemura amakimbirane ashingiye kuri Bibiliya mu itsindas

IMYITEGURO/IBIKORESHO

- Amakaramu yabugenewe, icyo gufatisha, urupapuro rutandditseho, udupapuro duto two komeka ku rukuta
- Bibiliya Yera
- Igipapuro kinini cyanditseho: "Guhangana n'amakimbirane" (Umukoro 1D)
- Inkuru (kora kopi z'Umukoro 1B uzihe abantu bose)
- Umugereka: Imirongo ya Bibiliya ivuga ku makimbirane (ca imirongo iri mu mukoro 1C)

IGIHE

Isaha 1

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi, turaganira ku guhangana n'amakimbirane. Mbere y'uko dutangira, mureke twibukiranye.

◇ Ni gute mwakurikiranaga iterambere ry'itsinda ryanyu?

Mutubwire ikintu 1 itsinda ryanyu ryakoze.

Umukoro wa 1: Muganire ku ngamba zo gukemura amakimbirane

1A: Mutereze ubwo wowe cyangwa inshuti yawe ya hafi iheruka guhura n'ikibazo cy'amakimbirane. Hindukirira umuntu mwicaranye. Mubwire uko amakimbirane yakemutse niba yarabashije gukemuka.

Hanyuma turazakumva abashobora kutubwira.

1B: Mukore amatsinda y'abantu 3.

Mubwirane izo nkuru.

Musome inkuru zikurikira. Nyuma ya buri nkuru, baza uti:

◇ Muri iyi nkuru imibanire y'aba bantu yagenze ite?

Inkuru

Amezi (6) ashize, Dorukasi yatije umuturanyi we Debora isafuriya afite ibirori yitegura. Nubwo Dorukasi yamubazaga ibya ya safuriya, Debora ntiyaburaga urwitwazo none kugeza n'ubu ntarayitirura. Dorukasi rimwe ajya kwa Debora adahari agira ngo arebe ko yabona isafuriya ye.

Miriyamu ni we mubitsi w'itsinda. Umunsi umwe ryo kwizigamira, umunsi umwe undi munyamuryango witwa Mariya aza iwe asigira amafaranga y'itsinda umukobwa wa Miriyamu. Mu nama yakurikiye Mariya amusaba amafaranga yasize iwe. Miriyamu ntiyari azi iby'ayo mafaranga, Mariya aba ateye hejuru baraburana ndetse atangira gushinja Miriyamu kumwibira amafaranga.

Iyo itsinda rivutsemo amakimbirane abarigize bakurikiza ibyiyumviro byabo, imibanire yabo izamo agatotsi. Itsinda rishobora gusenywa n'amakimbirane y'abantu 2 gusa.

1C: Mwigabanyemo amatsinda y'abantu 4.

Muhe buri tsinda imirongo ya Bibiliya 2-3 murebeye ku mugereka B: imirongo ivuga ku makimbirane.

Muganire:

◇ Ushingiye ku bwenge turahura muri uyu murongo, ni gute itsinda ryanyu ryakemura amakimbirane?

Imirongo ivuga ku makimbirane

Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha.

Abefeso 4:29

Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye. Mwirinde kugira ngo ibyo mukora bibonekere abantu bose ko ari byiza. Niba bishoboka, mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose.

Abaroma 12:17-18

Ufashe ururimi rwe aba arinze ubugingo bwe, Ariko ubumbura akanwa ke azarimbuka.

Imigani 13:3

Uwihutira kurakara azakora iby'ubupfu, Kandi uw'imigambi mibi baramwanga.

Imigani 14:17

Nuko mwiambure ibinyoma, umuntu wese avugane ukuri na mugenzi we, kuko turi ingingo za bagenzi bacu.

Abefeso 4:25

“Mwene so nakugirira nabi, ugende umumenyeshe icyaha cye mwiherereye, nakumvira uzaba ubonye mwene so. Ariko natakumvira umuteze undi cyangwa babiri, ngo ‘Ijambo ryose rikomere mu kanwa k’abagabo babiri cyangwa batatu.’ Kandi niyanga kumvira abo uzabibwire Itorero, niyanga kuryumvira na ryo, azakubeho nk’umupagani cyangwa umukoresha w’ikoro. “Ndababwira ukuri yuko ibyo muzahambira mu isi bizaba bihambiriwe mu ijuru, kandi ibyo muzahambura mu isi bizaba bihambuwe mu ijuru. “Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru. Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo.”

Matayo 18:15-20

Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama,

1 Abakorinto 1:10

Yesu aramusubiza ati "Nushaka kuba utunganye rwose, genda ugurishe ibyo utunze maze uhe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uhereko uze unkurikire."Uwo musore yumvise iryo jambo agenda afite agahinda, kuko yari afite ubutunzi bwinshi.

Matayo 18:21-22

1D: Mwandike buri gitekerezo mufite ku rupapuro – igitekerezo 1 kuri buri rupapuro. Mubimanike ku rupapuro runni mwahaye umutwe uvuga ngo: "Guhangana n'amakimbirane."

Nyuma y'imminota mike, buri tsinda riratubwira ibitekerezo byaryo mu itsinda rusange.

Syiramo n'ibi niba bitavuzwe mu matsinda.

- Vugana n'umuntu m wenyine.
- Vugana na we uri kumwe n'abandi 2 cyangwa barenze.
- Amakimbirane ni ikintu gisanzwe kandi kidusaba gusuzumira ikibazo hamwe, atari jye uhagaze ku ruhande rumwe na we ngo uhagarare ku rundi.
- Amakimbirane ni amahirwe yo gufasha abagize itsinda gukura mu mibanire ya bo na bagenzi babo.
- Gukemura amakimbirane bishobora kuvuga gusaba cyangwa utanga imbabazi.
- Uko mufatanyaga gukemura amakimbirane, mushake Imana. mubabarirane iteka nkuko umwami Yesu abibategeka.

Umukoro 2: Koresha amahame Bibiliya yigisha ku gukemura amakimbirane mu itsinda ryo kwizigamira

2A: mu matsinda yanyu mato, Mubwirane amakimbirane ayo ari yo yose ari mu itsinda. Mutekereze ku mahame twaganiriyeho mwakoresha mu itsinda ryanyu ubu. Muyandike.

2B: mu matsinda yanyu, mufate akanya musengere uburyo muzakoresha aya mahame.

Nyuma y'iminota runaka, turasoza dusenga.

Umugereka: Imirongo ya Bibiliya ivuga ku makimbirane

Buri kazu mugomba kugakata ukwako. Buri tsinda rigomba guhabwa utuzu 2-3.

Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha.

Abefeso 4:29

Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye. Mwirinde kugira ngo ibyo mukora bibonekere abantu bose ko ari byiza. Niba bishoboka, mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose.

Abaroma 12:17-18

Ufashe ururimi rwe aba arinze ubugingo bwe, Ariko ubumbura akanwa ke azarimbuka.

Imigani 13:3

Uwihutira kurakara azakora iby'ubupfu, Kandi uw'imigambi mibi baramwanga.

Imigani 14:17

Nuko mwiambure ibinyoma, umuntu wese avugane ukuri na mugenzi we, kuko turi ingingo za bagenzi bacu.

Abefeso 4:25

“Mwene so nakugirira nabi, ugende umumenyeshe icyaha cye mwiherereye, nakumvira uzaba ubonye mwene so. Ariko natakumvira umuteze undi cyangwa babiri, ngo ‘Ijambo ryose rikomere mu kanwa k’abagabo babiri cyangwa batatu.’ Kandi niyanga kumvira abo uzabibwire Itorero, niyanga kuryumvira na ryo, azakubeho nk’umupagani cyangwa umukoresha w’ikoro. “Ndababwira ukuri yuko ibyo muzahambira mu isi bizaba bihambiriwe mu ijuru, kandi ibyo muzahambura mu isi bizaba bihambuwe mu ijuru.” Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru. Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo.”

Matayo 18:15-20

Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry’Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhujwe imitima n’inama,

1 Abakorinto 1:10

Yesu aramusubiza ati “Nushaka kuba utunganye rwose, genda ugurishe ibyo utunze maze uhe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uhereko uze unkurikire.” Uwo musore yumvise iryo jambo agenda afite agahinda, kuko yari afite ubutunzi bwinshi.

Matayo 18:21-22

Amabanga ya nyuma ku gitabo cy'amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya Igice C: amahugurwa y'abayobozi b'itsinda

Ni nde ukwiriye kwitabira amahugurwa y'abayobozi b'itsinda?

Amasomo yo guhugura ateguriwe abayobozi b'itsinda babitorewe n'itsinda. Aya masomo ubundi ateguye mu buryo yitabirwa n'abayobozi bamatsinda atandukanye akoera mu gace kamwe, ariko ubwitabire ntibukwiriye kurenza abantu 15 mu cyiciro cy'amahugurwa. Imwe mu nyungu zikomeye mu gukoresha aya masomo abayobozi bavuye mu matsinda anyuranye ni uko aya masomo ashobora kuzana imibanire n'imikoranye myiza hagati y'abayobozi, cyane cyane ushaka ko biga gufashanya aho gutuma bishingikiriza ku mufashamyumvire. Ibi ni iby'igiciro cyane cyane igihe umufashamyumvire yagiye gufasha amatsinda yo mu kandi gace.

Ni iyihe ntego y'amasomo yose atangwa muri aya mahugurwa y'abayobozi b'itsinda?

Amasomo 6 atangwa muri iki gice yibanda ku guhugurira abayobozi kuyoborana ubumana no gukorera abandi, gusohozza inshingano zabo, gushimangira amabwiriza y'itsinda, kuyobora inama z'itsinda, gukurikirana iterambere ry'itsinda, gutegura igikorwa cyo gutangiza n'icyo gusozza itsinda igihe itsinda ritangiye n'igihe risoje, gucunga amafaranga, no kubika inyandiko bikwiriranye. Itsinda rigomba kwizera ko abantu ryitoye ngo bariyobore bashobora gucunga ibikorwa byaryo ubwabo batabifashijwemo n'umufashamyumvire. Umufashamyumvire akwiriye gutoza, gushyigikira, no kwerekera abayobozi kugira ngo babashe kugira icyo bageraho mu gihe gitaha batabifashijwemo n'umufashamyumvire.

Isomo rya 1 ritanga amahirwe yo kwemeza abayobozi no kurebera hamwe inshingano zabo, cyane cyane abo batari bigera baba mu myanya y'ubuyobozi bakaba bakeneye guterwa ishyamba. Ni ingenzi ko basobanukirwa ko inshingano barimo yashyizweho n'Imana kimwe n'inshingano bahawe.

Isomo rya 2 ryibanda ku kwicara, gutegura ibiri buganirweho, kwitoza ibyo wigisha, no gukoresha imbonerahamwe z'inguzanyo. Iri som ni ryo rishyiraho gahunda n'umurongo abayobozi b'itsinda bazashimangira muri buri nama y'itsinda. Ni intambwe ikomeye yo kwimakaza icyizere, umuco, gukorera mu mucyo n'imiyoborere. Imyinshi muri iyi mikoro izashimangirwa n'umufashamyumvire kugeza igihe azabona ko abayobozi b'itsinda bazashobora gukomeza gusigasira iyo mikorere y'inama.

Isomo rya 3 na 4 rishishikariza abayobozi kurebera kuri Yesu nk'icyitegererezo ku miyoborere. Nubwo amasomo ajya gusa kuko ashaka kugera ku kntu kimwe, Isomo rya 3 risa n'iryibanda cyane ku matwara n'imyifatire no kuvuga kuri Yesu naho isomo rya 4 ryo ryibanda ku bikorwa aho rivuga kuri Nehemiya. Yesu nk'umuyobozi ukorera abo ayobora atandukanye n'imiyoborere y'isi yikakaza. Abayobozi bakwiriye kubona ko Imana yabahaye inshingano zabo nk'abayobozi kandi bakwiriye kubaha abandi banyamuryango b'itsinda. Iyi mikorere Imana ishobora kuyikoresha na yo kugira ngo irinde abayobozi gukoresha nabi umwanya bafite mu itsinda, cyane cyane mu imwe aho abayobozi bakunda kwikoreza abo abandi imitwaro bitwaje icyo bari cyo.

Isomo rya 5 rivuga ku gukurikirana iterambere ry'itsinda kandi ritanga amahirwe yo kureba neza uko itsinda ririmo kugera ku ntego ya ryo, rikurikiza amabwiriza arigenga, kandi risigasira inyandiko z'ibya amafaranga.

Isomo rya 6 riha abayobozi b'itsinda amahame asingiyeye kuri Bibiliya n'ingamba bakoresha igihe havutse amakimbirane. Kuko guhangana n'amakimbirane bishobora bishobora gukorwa mu buryo bushingiye ku mucyo, umufashamyumvire azasabwa kwigengesera kudasanzwe mu buryo bwose agerageza kwakira ataza kubogamira ahatari ho.

Ni izihe ntego z'amahugurwa y'abayobozi b'itsinda?

Nubwo buri somo muri ariya 6 rifite intego itandukanye n'iz'izindi, intego nyamukuru ni uko igihe buri somo rirangiye, abayobozi b'itsinda bakwiriye kuba bize kandi/cyangwa bitoje amwe mu matwara cyangwa ubumenyi bizababashisha kubaha Imana mu myanya yabo, bakamufatiraho icyitegererezo kandi/cyangwa bakayobora ndetse bagacunga itsinda neza.

Ni iki cyihishe inyuma y'uburyo bukoreshwa mu guhugura abayobozi b'itsinda?

Amenshi mu masomo yigishwa abayobozi b'itsinda ateguwe mu buryo bwo gufasha uwitabiriye kugira amahirwe yo kubona, kwitoza kandi/cyangwa gukoresha aya

matwara n’ubumenyi mu miyoborere yabo. Nubwo guhangara amatwara bishobora gusaba guhangara imyemerere iganje, ku bijyanye n’ubumenyi bikwiriye gukomeza abayobozi cyane cyane iyo abayobozi badafite inararibonye mu kwandika iby’inama, iby’amafaranga, cyangwa guhangana n’amakimibirane, no kuyobora inama. Abafashamyumvire bazakenera gusengera ubushishozi kugira ngo babashe guhinyuza imyemerere iganje mu bayobozi nk’abantu bikoreza abandi imitwara y’imyanya barimo, ahubwo tubatera umwete wo kongera ubumenyi. Bumwe muri ubu mumenyi bushobora gusaba igihe kinini cyo kwitoza kirenze igitangwa mu isomo ry’isaha imwe, rero kwigisha isomo inshuro irenze imwe byafasha.

Ni izihe ngorane zikunda kugaragara mu gukora amahugurwa y’abayobozi b’itsinda?

Gukora neza inshingano y’umufashamyumvire

Umufashamyumvire agomba guhora yibaza ati, “hari ikintu ndimo gukora muri iri tsinda umuyobozi waryo, umunyamuryango waryo cyangwa umunyetorero yashobora gukora kandi akwiriye gukora? Ibisubizo by’iki kibazo ntibizaba bimwe ku matsinda yose bitewe n’uko ateye. Itsinda rimwe rishobora kuba ryashobora kwakira inshingano mu byumweru bike ariko ugasanga hari irindi ryamara amezi cyangwa imyaka ritarabibasha. Umufashamyumvire akwiriye kugerageza ku buryo kuba mu itsinda kwe biba kubakomeza no kubatoza igihe kirekire ariko ari ko agenda agerageza uko yareka kuba ari we ukorera itsinda ibintu byose ahubwo agenda akuramo ake karengwe. Urugero, umufashamyumvire akwiriye gutoza abayobozi uko bayobora inama, babika inyandiko zimeze neza, bakemura ibibazo bikivuka umufashamyumvire we akarebera hanyuma akajya inama. Hari itandukaniro rigoye hagati yo kotsa itsinda igitutu kubera ko umufashamyumvire ahari no kwerekera itsinda mu gihe bagikeneye ubujyanama. Nk’ibindi byose bikeneye ubushishozi, umufashamyumvire akwiriye kubisengera akabyereka Imana.

Kubika inyandika

Kubika neza inyandiko ni byo bikunda kugorana mu gucunga itsinda. Ni yo mpamvu, byafasha kubaza abayobozi uko babikoraga ahandi kandi/cyangwa icyatuma izi imbonerahamwe ziborohera. Ni ngombwa ko inyandiko zikozwe abantu bose bazisobanukirwa. Bishobora gufata umwanya ungana n’igihe itsinda rizamara rihanahana amafaranga kugira ngo babe bamaze kumenya neza gukoresha imbonerahamwe. Umufashamyumvire akwiriye gukurikirana neza uko amafaranga akusanywa n’uko ashyirwa aho yandikwa muri buri nama. Inshingano ye ya mbere

ni ugukomeza abayobozi igihe bamaze kuzuza amaimbonerahamwe neza kandi bagakosora ibyakosamye kandi batuje.

Amafaranga ya imbonerahamwe n'isanduka yo kubikamo

Abayobozi b'itsinda bashobora gushaka gutegereza igihe ubwizigame bwa mbere buzatangirwa mbere yo kwakira umusanzu wo kuba umunyamuryango ari yo bashobora gukoreshamo kopi z'inyardiko zigaragaza iby'amafaranga, ikaye, na/cyangwa isanduka. Niba ayo kuba umunyamuryango yishyurwa mu nama ya mbere hamwe n'ubwizigame bwabo bwa mbere, hanyuma inama y'abayobozi b'itsinda ishobora gukoresha kopi mu rupapuro rumwe. Aya mafaranga ashobora kwimurirwa ku nama ya kabiri. Amafaranga yose yatanzwe akagurwamo isanduka, ikaye na/cyangwa kopi za imbonerahamwe zikwiriye kubwirwa itsinda mu nama ya kabiri.

Kwigengesera mu gihe ukosora amakosa

Mu bihugu bimwe, gukosorera umuntu imbere y'abandi bishobora gutera ipfunwe rikomeye. Abafashamyumvire bazasabwa kwigengesera uko bahitamo gukosora amakosa yakozwe n'abayobozi. Rimwe na rimwe hari igihe iyo udahise ubereka ko ari bo uvuga ahubwo ugasa n'ubacamo umugani (waba ari nyawo cyangwa umuhimbano), bituma abantu bemera amakosa yabo. Mu mico myinshi, igifasha ni ugushimagiza umuntu kurusha kumukosora.

Amasomo yigisha imiyoborere y'itsinda ku gukurikirana no gukemura amakimirane byaba byiza akozwe mu itsinda rimwe aho guhuriza hamwe amatsinda atandukanye n'iyi yaba ayo mu gace kamwe. Nubwo icyo umufashamyumvire aba ashaka ari ukurema itsinda rinini ry'abayobozi b'amatsinda mu gace runaka kugira ngo bajye babasha gushyigikirana bidakeneye umufashamyumvire, mu gihe cy'amasomo hashobora kuvuka ibiganiro bihungabanya imibanire kubera ipfunwe cyangwa ikimwaro abayobozi b'itsinda runaka baterwa n'uko bakosorewe imbere y'abandi.

Kugabana amafaranga igihe cyo gusoza itsinda

Umukoro wa 8 w'isomo rya 1 uganisha abayobozi ku gutanga amafaranga iyo igihe cyo gusoza itsinda kigeze. Biba byiza cyane iyo kugabanya abantu amafaranga bikorewe mu nama, ariko abayobozi b'itsinda bakwiriye kumenya uko babara ubwizigame bwa buri munyamuryango. Ku mafrangwa yabikwaga muri banki, abayobozi b'itsinda bagomba kuyabikuzza ku munsu uri bubeho inama ya nyuma cyangwa mbere yawo gato cyane. Igihe babihereye uruhushya n'abanyamuryango abayobozi bashobora kuyabara bakagabanya uko imigabane y'abanyamuryango iri maze mbere y'inama bagashyira ubwizigame bwa buri munyamuryango mu ibahasha cyangwa urupapuro

ruzinze neza. Ariko, uburyo abayobozi b'itsinda bakoresheje bugomba kumenyeshwa abanyamuryango ndetse bakanerekwa inyandiko zabyo kubera gukorera mu mucyo.

Amafaranga yo hagati y'ibihe byo gusoza itsinda no gutangira ikindi cyiciro

Itsinda rishobora kwemeza kugira amafaranga runaka risiga mu isanduka cyangwa kuri konti kugira ngo azabafashe gutangira ikindi cyiciro bafite igishoro cyisumbuyeho. Nubwo uburyo bwiza bwo kugenzura uko umutungo umeze ari ukutagira ayo musiga kuri konti, uburyo bumwe mwabikoramo ni ukuyagabana yose mwarangiza mugasaba buri muntu guhita batanga aya mbere y'ikindi cyiciro. Ubu bwizigame bwa mbere bwandikwa ku nyandiko nshya z'icyiro cya kabiri. Abanyamuryango batifuza gukomeza mu kindi cyiciro ntibagomba guhatirwa kubyubahiriza.

Bigenda bite iyo amahugurwa y'abayobozi b'itsinda arangiye?

Ku byiciro bikurikiraho by'itsinda ryo kwizigamira, ni byiza ko abari abayobozi b'itsinda batoza abashya uburyo bitwara mu nshingano bahawe. Ni ingenzi gushimngira ku bayobozi b'itsinda ko bakwiriye gutoza abandi bayobozi bashya haba mu matwara n'ubumenyi bukenewe ku bayobozi b'itsinda kuko hazabaho kwisanga abayobozi bacyuye igihe bibanda ku gutuma abayobozi bashya biga ubumenyi bukenewe mu gucunga itsinda bwonyine.



Igitabo cy'amatsinda yo kwizigamira no kugurizanya Igice D: Amahugurwa akurikiraho

muri iki cyisiro muraza:

- Gusubiramo igishushyo cy'inzu yubakiye ku mahame
- Mwige kwigra kw'iyo nzu
- Mwibande ku cyizere, Gukorera mu mucyo, Umuco, Gushyigikirana byubakiye ku mubano, Gusenga, Imiyoborere, no kuba igisonga

Igitabo cy'amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya— Igice D: Amahugurwa akurikiraho— Igitabo cy'uhugura

Copyright © 2011 Chalmers Center for Economic Development

Ikigo cya Chalmers Center gifasha amatorero n'indi miryango ya gikristo kumenya uburyo bwiza bwo kugaragariza abakene urukundo. Turashaka guhindura uburyo bwo gutanga imfashanyo yo kurwanya ubukene, dukura amatorero n'imiryango ya gikristo ku gutanga imfashanyo y'igihe gito ahubwo bakaza impinduka irambye.

Binyuze mu gitabo cyaguzwe cyane cyitwa *When Helping Hurts*, Chalmers yafashije amatorero menshi n'imiryango ya gikristo ku isi yose gutekereza ku bukene bitandukanye, no gutangira gufasha bantu mu bihugu byabo no ku isi yose.

Ushaka kumenya andi makuru ku mfashanyigisho zindi zitangwa na Chalmers Center, wasura urubuga rwabo rwa: chalmers.org. Ikigo cya Chalmers cy'iterambere mu bukungu

14049 Scenic Highway
Lookout Mountain, GA
30750 United States of America
info@chalmers.org

Igice D: Ongoing Training

bande? [Abitabira]

abanyamuryango b'itsinda ryo kwizigamira mu gihe bari mu nama z'itsinda

kuki?[igituma icyo gikorwa gikenewe]

gufasha amatsinda yo kwizigamira yatangiye kwizigamira icyiciro cya mbere gushyiraho amabwiriza azabagemga n'ibyo bazakora byubakiye ku kwigisha itsinda inyigisho za bibiliya zuzuye no kubashishikariza kugirana imibanire yimbitse no gushyigikirana hagati y'abanyamuryango.

Icyitonderwa: aya masomo ateguwe mu buryo bukurikirana ku buryo buri somo riba ryubakiye ku rindi. Ariko, uhugura akwiriye guhitamo isomo abona rijyanye nibyo itsinda ririmo kunyuramo

Aya masomo cumi n'atanu abumbiye hamwe yateguriwe itsinda rigitangira ririmo kwizigamira mu cyiciro cya mbere kugira ngo ashimangire kandi akomeze gusobanukirwa no gushyira mu ngiro ibice bitandukanye bigize inzu yubakiye ku mahame.

Amashakiro

Igice D: Amahugurwa akurikiraho

Isomo rya 1: Kwiyibutsa y'inzu yubakiye ku mahame	180
Isomo 2: Kwigira kw'iyu nzu	186
Isomo rya 3: Gutekereza 1 – icyo itsinda rigamije	191
Isomo 4: icyizere	195
Isomo 5: Gutekereza 2 – Imbogamizi z'icyizere	198
Isomo rya 6: Gukorera mu mucyo	202
Isomo rya 7: Umuco	211
Isomo rya 8: Gutekereza 3 – Yesu n'ijambo rye	216
Isomo rya 9: Gufashanya bishingiye ku mibanire 1	221
Isomo rya 10: Gusenga	225
Isomo rya 11: Imiyoborere	230
Isomo rya 12: Gutekereza 4 – Izingiro ry'ubuzima bwacu	236
Isomo rya 13: Gutekereza 5 – Abo turibo	239
Isomo rya 14: Gushyigikirana bishingiye ku mibanire 2 – Kurema itsinda	242
Isomo rya 15: Kuba igisonga	245

[Video \(PowerPoint\) - Savings Groups in Togo](#)

Isomo rya 1: Kwiyibutsa y'inzu yubakiye ku mahame

INTEGO

- Iri somo rirajya kurangira abaryitabiriye baraba:
1. Bamenye ibice bigize inzu yubakiye ku mahame
 2. Bakoresheje inzu yubakiye ku mahame mu mabwiriza y'itsinda
 3. Bafashe mu mutwe nibura 1 mu mahame y'itsinda.

IMYITEGURO/ IBIKORESHO

- Amakaramu yabugenewe, icyo gufatisha, impapuro zitanditseho zo kwandikaho
- Bibiliya Yera
- Impapuro zanditseho "Inzu yubakiye ku mahame" bihereye ku kurema amatsinda
- Amabwiriza y'itsinda (mu itsinda ry'abantu bazi gusoma buri wese ahabwe kopi)

IGIHE

Iminota 30

Iriburiro

Uyumunsi, turaganira ku nzu yubakiye ku mahame n'amahame y'itsinda ryacu.

Tutaratangira reka tubanze dusenge

Saba hagire umuntu ubasengera.

Umukoro wa 1: Kumenya amazina y'ibice bigize inzu yubakiye ku mahame.

1A: mubwirane intego mwibuka z'inzu yubakiye ku mahame.

Inzu yubakiye ku mahame igaragaza ibintu bituma itsinda rikomera.

1B: Muganire:

◇ Ni ibihe bice mwibuka bigize inzu yubakiye ku mahame?

Manika igipapuro cyanditseho "Inzu yubakiye ku mahame" yakoreshejwe mu gihe cyo kurema amatsinda, mwereka abantu buri gice cy'inzu uko mugenda mwibukiranya.

Urutare ni Yesu n'ijambo rye; urufatiro ni icyizere; inking ni umuco, gukorera mu mucyo n'imiyoborere, naho igisenge cyo ni kuba igisonga, gushyigikirana bishingiye ku mibanire, gutekereza no gusenga.

1C: shaka uwo mufatany, muvuge icyo icyizere, umuco, gukorera mu mucyo n'imiyoborere ari cyo.

Nyuma y'iminota 2, turaza kumva inyito buri tsinda ryatanze.

Koresha ubusobanuro bukurikira mu gusubiramo:

Icyizere ni rwo rufatiro rw'imikorere yose igendanye n'amafaranga. Niba abagize itsinda batizerana, ntibazitabira ibikorwa by'itsinda. Nta mikorere igendanye n'amafaranga ishobora gukora hatari icyizere mu barigize no mu bayobozi.

Umuco bivuze kubaha ibyo wiyemeje imbere y'Imana n'abantu. Abanyamuryango bagomba kwimenyereza uwo muco mu kwizigamira no kwishyura inguzanyo. Itsinda ntirizigera rigira ubwizigame nimutagira umuco wo guhora mo mwongeramo amafaranga. Umunyamuryango udakomeza kwizigamira, si we byicira izina gusa, ahubwo bishobra guhungabanya itsinda ryose kuko bituma ritabasha gukomeza gutanga serivisi zaryo. Abanyamuryango bazakomeza kwizigamira no kwishyura inguzanyo niba bizera ko serivisi izakomeza gutangwa.

Gukorera mu mucyo bivuze kutagira icyo uhisha abandi banyamuryango. Ihanahana ry'amafaranga ryose haba ubwizigame, inguzanyo no kwishyura bikwiriye gukorerwa mu nama z'itsinda. Hatari ugukorera mu mucyo abayobozi n'abanyamuryango bashobora gufata amafaranga mu itsinda bakayakoresha nabi.

Imiyoborere bivuze gutanga icyerekezo no gufasha gucunga itsinda wicishije bugufi. Abayobozi batoranijwe bakora uwo kureba ko itsinda rikora neza.

1D: Muhaguruke maze musubiremo ibyo mvuga, kimwe kimwe: "Icyizere! Umuco! Gukorera mu mucyo! Imiyoborere!" mubisubiremo mugendagenda cyangwa musimbuka, "Icyizere! Umuco! Gukorera mu mucyo! Imiyoborere!"

Umukoro wa 2: Gusesengura amabwiriza agenga itsinda mukurikije ishusho y'inzu yubakiye ku mahame

2A: Mukore amatsinda y'abantu 3 cyangwa 4. Musuzume amabwiriza agenga itsinda. Nyuma ya buri gice, Muganire uko itsinda ryanyu ryashyize mu ngiro icyizere, umuco, gukorera mu mucyo, n'imiyoborere myiza.

◇ Ni izihe mpinduka zishobora gukorwa?

Nyuma y'iminota 5 turaza kumva icyo buri tsinda ryabonye.

2B: Mutekereze icyo mugomba kwitaho kugira ngo igisenge cyanyu kirinde inzu. Saba abantu abantu ibitekerezo byabo.

Mukoreshe ubusobanuro bukurikira mu gusubiramo:

Kuba igisonga–Uko dutangiranye kwizigamira, itsinda ryacu rishobora kwiga uko ryacunga neza icyo Imana yatubikije.

Gufashanya bishingiye ku mibanire–Iyo dukomezanya, twubaka icyizere mu itsinda. Ibi bidufasha gukura mu mibanire yacu n'abandi kandi bishobora kutugeza ku iterambere mu bukungu.

Gutekereza–Mu gusoma ijamba ry'Imana dushobora kumenya neza abo turi bo nk'abana b'Imana baremwe mu ishusho yayo. gutekereza bidufasha gukura mu mibanire yacu n'Imana no kwisobanukirwa neza. N'abo bataramenya Imana bashobora kwiga byinshi ku ntego y'ubuzima bwabo.

Gusenga- Gusenga bitwemerera gushaka ubwenge bw'Imana no kwakira kuyoborwa na yo, bikadufasha gukura mu mibanire yacu n'Imana.

Ibi bice by'igisenge ni byo bitandukanya amatsinda yo kwizigamira akorwa n'itorero n'andi yose asanzwe. Kuba igisonga, Gufashanya bishingiye ku mibanire, gutekereza no gusenga ni bwo buryo itsinda rishobora guhangana kandi rigakemura ibibazo bikunda kuvuka.

◇ Ni nde ufite ikibazo?

Umukoro wa 3: Mufate mu mutwe nibura rimwe mu mabwiriza agenga itsinda

3A: Mwigabanye amabwiriza abagenga, buri munyamuryango afate nibura 1 cyangwa 2. Musome kandi buri wese abwire mugenzi we iryo yafashe. Mufate mu mutwe ibwiriza wafashe. Mu nama itaha, uzarisubiriramo uwo muri kumwe.


◇ Ni ikihe gihembo kizahabwa abaziyemeza gukora iki kintu?

◇ Cyangwa ni ayahe mande azacibwa abaziyemeza gukora iki gikorwa?

3B: Musabe Imana ikomereshe itsinda ryanyu kubaha ubwenge bwo gushyira mu bikorwa aya mabwiriza n'inzu yubakiye ku mahame. Mureke dusenge dusoze.

Emerera abantu benshi basenge hanyuma uze gusoza ubasengera.

Umugereka: Inzu yubakiye ku mahame



Isomo rya 2: Kwigira kw'inzu

<p>INTEGO</p>	<p>Iri somo nirijya kurangira abaryitabiriye baraba bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gusuzuma kwigira 2. Bamenye ko kwigira kw'itsinda gukenewe 3. Biyemeje gukora iyo bwabaga ngo itsinda rizarambe
<p>IMYITEGURO/IBIKORESHO</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yabugenewe, icyo gufatisha, impapuro zitanditseho, ibinyamakuru • Bibiliya Yera • Isafuriya • AMabwiriza agenga itsinda (kopi 5) • Igishushanyo: inzu yubakiye ku mahame
<p>IGIHE</p>	<p><i>Iminota 30</i></p>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi turaganira ku kwigira. Mbere y'uko dutangira mureke twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho mu nama ishize?


Bereke igishushanyo: Inzu yubakiye ku mahame. Nitugendera ku mahame yubatse iyi nzu, itsinda rizakomera. Urufatiro ry'inzu ni icyizere, inking ni umuco, gukorera mu mucyo, n'imiyoborere. Igisenge kirinda inzu ni ugusenga, gutekereza, gufashanya bishingiye ku mibanire no kuba igisonga.

Hindukira urebe umuntu maze umubwire ihame wafashe mu mutwe mu isomo riheruka. Hanyuma turaza kubumva mwese.

◇ twemeranije ko tuzahemba iki umuntu wese uzafata ibwiriza yahawe mu mutwe? Mureke dukore ibyo twiyemeje ko tuzakora dutange icyo gihembo

Ibice 4 by'iyi nzu ni yo mahame atuma imikorere ishingiyeye ku bukungu yose ikora neza—icyizere, umuco, gukorera mu mucyo n'imiyoborere. Ibi bituma itsinda riramba.

Inzu yubakiye ku mahame



Umukoro wa 1: Musuzume kwigira

Terura isafuriye uyimanike.

1A: uramutse ugiye guteka _____ (ibyo kurya runaka), ni iki washyira mu isafuriya? Saba abantu ibitekerezo byabo.

◇ Wamara gushyira ibyo bintu mu isafuriya, ni iki wabasha gukura muri iyo safuriya?

Kwigira bivuze ko isafuriya izaguma yuzuye kugira ngo itsinda rikomeze kubasha kubona amafaranga, serivisi ndetse no gufashanya. Abanyamuryango nibashyiramo muri iyo safuriya amafaranga yabo, igihe, urukundo n’amasengesho, bazaba bashobora gufatamo inguzanyo, kuzagabana inyungu, urukundo, n’ibisubizo by’amasengesho. Nidukomeza gushyira ibintu mu isafuriya yacu natwe dushobora kujya tugira ibyo dukuramo. Uko ni ko kwigira. Ariko abanyamuryango nibatagira icyo bashyira mu isafuriya, icyo gihe nta n’icyo babasha kuyikuramo.

◇ Ni gute wasobanura kwigira mu magambo yawe bwite?

1B: Mwigabanye mu matsinda y’abantu 4. Ku rupapuro rumwe, mureme urugero rugaragaza kwigira mukoresheje amafoto cyangwa ibimenyetso cyangwa mutekereze inkuru cyangwa umugani bisobanura kwigira. Mufite iminota 7. hanyuma, turaza kumurika ingero zacu tuzereke itsinda rusange.

Bahe igihe bamurike ingero zabo, 1 rimwe, mujye mukomera amashyi buri tsinda.

Umukoro wa 2: Mugaragaze uko itsinda rikeneye kwigira

2A: Mwongere musubire mu matsinda yanyu. Mutekereze ku ngero zanyu n'inkuru.

◇ Ni iki mwakora kugira ngo mutume itsinda ryanyu ryigira?

Mwandike ibitekerezo byanyu byose kimwe ku rupapuro rwacyo. Mubambe ibitekerezo byanyu ku kibaho muni y'umutwe uvuga ngo: "Kwigira kw'itsinda."

Hanyuma, turaza kumva ingero nyinshi zivuye mu matsinda yose.

Umukoro wa 3: Mwiyezeze ko muzaharanira kwigira kw'itsinda

◇ Muriyemeza mute ko muzakora ibishoboka itsinda ryanyu rikigira?

3A: Saba abantu ibitekerezo byabo babiganireho. Turaza twese kubyandika ku rupapuro runini.

3B: Mukore amatsinda ya 2. Muhitemo kimwe muri ibi bitekerezo. Mugisengere mufatanyije ngo Imana ibafashe gukora ibishoboka ngo mwigire mu itsinda ryanyu.

Musoze musenga.

Isomo rya 3: Gutekereza

1– Icyo itsinda rigamije

INTEGO

Iri somo rirajya kurangira abarikurikiranye bamaze:

1. Kuganira ku cyo guhesha Imana icyubahiro bivuze
2. Kugaragaza uburyo umuntu akura mu mibanire shingiro 4
3. Kwemeza uko bateza imbere iyi mibanire mu itsindap

IMYITEGURO/ IBIKORESHO

- Kopi y'icyo itsinda rigamije
- Amakaramu yabugenewe, ibyo gufatisha, ibinyamakuru, impapuro zitanditseho
- Bibiliya Yera
- Imirongo ya bibiliya ivuga ku mibanire yakurwe ku mugereka

IGIHE

Iminota 30

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi, turaganira ku cyo itsinda rigamije. Mbere yo gutangire reka tubanze twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twaganiriye mu nama iheruka tuvuga ku kwigira?

Kwigira bivuze ko isafuriya izahora yuzuye kugira ngo itsinda rikomeze kubona amafaranga, serivisi no gushyigikirwa n'itsinda.

Umukoro wa 1: Munganire ku cyo guhesha Imana icyubahiro bivuze

- ◇ Ni nde wafashe mu mutwe icyo itsinda ribereyeho?
- ◇ Wabasha kutubwira uko kivuga?

Kimwe mu byo tugamije ni uguhesha Imana icyubahiro

1A: Hindukirira uwo mwegeranye maze munganire uko wabibona, wabyumva n’uko ibiyumviro byawe byamera iri tsinda ribaye rihesha Imana icyubahiro. Ndabaha iminota 2 hanyuma twumve bimwe mu bisubizo byanyu.

Murakoze. Ibi byose ni ibitekerezo byiza. Kandi bigaragaza ibintu byiza byose mushaka kubona biba muri iri tsinda..

Icyo itsinda rigamije kugeraho kiravuga ngo ni tugomba guhesha Imana icyubahiro. Uburyo bumwe bwo guhesha Imana icyubahiro ni ugukura mu mibanire shingiro 4: umubano wacu n’Imana, natwe ubwacu, n’abandi ndetse n’ibayremwe bindi byose..

Ha buri itsinda agapapuro kanditseho kimwe muri mu tuzu turi ku mugereka.

1B: Mu matsinda y’abantu 4, Musome imirongo ya Bibiliya iri ku dupapuro mwahawe. Nk’itsinda, mwerekane ibintu 3 twakora bigatuma dukura mu bwoko bw’imibanire mwahawe. Mwandike ibitekerezo byanyu ku rupapuro maze mu rubambe ku rukuta. Muraba mufite iminota 5 gusa.

Mureke dusome ibisubizo.

Mu matsinda yanyu, Muhitemo 1 muri byo maze muhimbemo agakino ku kintu 1 ushobora gukora cyagufasha gukora muri iyo mibanire.

Mufite iminota 5 yo gutegura. Hanyuma turaza kuyireba yose.

Imukoro wa 2: Mwemeze uko mwateza imbere iyi mibanire mu itsinda

2A: ushingiye ku byo wizee uyu muni, Vuga ibintu bimwe itsinda ryawe ryakora kugira ngo ryivugurure muri ya mibanire ine mu itsinda ryacu.

◇ Ni gute twagerageza kureba koi bi bintu tubikora?

2B: Saba Imana ikomeze iyi mibanire mu itsinda kugira ngo tubashe kubaha Imana bityo dusohoze intego itsinda ryacu ryihaye. Mureke dusoze dusenga

Emerera abantu gusenga hanyuma uze kubasoreza ubasengera.

Umugereka: Imirongo ivuga ku mibanire 4

Buri kazu kagomba gukatwa ukwako. Buri tsinda rikwiriye guhabwa akazu kamwe.

<p>Imibanire n’Imana</p> <p><i>Na we aramusubiza ati “ ‘Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’ubwenge bwawe bwose.’ Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere.”</i></p> <p style="text-align: right;">Matayo 28:37-40</p>	<p>Imibaire na we ubwawef</p> <p><i>Na we aramusubiza ati “ ‘Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’ubwenge bwawe bwose.’ Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere. N’irya kabiri rihwanye na ryo ngiri ‘Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda.’ Muri ayo mategeko yombi, amategeko yose n’ibyahanuwe ni yo yuririraho.”</i></p> <p style="text-align: right;">Matayo 28:37-40</p>
<p>Imibanire n’abandi</p> <p><i>Na we aramusubiza ati “ ‘Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’ubwenge bwawe bwose.’ Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere. N’irya kabiri rihwanye na ryo ngiri ‘Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda.’ Muri ayo mategeko yombi, amategeko yose n’ibyahanuwe ni yo yuririraho.”</i></p> <p style="text-align: right;">Matayo 28:37-40</p>	<p>Imibanire n’ibindi byaremwe</p> <p><i>Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti “Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi.”</i></p> <p style="text-align: right;">Itangiriro 1: 28</p> <p><i>kandi mugire umwete wo gutuza mutari ba kazitereyemo, mukoreshe amaboko yanyu nk’uko twabategetse,</i></p> <p style="text-align: right;">1 Abatesalonike 4:11</p>

Isomo rya 4: icyizere

INTEGO

Iri somo ni rijya kurangira abaryitabiriye baraba bamaze:

1. Kuganira ku busobanuro bw'icyizere no
2. Kwerekana uburyo bufatika bugaragaza icyizere

IMYITEGURO/ IBIKORESHO

- Amakaramu yabugenewe, icyo gufatisha, impapuro zandikwaho amakuru zitanditseho, impapuro zisanzwe
- Bibiliya Yera
- Igishushanyo: Imvugo (kwitegura mbere umukoro wa 1B utaragera)

IGIHE

Iminota 30

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi, turaza kuganira ku rufatiro rw'inzu—icyizere. Mbere yo gutangira, reka tubanze twiyibutse.

◇ Ni nde wibuka icyo twaganiriyeho mu nama iherutse?

Gukura mu mibanire n'Imana, nanjye ubwanjye, n'abandi ndetse n'ibyaremwe ni uburyo bumwe bwo guhesha Imana icyubahiro.

Umukoro wa 1: Muganire icyo icyizere ari cyo

Icyizere ni urufatiro rw'inzu yubakiye ku mahame. Ni ingenzi ku itsinda ryacu. Bibiliya itwigisha ko Imana ari iyo kwizerwa.

1A: Tubwire nibura urugero rumwe rwakweretse ko Imana ari iyo kwizerwa mu buzima bwawe.

- ◇ Ni iki yagukoreye kikwereka ko ari iyo kwizerwa?
- ◇ Ushingiye ku byo wumvise, urumva icyizere ari iki?

Ibitekerezo byawe turabyandika muni y'umutwe uvuga ngo: icyizere icyo ari cyo.

1B: mu matsinda y'abantu 4, muhitemo 1 mu mirongo yo muri Bibiliya:

- Kuva 14:1-4, 10-12, 27-28, 31
- Zaburi 9:1-10
- Yesaya 25
- Luka 8:22-25, 43-48

Musome iyo mirongo. Mwemeze uko Imana ari iyo kwizerwa.

- ◇ Nyuma yo kubona uko Imana ari iyo kwizerwa muri iyi mirongo, ni iki wakongera ku cyo icyizere ari cyo?

Mufite iminota 10, hanyuma turaze kumva ibisubizo byanyu.

Mwakoze neza cyane.

1C: Mutekereze ku bintu byose byavuzwe ku cyo icyizere ari cyo. Mu itsinda ryanyu, mugaragaze ubusobanuro by'icyizere mukoresheje amafoto, cyangwa imigani ku rupapuro. Nyuma y'iminota 10, mubambe urwo rupapuro rwanyu ku rukuta.

Hanyuma, turaza kureba no kumva ubusobanuro bugufi kuri buri rugero cyangwa umugani.

1D: Icyizere ni cyo rufatiro rw'inzu. Muganirire mu itsinda rinini:

- ◇ Ni gute kugirirana icyizere bituma itsinda rikomera?

Turaza kumva ibitekerezo byanyu byose.

Umukoro wa 2: Erekana uburyo bufatika wagaragariza abandi icyizere

2A: Baza abantu bumwe mu buryo itsinda rishobora kwimakaza icyizere. Turaza kwandika bimwe mu bitekerezo ku rupapuro

Kuba abizerwa mubigire kimwe ku rutonde rw'amabwiriza agenga itsinda

Kugira ngo mugere kuri ibi bintu byose, buri wese agomba kuba ijisho rya mugenzi we kandi mugakomezwa ndetse mugahabwa imbaraga zivuye ku Mana.

2B: Tekereza bucece ku buryo icyizere gikenewe. Saba Imana igufashe kuba uwo kwizerwa

Nyuma y'iminota 3 mucecetse, turasoza dusenga.

Isomo rya 5: Gutekereza 2 – Imbogamizi y’icyizere

INTEGO	<p>Iri somo rirajya kurangira abaryitabiriye bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kumenya imbogamizi z’icyizere 2. Batekereje ku kuba bagirana umubano na Yesus
IMYITEGURO/ IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Bibiliya • Imvugo zivuye mu masomo avuga icyizere icyo ari cyo • Ibinyakamkuru n’amakaramu yabugenewe
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

uyumunsi, turaza kuganira ku mbogamizi z’icyizere. Mbere yo gutangira reka twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twaganiriye mu nama iherutse?

Ubusobanuro n’imikorere y’icyizere

Umukoro wa 1: Imbogamizi zizwi z'icyizere

1A: Musome imvugo zikurikira:

Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava.

1 Abakorinto 4:2

*Icyizere kiva mu gikorwa.kigomba gukorwa kikongera kigakorwa,
hanyuma kigakomezwa kenshi*

Stuart Rutherford

1B: Bwira uwo mwegeranye urugero waba wiyiziho aho icyizere cyasenutse bigasaba ko cyongera gukorerwa no gusubirwamo.

Turaza kumva bamwe muri mwe bashaka kutubwira ibyo biboneye

1C: Mutekereze ku ngero zanyu, Mwerekane imbogamize n'icyizere. Turaza kwandika ibisubizo byanyu ku rupapuro rw'ikinyamakuru.

Abantu baragoye, kuko twese turi abanyabyaha.

◇ Ibi bituma wumva umeze ute?

Murakoze gusubiza.

Umukoro wa 2: Mutekereze ku mubano bwite na Yesu

2A: Tega amatwi iyi nkuru ikurikira:

Imana imaze kurema umuntu wa mbere, ari we Adamu, n'umugore wa mbere, Eva, yabashyize mu ngobyi nziza aho ubuzima bwari bwiza nta mbogamizi cyangwa ingorane. Bahawe amabwiriza anyuranye yo kwita ku byaremwe no kutarya igiti kimwe bari babwiwe. Adamu na Eva ntibumviye iryo bwiriza. Ingaruka z'uko kutumvira ni isi itarongeye gutungana ukundi; icyaha kimunga ibintu byose. Habayeho gutandukana kw'umuntu n'Imana. ntibari bakigenda nayo cyangwa ngo bavugane nayo nk'uko Adamu na Eva babikoraga. Gutandukana n'Imana byateye no kwangirika kw'imibanire yabo n'abandi, na bo ubwabo ndetse n'ibindi byaremwe.

◇ Ushingiye kuri iyi nkuru, ni iki wumva nk'impamvu nyamukuru ituma icyizere kigorana?

Igishimishije, ni uko ni iyo abantu atari abo kwizerwa, Imana yo ihora ari iyo kwizerwa. Yanatanze umwana way o, Yesu, ngo atubobohore adukize ingaruka z'icyaha cyateye ku mibanire yacu. Yesu yapfiriye ku musaraba nk'igitambo kugira ngo ace ingoyi y'umuvumo w'icyaha. Iyo tuje imbere y'Imana, tugasaba imbabazi z'ibyaha byacu maze tukayiha, ni iyo kwizerwa. Ishobora kutubohora ndetse ikaduha Umwuka Wera kugira ngo adufashe gukura neza. Dushobora kuba abizerwa igihe ayoboye ubuzima bwacu kandi akadufasha kumvira.

◇ Ni iki utekereza ku gitambo cya Yesu?

◇ Waba wifuza kumusaba imbabazi no kumumenya?

2B: Tega amatwi imvugo ikurikira:

*Icyaha ni cyo mpamvu nyamukuru ituma abantu bataba abizerwa
kandi icyizere ari icyo guhora cyubakwa.*

◇ Ni iki utekereza kuri iyi mvugo?

Mutubwire ibisubizo byanyu kugira ngo tubiganireho mu itsinda rusange.

2C: Mureke dusozanye iri sengesho:

Mwami Imana,

Tuzi ko twarazwe icyaha kuva kuri Adamu na Eva. Tubabarire icyaha cyacu. Ntitwaba abizerwa tutabanje kubabarirwa na Yesu, tutakwizeye, kandi tudafite imbaraga za Mwuka Wera. Tubisabye mu izina rya Yesu

Amen.

Isomo rya 6: Gukorera mu mucyo

<p>INTEGO</p>	<p>Iri somo rirajya kurangira abaryitabiriye bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gutekereza uko gukorera mu mucyo bikenewe 2. Basuzumye uko inyandiko zinoze zikenewe 3. Barebeye hamwe imbonerahamwe zo kwizigamira, inguzanyo n'inyandiko zigaragaza ubwitabire 4. Bahisemo inzira zizatuma itsinda rikorera mu mucyo.
<p>IMYITEGURO/IBIKORESHO</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yabugenewe, ibyo gufatisha, ibipapuro by'ibinyamakuru bitanditseho, impapuro zisanzwe • Bibiliya Yera • Igishushanyot: imbonerahamwe yo kwizigamira, n'iy'inguzanyo • Imbonerahamwe y'ubwizigame n'iy'inguzanyo (buri wese agahabwaho kopi)
<p>IGIHE</p>	<p><i>Iminota 40</i></p>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyumunsi turaganira ku gukorera mu mucyo. Mbere yo gutangira, reka twiyibutse.

◇ ni nde wakwibuka ibyo twagezeho mu nama iheruka?

Icyaha ni cyo gituma icyizere kigora. Dukeneye Yesu mu buzima bwacu kugira ngo atugire abo kwizerwa.

Kumenya ko turi abanyabyaha, tugomba kugira abantu baduhozaho ijisho. Uburyo bumwe ni ugukorera mu mucyo—1 imwe mu nkingi z'inzu yacu.

◇ Gukorera mu mucyo wabisobanura ute?

Gukorera mu mucyo bivuze kutagira icyo uhisha abandi musangiye itsinda.

Umukoro wa 1: Mutekereze ku buryo gukorera mu mucyo bikenewe

1A: Mutege amatwi inkuru ikurikira isangwa mu 2 Abakorinto 8:16-21:

Ariko Imana ishimwe, ishyize mu mutima wa Tito kubagirira umwete nkanjye, kuko yemeye guhwiturwa kwacu kandi kuko afite umwete mwinshi, yagiye iwanyu ari nta wumuhase. Twamutumanye na mwene Data wundi, washimwaga mu matorero yose ku by'ubutumwa bwiza yakoze. Ariko uretse ibyo gusa, ahubwo ni na we watoranijwe n'amatorero kujya ajyana natwe ku bw'uwo murimo w'ubuntu dushyiraho umwete, kugira ngo Umwami wacu ahimbazwe kandi ngo twerekane umutima wacu ukunze. Kuko twirinda ngo hatagira umuntu utugaya ku bw'izo mpano nyinshi tugwiza hose dushaka gukora ibyiza, uretse imbere y'Umwami wacu gusa ahubwo n'imbere y'abantu.

◇ Hari uwadufasha akongera akadusomera iyo mirongo?

1B: Hindukirira uwo mwegeranye maze muganire impamvu amatorero yohereje undi muntu wo kujyana na Tito ubwo bajyaga mu itorero ry'i Korinto. Nyuma y'iminota 3, turaza kuganira mu itsinda rusange.

1C: Mutekereze uburyo iri tsinda ryakwirinda kunegurwa no gukora gukora ibikwiriye mu maso y'abanyamuryango baryo n'Imana. Saba abantu ibitekerezo byabo.

N'ibi bikurikira ubishyire mu biganiri niba bitavuzwe:

- Gutangira amafaranga mu nama—bitari hanze y'inama
- Kwemereza uhabwa inguzanyo mu nama
- Kwandika ibikorwa byose
- Gusigasira gukorera mu mucyo

Umukoro wa 2: Gusuzuma impamvu inyandiko zinoze zikenewe

◇ Inyandiko zifasha iki itsinda?

2A: Saba ibitekerezo.

Ahatari inyandiko zinoze, itsinda ntiryabasha kumenya amafaranga abanyamuryango izigamira n'ayo bafitiye itsinda. Inyandiko zifasha itsinda gukomeza gukorera mu mucyo.

◇ Ni iki gishobora kuba ku itsinda ryacu habaye nya nyandiko rigira?

2B: Muhane ibitekerezo mu itsinda rusange.

Kwiba, kwibeshya, itsinda rishobora guseniyuka

Umukoro wa 3: mwibukiranye imbonerahamwe z'ubwizigame, inguzanyo n'ubwitabire¹

Reka noneho tuganire ku mbonerahamwe mubika nk'itsinda. Ahatari inyandiko zinoze, ntitwamenya ayo twizigamira n'ayo twishyuzwa.

3A: Suzuma urugero rw'imbonerahamwe y'ubwizigame yometse ku rukuta.

Muri iri tsinda, umugabane 1 ungana 100. Mu nama ya mbere, Sara yazigamye 200. Niba itsinda rikoresha amakashe, ni ukuvuga ngo umwanditsi yashyiraho kasha ebyiri zikurikirana mu nama 1, hanyuma ahasigaye akanyuzamo umurongo. Ibi byerekana ubundi buryo bwo kwandika ubwizigame bwuri muntu ukwe.

Izina: Sara Abraham

Inama 1	☆	☆			
---------	---	---	--	--	--

Mu nama ya kabiri, Sara yazigamye 500. Umwanditsi ashiramwo kasha 5\ zikurikirana ku nama ya 2.

Izina: Sara Abraham

Inama 1	☆	☆			
Inama 1	☆	☆	☆	☆	☆

¹kuri uyu mukoro, umufashyumuvi akwiriye gukoresha inyandiko nyazo itsinda rikoresha.

Mu nama ya gatatu, Sara ntacyo yabashije kwizigamira. Umwanditsi acisha umurongo mu nama ya 3.

Izina: Sara Abraham

Inama 1	☆	☆			
Inama 2	☆	☆	☆	☆	☆
Inama 3					

mu nama ya kane ari nayo yari iya nyuma y'itsinda, Sara yizigamiye 300. Umwanditsi ashiraho kasha 3 n'umurongo mu tuzu tubiri

Izina: Sara Abraham

Inama 1	☆	☆			
Inama 2	☆	☆	☆	☆	☆
Inama 3					
Inama 4	☆	☆	☆		

◇ Sara yazigaye amafaranga angahe mu itsinda?

Igisubizo: 1000

◇ Ni ibihe bibazo ufite kuri iyi mbonerahamwe?

3B: Suzuma imbonerahamwe y'inguzanyo yometse ku rukuta.

Itsinda Yesu ni igitare cyacu rihura buri byumweru bibiri, kandi inyungu ku nguzanyo ni 10%. Petero afata inguzanyo ya 4,500 ku italiki 30 Gicurasi. Agomba kuyishyura bitarenze taliki 22 Kanama kandi azishyura 4,950. Mureke dukurikirane uko Petero yishyuye inguzanyo yahawe

INGUZANYO Y'UMUNYAMURYANGO		
Izina ry'itsinda: <u>Yesu Igitare Cyacu</u>		
Izina ry'umunyamuryango: <u>PETERO</u>		
Italiki inguzanyo yemerewemo ikanakirwa:		30-05
INCAMAKE Y'INGUZANYO		
Umubare w'amafaranga y'inguzanyo	4,500	
Inyungu y'10%	450	
Inguzanyo yose hamwe	4,950	
Italiki yo kwishyura	22-08	
IGITABO CYO KWANDIKAMO		
Italikis	Ubusobanuro	Umubare
13-06	Ayo arimo	4,950
	Ayo yishyuye	2000
27-06	Ayo arimo	2,950
	Ayo yishyuye	1,500
11-07	Ayo arimo	1,450
	Ayo yishyuye	1,450
25-07	Ayo arimo	0
	Ayo yishyuye	
8-08	Ayo arimo	
	Ayo yishyuye	
22-08	Ayo arimo	
	Ayo yishyuye	
5-09	Ayo arimo	
	Ayo yishyuye	

◇ Ni ibihe bibazo mufite kuri iyi mbonerahamwe?

3C: Ni izihe nyandiko zindi² itsinda riwiriye kubika kugira ngo ribashe gucungwa neza? Saba ibitekerezo.

Ibitekerezo bishoboka: umwanditsi yandika inama cyangwa kugira ngo abantu babashe kuganira ku mabwiriza, guhindura amabwiriza, amakimbirane n'ibindi bibazo byagaragajwe, n'ibindi bibazo bivuka mu nama. Iyi nyandiko yafasha gukemura amakimbirane cyangwa kuvana mu rujijo ku bintu byaganiriweho kandi bigafatirwa imyanzuro mu nama.

Inyandiko igaragaza ubwitabire—urutonde rw'amazina umwanditsi akosora mu ikaye.

Kuri iyi ngingo, umufashamyumvire w'itorero akwiriye gusobanura inyandiko yose itsinda rikoresha.

3D: Gusuzuma inyandiko dutangiraho urugero aho X igaragaza ko umunyamuryango yitabiriye inama naho ahatari ikintu herekana ko yasibye inama.

Inyandiko igaragaza ubwitabire

Izina	Inama 1	Inama 2	Inama 3	Inama 4	Inama 5	Inama 6
Sarah Abraham	X	X			X	X
Mariya Magdalena	X	X	X		X	
Mark Paul	X		X	X		X

Inyandiko y'imisanzu yakusanyijwe ifasha itsinda kwandika umubare w'amafaranga yabazwe buri gihe iyo inama irangiye. Amazina y'abababwira inguzanyo mu nama nay o ashobora kwandikwa.

3E: Gusuzuma inyandiko dutanzeho urugero:

Inyandiko igaragaza imisanzu yakusanyijwe

Inama	Umubare wazigamwe	Amazina y'abahawe inguzanyo	Ari mu isanduka yose cyangwa kuri konti y'ubwizigame
1	2000	None	2005
2	4600	None	6605
3	3200	Mariya Magdalena, Sara Abraham	8320
4	4800	Mark Paul	12715

◇ Ni iyihe muri izi nyandiko itsinda rizagumana?

3F: Tekereza impamvu bishobora kuba ngombwa ko mugira kopi nyinshi za buri nyandiko.

Saba ibisubizo byabo.

Kopi imwe (1) ishobora kubura, kwibwa, cyangwa kwangirika. Kugira kopi nyinshi rero bituma buri wese aba ijisho ry'undi bikarinda abanyamuryango ikigeragezo cyo kuriganya. Kubika inyandiko zinoze ni uburyo bwiza bwo kwimakaza gukorera mu mucyo. Abayobozi n'abanyamuryango bose bakwiriye kwitondera ibi bintu buri gihe.

Umukoro wa 4: Guhiramo uburyo bwo kwimakaza gukorera mu mucyo mu itsinda

4A: Mu matsinda ya 2, mutekereze ubundi buryo bwo kwimakaza gukorera mu mucyo mu itsinda.

◇ What policy changes might you consider to enforce transparency?

Mufite iminota 5. Noneho turaza kubumva mwese.

Tubazwa ibintu byose twabikijwe. Mu itsinda ryacu ryo kwizigamira, tubazwa n’abagize itsinda n’Imana. mu kwimakaza gukorera mu mucyo, ntidukora gusa ibikwiriye mu itsinda ryacu ahubwo duhesha n’Imana icyubahiro.

4B: Saba Imana ifashe itsinda kubika inyandiko nziza no kwimakaza gukorera mu mucyo hagati yabo ndetse n’imbere yayo.

Emerera abantu benshi basenge hanyuma abasoreze ubasengera.

Isomo rya 7: Umuco³

INTEGO	Turajya kugera ku musozo w'iri somo, abahugurwa baraba:
	<ol style="list-style-type: none"> 1. Bamaze kugaragaza uburyo umuco ukomeza itsinda 2. Bagaragaje uburyo umuco wakurikizwa mu itsinda
IMYITEGURO/IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yabugenewe, ibifata impapuro byabugenewe, impapuro zandikwaho binyamakuru zitanditseho • Bibiliya Yera • Imbonerahamwe: Igisobanuro cy'umuco • Imbonerahamwe—Imbaraga/Intege nke mu muco
IGIHE	<i>Iminota 45</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyu muni, turaganira, ku muco tubijyanisha n'itsinda ryanyu ryo kwizigama. Mbere y'uko dutangira, reka tubanze twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho ubushize ubwo duheruka guhura?

Gukorera mu mucyo bisobanuye kutagira icyo uhisha abandi banyamuryango. Kwandika, kubika neza inyandiko z'ibijyanye n'itsinda no gukorera mu mucyo ni uburyo bumwe bwo gukomeza itsinda.

Kwandika, kubika inyandiko neza no gukorera mu mucyo bisaba kubigira umuco— ni indi nkingi iramira inzu.

◇ Igisobanuro cy'umuco ni ikihe?

Umuco bisobanuye gusohozza ibyo wiyemeje imbere y'Imana n'itsinda; ni uguhozaho kwitoza imyitwarire myiza; umuco ushobora gutuma itsinda rihora rihamye.

³Isomo ryakuwe mu gitabo cyitwa Discipline cyanditswe na Jason Trimiew afatanyije na Steve Corbett.

Umukoro wa 1: Garagaza uburyo umuco utuma itsinda rihora rikomeye

1A: Mwigabanyemo amatsinda 4. Buri tsinda rirahabwa igice riri bukinge gitandukanye n'iby'abandi. Rema igice gikinwa mu gihe cy'iminota 3 mu mukino, ushyizemo buri munyamuryango w'itsinda. Garagaza uruhande rucyeneye gukoresha umuco mu birimo kuba. Mufite igihe cy'iminota itarenze 5.

Nyuma y'uko buri tsinda rigaragaje ibyaryo, baza uti ni mbaraga ki mwabonye mu gukoresha umuco? Ese ni ntege nke ki mwabonye mu ikoreshwa ry'umuco?

1B: Sangiza itsinda rigari uburyo umuco utuma itsinda rihora rihamye.

Abanyamuryango bazajya batanga ubwizigame bwabo ku gihe, bityo inguzanyo zibe zatangirwa igihe. Abanyamuryango bamenya ibibera mu nama kandi handikwa imyanzuro y'inama n'ibikorwa ndetse bikabikwa. Abanyamuryango bazaba abakwiye kugirirwa icyizere kubera ko baba abizerwa ku mahame/imirongo ngenderwaho.

Umukoro wa 2: Gutekereza ku ishyirwa mu ngiro ry'umuco mu itsinda

2A: Dusubiremo icya rimwe ibi bisobanuro by'umuco:

Umuco ni ugukora cyane kugira ngo ukomeze gukora ibyo wiyemeje. Binyuze mu kwitoza no kwiyezamiza umuryango w'Imana, ubwenge bwa yo n'Umwuka wayo wera. Abagore n'abagabo bashobora kwiga kwirinda mu ngeso zabo, bagira ingeso/kamere nziza.

2B: Zirikana iki gisobanuro.

- ◇ Ni gute washishikariza abagize itsinda kugira umuco?
- ◇ Ni mabwiriza cyangwa mahame ki n'imirongo ngenderwaho byakenera kongerwamo cyangwa guhindurwa kugira ngo ushobore gushishikariza abantu kugira umuco?

Muganire ku bisubizo byanyu muri mu matsinda agizwe n'abantu 3. Hanyuma, turaza kumva bose.

2C: Mwumve uko uyu murongo uko uvuga Abaheburayo 12:11:

Iyo umuntu arimo kwitoza umuco ntabwo biba bimunejeje uwo mwanya ahubwo yumva bimubabaza. Ariko bigera igihe, bikabyara umusaruro wo gukiranuka n'amahoro kuri abo baba babyitoza.

- ◇ Ese ni iki cyabaho mu itsinda nk'ingaruka zo kunanirwa kubahiriza umuco?

Kunanirwa gukaza amahame ngenderwaho ajyanye no kwishyura ubwizigame cyangwa amafaranga y'inguzanyo, kwitabira inama, kutubahiriza uruhare rwa buri umwe n'ibijyanye no kubika inyandiko binaniza itsinda. Izi mbogamizi ntabwo ari mu buryo bw'amafaranga gusa ahubwo n'imibanire uko tugenda dushaka kwesa umuhigo bikagirira umumaro imibanire yacu.

2E: Muganire ukuntu Imana ishobora kudufasha gukoresha umuco mu itsinda ryacu.

Kuba tuzi ko turi abanyantege nke, Imana yo ni inyabuntu. Yaduhaye ijambo ryayo no guhura kwacu kugira ngo dufashanye. Ikindi cy'ingenzi cyane, yahaye abana bayo umwuka wera kugira ngo adufashe kubaho ubuzima bufite umuco/ingeso—muri iri tsinda no mu buzima bwacu bwite.

2F: Senga kugira ngo ijambo ryayo, abantu bayo, n'Umwuka wayo bidufashe kwitoza umuco mu itsinda ryacu no mu mu buzima bwacu bwite.

Emerera abakoranabushake bamwe. Nimurangiza, musozanye isengesho.

Umugereka: uko bimeze

Buri kazu gakwiye gukatwa kakajya ukwako. Buri tsinda rikwiye guhabwa akazu kamwe gusa.

Uko bimeze 1

Ahakenewe umuco: Gutanga amafaranga y’ubwizigame ku gihe kw’abanyamuryango b’itsinda

Uko byagenze: Itsinda rimaze ibyumweru bitandatu rihura. Ni inama yo hagati muri ibyo byumweru kandi gukusanya amafaranga ya buri cyumweru byatwaye igihe kirekire kurenza uko bisanzwe. N’ubwo abanyamuryango benshi bahari, hari benshi batashoboye kuzigama.

Uko bimeze 2

Ahakenewe umuco: Gutanga amafaranga y’inguzanyo ku gihe kw’ikigega cy’itsinda (ASCA)

Uko byagenze: abanyamuryango barataha, bakagenda baganira ku bibazo cyangwa ibyavugiye mu nama bavuyemo. Umwe yumva yatengushywe kubera ko atahawe inguzanyo yasabye mu byumweru bishize. Undi akabwira bagenzi be ko yumvise umubitsi w’itsinda avuga ko nta amafaranga ari mu kigega cy’itsinda akaba ariyo mpamvu ntayo kuguriza abantu ahari.

Uko bimeze 3

Ahakenewe umuco: kuba abizerwa ku kwitabira

Uko byagenze: ku banyamuryango bitabiriye, ikibatungura ni ukwisanga bari bonyine—nta numwe waje! Icyumweru gishize ubwo umufashamyumvire w’itorero yari ahari, byasaga nk’aho abaturage bose bo muri iki gice bari baje. Muri iyo nama, yabwiye umuntu wese ko atazongera kugaruka na rimwe muri buri nama.

Uko bimeze 4

Ahakenewe umuco: None (ibintu bijyanye n’igihe) kubika inyandiko

Uko byagenze: Abayobozi bamaze gusoza inama yabo iba bihozeho. Ubusanzwe barasiga nyuma y’inama bakongera bagasuzuma ko inyandiko zanditse uko bikwiye. Kuri uyu munsu, n’ubwo bimeze bityo, umubitsi w’itsinda aravuga ati ngomba kugenda hakiri kare hanyuma bakazasuzuma inyandiko nyuma y’indi nama y’ubutaha.

Isomo rya 8: Gutekereza 3—Yesu n'ijambo rye

INTEGO	<p>Tugana ku musozo w'iri somo, abahugurwa baraza kuba:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Basobanukiwe icyo bisobanuye kugira Yesu n'ijambo rye nk'ibuye ry'urufatiro rw'inzu 2. Kugaragaza uburyo Yesu n'ijambo rye bituma itsinda ryabo rihamae
IMYITEGURO/IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yo kwandika ku bipapuro binini, Ibifata impapuro, impapuro zitanditseho • Bibiliya yera • Imirongo ivuga kuri Yesu n'ijambo rye tubona ku mugereka
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyu muni, turaza kuganira ku ibuye inzu y'amahame yacu yubatseho ariryo Yesu n'ijambo rye. Mbere y'uko dutangira, reka tubanze twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twize igihe duherutse guhura?

Umuco bisobanuye gusohozza ibyo wiyemeje imbere y'Imana n'itsinda; ni ukwitoza imyitwarire myiza; umuco ushobora gutuma itsinda rikomera.

Umukoro 1: Sobanura icyo bisobanuye kugira Yesu n'ijambo rye nk'ibuye ry'urufatiro inzu yubakiyeho

1A: Umwa icyo Matayo 7:24-27 avuga igihe mpasoma:

Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinze ku rutare. “Kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze, azaba ari nk'umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi, imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu iragwa, kandi kugwa kwayo kwabaye kunini.

◇ Ni iki mwumva muri iyi mirongo?

Basabe gusubiza kugira ngo ibisubizo byabo biganirweho.

Itsinda ryo kwizigama rimeze nk'inzu. Keretse gusa ibice by'inzu byose bikora neza kandi inzu ikaba yubatse ku rutare, ntishobora guhagarara. Yesu n'ijambo rye nibyo rutare.

1B: mu matsinda agizwe n'abantu 3, muganire ku cyo mutekereza bivuze kugira Yesu n'ijambo rye nk'urutare. Muraba mufite iminota 5, hunyuma turandika ibisubizo byanyu ku gipapuro kinini cyanditseho “Yesu n'ijambo rye”

Tanga imirongo ya Bibiliya ivuga kuri Yesu n'ijambo rye.

1C: Musome imirongo yahawe itsinda ryanyu. Muganire ukuntu iyi mirongo ibafasha gusobanukirwa icyo bisobanuye kugira Yesu n'ijambo rye nk'urutare. Uko usoma iyi mirongo, ni ingenzi kumenya ko Ijambo ry'Imana rishobora kandi gusobanuka mu mirongo ikoresha aya magambo akurikira “Itegeko,” “amateka,” “ibyategetswe,” “amahame.” Muraba mufite iminota 10.

◇ Mu byo mwaganiriyeho mumatsinda yanyu, ni iki twakongera ku rutonde rw'ibintu dufite ku gipapuro cyanditseho “Yesu n'ijambo rye”?

◇ Wumva bimeze muri wowe iyo ubonye icyo bisobanuye kugira Yesu n'ijambo rye nk'urutare rw'itsinda ryanyu?

Umurimo wa 2: Erekana uburyo Yesu n'ijambo rye bituma itsinda ryabo rikomeza ritanyeganyega

2A: Hindukirira umwe mubo mubana mu itsinda umubwire uko wumva Yesu n'ijambo rye bakomeza gutuma itsinda ryo kwizigamira rikomeza guhagarara rishikamye.

Nyuma y'iminota 5, turaza kumva ibitekerezo byanyu.

◇ Ni mpinduka ki cyangwa ibitekerezo ufiteye itsinda kugira ngo twitwararike ko dukomeza guhindura Yesu n'ijambo rye nk'urutare?

Iyo dufite Yesu n'ijambo rye nk'itsinda, icyo gihe turashikama tugakomera. Reka dusenge kugira ngo Imana itwemerere gusobanukirwa no kugendera ku ijambo ryayo mu itsinda ryanyu.

◇ Nasaba hakagira umuntu umwe cyangwa babiri bakadusengera ubu nonaha?

Emerera umuntu cyangwa babiri basenge.

Umugereka: Imirongo ivuga kuri Yesu n'ijambo ryeye

Buri kazu kagombye gukatwa kagatandukanywa. Buri tsinda rigombye guhabwa akazu kamwe gusa

Zaburi 119

1Hahirwa abagenda batunganye, Bakagendera mu mategeko y'Uwiteka. 2Hahirwa bitondera ibyo yahamije, Bakamushakisha umutima wose. 3Ni koko nta cy'ubugoryi bakora, Bagendera mu nzira ze. 4Wategekeye amategeko wigishije, Kugira ngo bayitondere umwete. 5Icyampa inzira zanyje zigakomerera, Kwitondera amategeko wandikishije. 6 Ubwo nzita ku byo wategetse byose, Ni bwo ntazakorwa n'isoni. 7Nzagushimisha umutima utunganye, Nimara kwiga amateka yawe yo gukiranuka. 8Nzajya nitondera amategeko wandikishije, Ntundeke rwose.

Zaburi 119

9Umusore azeza inzira ye ate? Azayejeshya kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka. 10Nagushakishije umutima wose, Ntukunde ko nyoba ngo ndeke ibyo wategetse. 11Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, Kugira ngo ntagucumuraho. 12Uwiteka, uri uwo guhimbazwa, Ujye unyigisha amategeko wandikishije. 13Iminwa yanjye yatekerereje abantu, Amateka y'akanwa kawe yose. 14Njya nishimira inzira y'ibyo wahamije, Ngo nyihwanye n'ubutunzi bwose. 15Nzibwira amategeko wigishije, Kandi nzita ku nzira zawe. 16Nzishimira amategeko wandikishije, Sinzibagirwa ijambo ryawe..

Zaburi 119

D17Ugirire neza umugaragu wawe, Kugira ngo mbeho nitondere ijambo ryawe. 18Hwejeshya amaso yanjye, Kugira ngo ndebe ibitangaza byo mu mategeko yawe. 19Ndi umusuhuke mu isi, Ntumpishe ibyo wategetse. 20Umutima wanjye ushenguwe no kwifuza, Ujya wifuza amateka yawe ibihe byose. 21Uhana abibone ari bo bivume, Byiyobagiza ibyo wategetse. 22Unkureho umugayo n'igisuzuguriro, Kuko njya nitondera ibyo wahamije. 23N'abakomeye bicaraga bamvuga nabi, Ariko umugaragu wawe nkibwira amategeko wandikishije. 24Kandi nishimira ibyo wahamije, Ni byo bingira inama.

Zaburi 119

25Umutima wanjye womatanye n'umukungugu, Unzure nk'uko ijambo ryawe ryasezeraniye. 26Nagutekerereje inzira zanjye uransubiza, Ujye unyigisha amategeko wandikishije. 27Umenyeshe inzira y'amategeko wigishije, Kugira ngo nibwire imirimo itangaza wakoze. 28Umutima wanjye urijijwe n'agahinda, Nkomeza nk'uko ijambo ryawe ryasezeraniye. 29Unkureho inzira y'ibinyoma, Umpere amategeko yawe ubuntu. 30Nahisemo inzira y'umurava, Nashyize amateka yawe imbere yanjye. 31Nomatanye n'ibyo wahamije, Uwiteka, ntunkoze isoni. 32Nzagenda niruka mu nzira y'ibyo wategetse, Ubwo uzagura umutima wanjye.

Zaburi 119

33Uwiteka, ujye unyigisha inzira y'amategeko wandikishije: Kugira ngo nyitondere kugeza ku mperuka. 34Umpe ubwenge, kugira ngo nitondere amategeko yawe; Nyitondereshe umutima wose. 35Uncishe mu nzira y'ibyo wategetse, Kuko ari byo nishimira. 36Uhindurire umutima wanjye ku byo wahamije, Ariko si ku ndamu mbi. 37Ukebukishe amaso yanjye ye kureba ibitagira umumaro, Unzurire mu nzira zawe. 38Ukomereze umugaragu wawe ijambo ryawe, Ryasezeranijwe abakubaha. 39Unkureho umugayo ntinya, Kuko amateka yawe ari meza. 40Dore n'ya nifuzamutegeko wigishije, Unzure ku bwo gukiranuka kwawe.

Zaburi 119

41Uwiteka, imbabazi zawe zingereho, Ni zo gakiza kawe nk'uko ijambo ryawe ryasezeraniye. 42Ni ho nzabona icyo mbwira untutse, Kuko niringira ijambo ryawe. 43Kandi ntukure rwose ijambo ry'ukuri mu kanwa kanjye, Kuko n'ya niringira kubona amateka yawe. 44Ni ho nzajya nitondera amategeko yawe, Ubudasiba iteka ryose. 45Kandi nzagendana umudendezo, Kuko n'ya ndondora amategeko wigishije. 46Nzavugira imbere y'abami ibyo wahamije, Ne gukorwa n'isoni. 47Kandi nzishimira ibyo wategetse, Ndabikunda. 48Kandi nzamanikira amaboko ibyo wategetse, ndabikunda, Kandi nzibwira amategeko wandikishije.

Isomo rya 9: Imibanire ishyigikirana 1

INTEGO	<p>Nitujya kugera ku musozo w'iri somo, abahugurwa baraza kuba bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kumenya imbaraga zo kuba mu itsinda 2. Gutekereza ku ruhare rw'Imana mu itsinda
IMYITEGURO/ IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yandika ku mpapuro nini, ibifata ibipapuro, zitanditseho • Bibiliya Yera • Utuguzi 3 ubohoye mu muguzi cyangwa se imigozi iremereye
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/ kwiwibutsa

Uyu muni, turaza kuganira ku akamaro ko kuba mu itsida. Mbere y'uko dutangira, reka twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka icyo twize ubwo duheruka guhura?

Kugira Yesu n'ijambo rye nk'urutare rw'inzu yabo bitera itsinda gukomeza rikomeye.

Umukoro wa 1: zirikana imbaraga zo kuba mu itsinda

Kugira ibyo wagize umuco bishobora gukomera. Imana ishimwe, nturi wenyine—turi kumwe muri iri tsinda.

1A: Umva iyi mirongo yo mu Umubwiriza 4:9-12:

9Ababiri baruta umwe, kuko babona ibihembo byiza by'imirimo yabo, 10kuko iyo baguye umwe abyutsa mugenzi we, ariko uguye ari wenyine atagira umubyutsa, aba abonye ishyano. 11Maze kandi ababiri iyo baryamanye barasusurukirwa, ariko uri wenyine yasusurukirwa ate? 12Umuntu naho yanesha umwe, ababiri bo bamunanira, kandi umugozi w'inyabutatu ntucika vuba.

◇ Ni iki mwumvise muri iyi mirongo?

1B: Rema amatsinda ya batatu. Basangize inararibonye y'ubuzima bwawe mu:

- a. Gukorera hamwe mu itsinda ugana ku ntinzi;
- b. Kwakira ubufasha nyuma yo kugwa;
- c. Guhumurizwa igihe wumva ufite agahinda; ndetse no
- d. Kubona ubufasha cyangwa umutekano igihe watewe

cyangwa watsinzwe. Ufite iminota 10.

◇ Ni iki izi nkuru zikubwira kubirebana n'imbaraga zo kuba mu itsinda?

Sangiza abandi ibitekerezo byawe mu itsinda rigari. Turabyandika ku igipapuro kiriho inyito ivuga ngo: imbaraga zo kuba mu itsinda.

1C: Mwite ku ukuntu mwarushaho gufashanya.

- ◇ Ufite bitekerezo ki?
- ◇ Ni mpinduka ki mushobora gukenera kugira ngo mukore amabwiriza cyangwa inama kugira ngo murusheho gufashanya?

Umukoro wa 2: Mutekereze ku ruhare rw'Imana mu mibanire y'abagize itsinda

◇ Hagira abantu babiri b'abakoranabushake baza bakamfasha?

2A: Murebe urugero tugiye kubereka.

_____ (izina ry'umukorabushake 1): Goronzora utu duce 2 tw'umuguzi udufatanyije. Komeza udufashe kugira itsinda ribibone. Noneho, Rekura hepfo ku musozo. Ni iki kiba ku muguzi?

Imigozi ibohoka.

_____ (izina ry'umukorabushake 2): Bohekanya ibi bice by'umuguzi uko ari. Komeza ufashe kugira itsinda ribibone. Noneho, Rekura hepfo ku musozo. Ni iki kiba kuri iyo migozi?

Imigozi iragumana.

◇ Ese hagira umukoranabushake udusomera?

2B: Mwongera mutege amatwi iyi mirongo yo mu mubwiriza

Ababiri baruta umwe, kuko babona ibihembo byiza by'imirimo yabo, kuko iyo baguye umwe abyutsa mugenzi we, ariko uguye ari wenyine atagira umubyutsa, aba abonye ishyano. Maze kandi ababiri iyo baryamanye barasusurukirwa, ariko uri wenyine yasusurukirwa ate? Umuntu naho yanesha umwe, ababiri bo bamunanira, kandi umuguzi w'inyabutatu (3) ntucika vuba.

Umubwiriza 4:9-12

Mwibuke urugero rw'umuguzi.

◇ Ni iki mwumva muri iyi mirongo?

Iyi mirongo itangira ivuga abantu babiri, ariko igasoza ivuga umuguzi w'inyabutatu. Abantu babiri bashobora kurushaho gukomera bari kumwe. Ariko batatu bari kumwe bo bakomera cyane kurusha babiri. Kugira Imana ikabana n'itsinda "nk'umuntu wa gatatu" mu mibanire yacu biradukomeza ndetse bikatubohereye tukaba umwe.

2C: Shaka itsinda ryawe rigizwe n'abantu batatu na none. musengerane mukurikije ibyifuzo bya buri umwe. Mushime Imana kubw'ibihe mwasubijwemo imbaraga no gutanga cyangwa kwakira ubufasha mu itsinda.

Ureke itsinda risenge kumara iminota 10. nurangiza, usozanye isengesho.

Isomo rya 10: Gusenga⁴

INTEGO

Nitujya kugera ku musozo w'iri somo, abahugurwa baraba bamaze:

1. Kuganira ku akamaro k'isengesho
2. Batekereje ku ngero za Bibiliya ku gusenga
3. Bamaramarije agaciro ko gusengera itsinda

IMYITEGURO/ IBIKORESHO

- Amakaramu yandika ku bi papuro binini, igifata ibipapuro, (papiyekora), ibipapuro bitanditseho
- Bibiliya yera
- Amasengesho nyuma y'isomo (kopi za buri tsinda)
- Igipapuro kinini: Inzu y'amahame

IGIHE

Iminota 30

Iriburiro/Kwiyibuta

Uyu muni, turaza kuganira ku kamaro k'isengesho. Mbere y'uko dutangira, reka tubanze twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho ubwo duheruka guhura?

Kubana no gukorana bishobora kuduha imbaraga no guhirwa. Ariko, kugira Imana no kuba turi kumwe ubwacu "nk'umuntu wa gatatu" mu mugozi wacu bikomeza itsinda kandi bikatubohokanya.

Mu isomo rya nyuma, twakoresheje umwanya w'igice cya nyuma cy'isomo dusenga. Gusenga niwo mutwe w'isomo ry'uyu muni.

◇ Ese hagira umuntu udusengera dutangira uyu muni?

⁴Isomo ryashingiwe ku mukoro wiswe gukorana byanditswe na Susan Linderman, 2008.

Umukoro wa 1: Muganire ku kamaro k'isengesho

◇ Isengesho ni iki?

1A: Sangiza igisobanuro cyawe itsinda rigari nk'uko ubyumva

Isengesho ni uburyo bw'ingenzi bwo kuvugana n'Imana.

◇ Ni izihe mpamvu zishobora gutuma dukenera kuvugana n'Imana?

1B: Musabe ibisubizo byanyu.

1C: Mwigabanyemo amatsinda y'abantu 4. Musomere hamwe isengesho itsinda ryanyu rihabwa. Muganire kubyo umugabo cyangwa umugore arimo kubwira Imana. mufite iminota 10.

Noneho, turaza gusangizanya ibitekerezo byacu.

Umukoro wa 2: Maramariza agaciro ko gusengera itsinda

2A: ongera usuzume inzu y'amahame.

- ◇ Kuki isengesho isengesho rishyirwamo nk'igice cy'igisenge kirinda inzu?

Musangire ibitekerezo byanyu mu itsinda rigari.

- ◇ Ibi bishatse kuvuga iki ku mahame y'itsinda ryanyu?

Muganire ku bitekerezo byanyu mu itsinda rigari.

2B: Mutekereze kubyo mwize muri iri somo. Mumare iminota musenga bucece. Hanyuma, turaza gusengera hamwe dusoza.

Reka habeho iminota 5 yo gutuza. Hanyuma, musozanye n'isengesho.

Umugereka: Ingero z'amasengesho

Buri kazu kagomba gukatwa kagatandukanywa. Buri tsinda rigomba guhabwa akazu kamwe gusa.

Isengesho rya 1

“Umutima wanjye wishimire Uwiteka, Ihembe ryanjye rishyirwe hejuru n’Uwiteka. Akanwa kanjye kagukiye ku banzi banjye, Kuko nejeje n’agakiza kawe. “Nta wera nk’Uwiteka, Kuko nta yindi mana itari wowe, Kandi nta gitare kimeze nk’Imana yacu

1 Samweli 2:1-2, Hana

Isengesho rya 2

Uwiteka ni wowe mpungiraho, Singakorwe n’isoni, Unkize ku bwo gukiranuka kwawe. Untegere ugutwi utebuke unkize, Umbere igitare gikomeye, Inzu y’igihome yo kunkiza.

Zaburi 31:1-3, Dawidi

Isengesho rya 3

Nakwemereye ibyaha byanjye, Sinatwikiriye gukiranirwa kwanjye. Naravuze nti “Ndatirira Uwiteka ibicumuro byanjye”, Nawe unkuraho urubanza rw’ibyaha byanjye. Sela Ni cyo gituma umukunzi wawe wese akwiriye kugusengera igihe wabonerwamo, Ni ukuri umwuzure w’amazi y’isanzure ntuzamugeraho. Ni wowe bwihisho bwanjye uzandinda amakuba n’ibyago, Uzangotesha impundu zishima agakiza.

Zaburi 32:5-7, Dawidi

Isengesho rya 4

Ndabasabira. Sinsabira ab’isi, ahubwo ndasabira abo wampaye kuko ari abawe, kandi ibyanjye byose ni ibyawe, n’ibyawe na byo ni ibyanjye kandi nubahirijwe muri bo. Jye sinkiri mu isi ariko bo bari mu isi, naho jye ndaza kuri wowe. Data Wera, ubarindire mu izina ryawe wampaye, ngo babe umwe nk’uko natwe turi umwe. Nkiri kumwe na bo, nabarindiraga mu izina ryawe wampaye. Narabarinze, muri bo nta muntu wabuze ngo arimbuke, keretse umwana wo kurimbuka ngo ibyanditswe bisohore.

Yohana 17:9-12, Yesu

Isengesho rya 5

“Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe, Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk’uko biba mu ijuru. Uduhe none ibyokurya byacu by’uyu muni, Uduharire imyenda yacu, Nk’uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu, Ntudahane mu bitwoshya, Ahubwo udukize Umubi, Kuko ubwami n’ubushobozi n’icyubahiro ari ibyawwe, None n’iteka ryose. Amen.’”
Matayo 6:9-13, Yesu

Isengesho rya 6

Mose abwira Imana ati “Ndi muntu ki wahangara kwegera Farawo, ngo nkure Abisirayeli muri Egiputa?” Iramusubiza iti “Ni ukuri nzabana nawe, ibizakubera ikimenyetso yuko ari jye ugutumye, ni uko uzakura ubwo bwoko muri Egiputa, mugakorerera Imana kuri uyu musozi.” Imana ibwira Mose izina ryayo Mose abaza Imana ati “Ningera ku Bisirayeli nkababwira nti ‘Imana ya ba sekuruza banyu yabantumyeho’, bakambaza bati ‘Yitwa nde?’ Nzasubiza iki?”

Kuva 3:11-14, Mose

Isomo rya 11: Ubuyobozi⁵

INTEGO	<p>Nitujya kugera ku musozo w'iri somo, abahugurwa baraza kuba:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Bamaze kuganira ku ubuyobozi bw'itsinda ryo kwizigamira 2. Basuzumye amahame ashingiye kuri Bibiliya ajoyanye n'abayobozi b'itsinda ryo kuzigama 3. Bahisemo uko bafasha kandi bakabazwa n'abayobozi b'itsinda ryo kwizigamira.
IMYITEGURO/ IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yandikishwa ku bipapuro binini, ibifata ibipapuro, Impapuro zitanditseho • Ibice by'impapuro • Bibiliya yera • Imirongo n'iriburiro
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyu muni, turaza kuvuga ku ubuyobozi no kugira ugushinzwe/ukubaza. Mbere y'uko dutangira, reka twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho ubushize ubwo duheruka guhura?

Ingero z'amasengesho aboneka muri Bibiliya n'akamaro ko gusengera itsinda

⁵ Isomo ryahinduwe kuva umukoro witwa, Overcoming Barriers to Open Group Communication na Bill Baker.

Umukoro wa 1: Muganire ku ubuyobozi bw'itsinda

1A: Hamagara imbaraga z'abayobozi banyu b'itsinda— perezida, Umunyamabanga, n'umubitsi.

Ongeramo abandi bayobozi b'itsinda batavuzwe ku rutonde ruvuzwe haruguru.

- ◇ Ni gute buri umwe yagufashije?
- ◇ Ni iki bakora ubusanzwe?

Vuga ibitekerezo byawe mu itsinda rigari.

Reka dushimire abayobozi bacu tubakomera amashyi.

1B: Tekereza igihe abanyamuryango b'itsinda baba bafite ibibazo cyangwa ibyo bibaza bijyanye n'imikorere y'umuyobozi.

- ◇ Ni iki bakora?

Bigenda bite wenda umunyamuryango aramutse abonye umuyobozi akora ibintu bidakwiye—urugero, bashobora wenda kudakurikiza neza ihame ry'ingenzi.

- ◇ Ni iki umunyamuryango yakora icyo gihe?
- ◇ Kubera iki umunyamuryango yumva atavuga ibyo yabonye?

Kubangamira, kutigirira icyizere cyangwa kudasobanukirwa, cyangwa gutinya kubaza cyangwa guhinyuza umuyobozi watowe.

- ◇ Ni gute kutavuga uko ibintu bimeze bigira ingaruka ku itsinda?

Kuba itsinda ritayoborwa neza cyangwa gucungwa neza kw'ibyaryo, kutabasha kubaza abayobozi ibyerekeye inshingano bafite, gushyira umuco wo guhanahana amakuru buri cyumweru.

- ◇ Kuki umuyobozi ashobora kwirengagiza ibintu, akanga gusubiza, cyangwa agatanga igisubizo kituzuye ku munyamuryango w'itsinda umubajije ikibazo?

Ubwibone, guhinyuka kubwo kutamenya cyangwa gusobanukirwa, gukingira ikibaba umuyobozi mugenzi we, cyangwa ipfunwe ritewe n'ubumenyi bucyeye bw'umuyobozi.

Umukoro wa 2: Suzuma amahame ya Bibiliya ku bayobozi

2A: Mwigabanyemo matsinda ya batatu.

Bahe ingero z'amahame ya Bibiliya, 1 kuri buri tsinda.

2B: Mutegure ikinamico ijyanye n'umuntu mufite ku rupapuro. Mufite iminota 10 yo gutegura. Hanyuma, turaza kureba ikinamico ya buri tsinda

Murakoze kubwo gukoresha imbaraga no guhanga!

◇ Ni ayahe mahame ashingiye kuri Bibiliya mwabonye?

2C: Andika buri hame ku rupapuro. Hanyuma ubimanike ku rukuta. Wongeremo ikintu cyose ubona wakwigira ku mirongo ya Bibiliya iri ku rupapuro ufite. Nyuma y'iminota 3, turanyuramo tureba ibitekerezo by'abandi.

Umukoro wa 3: kwiyemeza uburyo bwo gushyigikira no kubaza abayobozi

3A: mu matsinda yanyu, muganire imbogamizi yose muzi ku buyobozi w'itsinda.

◇ Ni izihe ntambwe twatera kugira ngo dutsinde izi

mbogamizi? Muraba mufite iminota 5, hanyuma turaza kumva buri tsinda.

Kugira ngo tugire abayobozi beza kandi kugira ngo umwanya w'ubuyobozi uhore uhamye, abayobozi bagomba gushyigikirwa kandi bakabazwa

3B: Ufatanyije n'uwo muri kumwe, musenge kugira ngo itsinda ryanyu rijye rishyigikira kandi ribaze abayobozi kugira bakore neza inshingano zabo.

Reka habeho iminota runaka yo gusengar. Hanyuma usoze usenga.

Umugereka: ingero tubona muri Bibiliya

Buri kazu kagombye gukatwa kagatandukanywa. Buri tsinda rigomba guhabwa akazu kamwe gusa.

Itsinda 1

Yesu arabahamagara arababwira ati “Muzi yuko abami b’abanyamahanga babatwaza igitugu, n’abakomeye babo bahawe kubategeka. Ariko muri mwe si ko biri, ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw’imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu, nk’uko Umwana w’umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.” Yesu ahumura impumyi ebyiri.”
Matayo 20:25-28

Mubakorere mubyishimiye nk’abakorera Umwami wacu, mutari nk’abakorera abantu. Kuko muzi yuko umuntu wese iyo akoze ikintu cyiza azacyitwira n’Umwami, naho yaba imbata cyangwa uw’umudendezo.
Abefeso 6:7-8

Mose ni umuyobozi mukuru w’itsinda igihuru cyaka ryo kwizigamira. Mbere y’uko itsinda ryose riterana, yahamagaje inama y’abayobozi kugira ngo bategere ibijya ku murongo w’ibygwa no kuganira ku bibazo bishobora kuba byavuka. Niwe wabaye uwa mbere kugera aho inama ibera, n’uwa nyuma kuhava. Yasuye abantu batitabiraga inama cyangwa abakiri inyuma mu gutanga umusanzu wabo. Igihe cyose ahora yumva ibibazo by’abandi.

Itsinda 2

Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama

1 Abakorinto 1:10

Muhuze imitima, ntimukararikire ibikomeye ahubwo mwemere kubana n'ibyoroheje. Ntimukiyite abanyabwenge.

Abaroma 12:16

Iyo ubwibone buje isoni ziharako zikaza, Ariko ubwenge bufitwe n'abicisha bugufi.

Imigani 11:2

Petero, wari umunyamabanga w'itsinda ryo kwizigamira mu itorero rya mbere, arongeraga agasuzuma imyandiko mbere na nyuma ya buri nama. Iyo hagiraga umunyamuryango umukosora, ntabwo yajyaga impaka ahubwo yacishaga macye akaganira n'umunyamuryango ku kibazo afite.

Itsinda 3

Ijambo rya Kristo ribe muri mwe rigwiriye rifite ubwenge bwose, mwigishanye, muhugurane muri zaburi n'indirimo n'ibihimbano by'umwuka, muririmbirana Imana ishimwe mu mitima yanyu.

Abakolosayi 3:16

Ucyaha umuntu hanyuma azashimwa, Kuruta ufite ururimi rushyeshya.

Imigani 2:23

ahubwo tuvuge ukuri turi mu rukundo, dukurire muri we muri byose. Uwo ni we mutwe, ari wo Kristo.

Abefeso 4:15

Abanyamuryango b'itsinda Grace Covenant ryo kwizigama bemerera mu ubutabera, kubahana no gukundana. Bitoza kubwizanya ukuri mu rukundo bakosora abayobozi ndetse no hagati muri bo aho biri ngombwa. Igihe barimo gukosorana, baba bahamye ariko mu bugwaneza—ntabwo babikora kuburyo butera ukosorwa kumva asuzuguritse.

Isomo rya 12: Kwibuka 4— icyo ubuzima bwacu bwubakiyeho

<p>INTEGO</p>	<p>Nitujya kugera ku musozo w'iri somo, abahugurwa baraza kuba:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Batekereje ku cyo ubuzima bwacu bwubakiyeho 2. Baganiriye ku gaciro ko gukomeza kugira Imana ishingiro ry'ubuzima
<p>IMYITEGURO/IBIKORESHO</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yandikishwa ku bipapuro binini, ibifata ibipapuro, Impapuro zitanditseho • Bibiliya yera • Ifoto y'uruhinja (cyangwa ukoreshe umugereka x A)
<p>IGIHE</p>	<p><i>Iminota 30</i></p>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyu muni, turaza kuganira ku ishingiro/ipfundo ry'ubuzima bwacu. Mbere y'uko dutangira, reka twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho igihe duheruka guhura?

Mu isomo rya nyuma, twavuze ku buryo bwo gushyigikira abayobozi b'itsinda n'abayobozi b'itsinda nabo bagashyigikira itsinda.

Umukoro wa 1: Gutekereza ku cyo ubuzima bwabo bwubakiyeho

1A: Reba iyi shusho y'uruhinja.

◇ Ni gute wasobanura uko uruhinja rubaho buri muni—guhera mugitondo ukageza ninjoro?

kurira, kurya, gukina, kuryama

◇ Kuki uruhinja rurira?

Aba ashonje, atose, afite icyo ashaka ku babyeyi

◇ Ni buryo ki duhuje n'uru ruhinja tubonye mu ishusho?

◇ Ni iki kindi gikwiye kuba ipfundo ry'ubuzima bwacu kitari twe ubwacu?

1C: Saba ko bagusubiza.

Icyaha kitwoshya kwihugiraho tukikubira gusa. Igihe icyaha cyinjiye mu buzima bwacu, amafaranga, kugera kubyo wishakira ubwawe, ubutunzi bw'ibifatika, cyangwa ubucuti bubi bishobora guhinduka ibituraza ishingira. Iyo icyaha cyinjiye mu buzima bwacu, icyo gihe Imana ntiba ikiri ishingiro ry'ubuzima bwacu.

Umukoro wa 2: sobanura agaciro ko guhoza Imana ku ntebe y'ubutware nk'umugenga w'ubuzima

2A: Tega amatwi iyi mirongo yo mu Abaheburayo:

*Dusiganirwe aho dutegukwa twihanganye dutumbira Yesu wenyine,
ari we Banze ryo kwizera kandi ari we ugusohozwa rwose,
Abaheburayo 12:1b-2a*

Hindukirira uwo mufatanyaga umubaze

- ◇ Ni gute uyu murongo uyu murongo ushishikariza itsinda ryanyu guhoza Imana hagati nk'umutima wa byose?

Hanyuma turaza kumva buri tsinda.

2B: Iyemeze gukoresha ibi bitekerezo mu tsinda ryanyu ryo kwizigamira.

- ◇ Ni mpinduka ki ibi byaba bishatse kuvuga zikenewe mu mikorere y'itsinda ryacu cyangwa amahame arigenga?

Musangire ibitekerezo byanyu mu itsinda rigari.

Hanyuma turaza kubayandika ku mbonerahamwe yiswe: Imana nk'ishingiro ry'itsinda ryacu.

2C: Dusenge kugira ngo Uwitwika adufashe gukomeza ariwe tugize ishingiro n'impamvu y'iby dukora byose, yab umuntu ku giti cy'e ndetse n'itsinda ryacu.

Emerera abakoranabushake bamwe basenge. Nurangize usozanye isengesho.

Isomo rya 13: Gutekereza 5— Abo turi bo

INTEGO	Turagera ku musozo w'iri somo, abahugurwa bamaze: 1. Kwibuka ko twaremwe mu ishusho y'Imana 2. Kuganira ku cyo bivuze kube turi mu ishusho y'Imana
IMYITEGURO/IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yandikishwa ku bipapuro binini, Ibifata ibipapuro, ibipapuro bitanditseho • Bibiliya Yera
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/Kwiyibutsa

Uyu muni turaza kuganira ku abo turi bo. Mbere y'uko dutangira, reka tubanze twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho igihe duheruka guhura?

Twatekereje ku kintu ubuzima bwacu bwubakiyeho/bushingiyeho; twavuze ku akamaro ko guhoza Imana hagati nk'impamvu ya buri kintu.

Dukwiye guhoza Imana ku mwanya wa mbere nk'ishingiro rya byose mu buzima bwacu tubikoresheje kugirana umubano mwiza na Yo. Ariko kandi kimwe n'indi mibanire yose, ni ukuba umunyabwenge iyo tuzirikana abo turi bo.

Umukoro wa 1: gutekereza ku kuba twararemwe mu ishusho y'Imana

1A: Mu matsinda ya babiri, mubwirane amagambo nibura 3 wakoresha kugirango usobanure uwo uriwe.

1B: Umya uko itangiriro 1:27: havuga

Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye.

Itangiriro 1:27

◇ Ni iki mwumva muri uyu murongo ku uwo uri we?

Turaza kwandika bimwe mu bisubizo byanyu ku gipapuro kinini ahanditse ngo twaremwe mu ishusho y'Imana.

1C: Gereranya ibisubizo by'uko usobanukiwe uyu murongo n'ibisubizo byawe by'uko wiyitaga

◇ Ni iki ubona?

◇ Ni ibiki usanze bihuye ndetse n'ibitandukanye?

Kumenya ko twaremwe mu ishusho y'Imana bigira uruhare ku uburyo twibona.

◇ Ese bitumye wumva umeze ute?

Umukoro wa 2: Sobanura icyo bivuze kuremwa mu ishusho y’Imana

2A: mu matsinda y’abantu 3-4, mugaragaze icyo bivuze kuremwa mu ishusho y’Imana.

- ◇ Ni gute twasobanura abo turi bo?
- ◇ Ni gute dukwiye kwibona no kwifata?

Turaza kwandika ibisubizo byanyu ku gipapuro cyanditseho: icyo bivuze kugira ishusho y’Imana.

- ◇ Iyo urebye kuri uru rutonde, wumva biguteye kumva umeze ute?

2B: Sangiza itsinda rigari ukuntu abantu bo mu baturanyi banyu bazirikana abantu b’ingenzi cyangwa badasanzwe.

Reka uko abe ariko natwe twifata ndetse no ku bandi. Umuntu wese wo muri twe ntabwo asanzwe. Umuntu wese muri twe n’ingenzi. Umuntu wese muri twe ni uw’agaciro gakomeye kuko twaremwe mu ishusho y’Imana.

2C: mwiyeze gukoresha ibyo bitekerezo mwasangiye bijyanye n’itsinda ryanyu ryo kwizigama.

- ◇ Ese byaba bivuze iki ku mpinduka zikenewe mu bikorwa cyangwa amahame y’itsinda ryanyu?

Musangire ibitekerezo byanyu mu itsinda rigari.

2D: Dusenge kugira ngo Uwiteka adufashe kwifata nk’abaremwe mu ishusho ye no kugira impinduka mu buzima bwacu ndetse n’itsinda ryacu

Reka hagire abantu bafata akanya ko gusenga. Noneho usozanye n’isengesho.

Isomo rya 14: Imibanire ishyigikirana 2 – kurema itsinda rishyigikirana

INTEGO	<p>Turagera ku musozo w'isomo, abahugurwa bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuganira ku kuntu bakwita ku bibazo bya bagenzi babo mu itsinda babanyemo 2. Bakoresheje amahame yo kurema itsinda rishyigikirana
IMYITEGURO/ IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yandikishwa ku bipapuro binini, Ibifata ibipapuro, ibipapuro bitanditseho • Bibiliya Yera • Abafilipi 2:3-4 (kopi za bose)
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/kwiyibutsa

Uyu muni, tuvuga ku ukuntu hakenewe itsinda rishyigikirana. Mbere y'uko dutangira, reka twiyibutse.

◇ Ni nde wakwibuka ibyo twagezeho ubwo duheruka guhura?

Twibukiranyije icyo bivuze kuba turemwe mu ishusho y'Imana.

Kuba turemwe mu ishusho y'Imana ntabwo bihindura uko twibona gusa, ahubwo banahindura uko tubona, dufata, ndetse tubana n'abandi. NK'uko twifata nk'abantu baremwe mu ishusho y'Imana bityo dufite agaciro kandi tukaba dukwiye kubahwa niko n'abandi biri.

Umukoro wa 1: Muganire uko mwakwita ku bukene bwa buri umwe muri mwe mmibanire y'itsinda

1A: Tega amatwi icyo iyi mirongo yo mu Abafilipi 2:3-4. ivuga

- ◇ Hagira umukoranabushake udusomera?

Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

- ◇ Ni iki mwumva muri iyi mirongo?

Babwire basubize.

- ◇ Kubera iki Imana itubwira ibi?
- ◇ Ni ntambwe ki zigaragara twatera kugira ngo twumvire iyi mirongo twumvise?

1B: Babwire basubize.

- ◇ Kugira ngo twite neza ku bukene bwa buri umwe muri twe, ni myanzuro ki, amahame ki twahindura cyangwa kwiyemeza twakenera gukora nk'itsinda?

Turaza kwandika ibitekerezo byanyu ku gipapuro.

Umukoro wa 2: Amahame akurikizwa mu kurema itsinda rishyigikirana

2A: Twemeranye ku gitekerezo kimwe tugiye gushyira mungiro mu itsinda ryacu iki cyumweru.

◇ Ni ikihe mujyaho inama?

Imana ishaka ko abantu bayo babana neza, barangwa n'ubumwe bukomoka mu gufashanya. Ibi hakubiyemo gutekereza, kuvugana no gukorerana mu buryo bwubaka buri umwe muri twe mucyimbo cyo gusenyanana. Ibyo dukora nk'umuntu ku giti cye mu kuzirikana inyungu z'abandi bigira uruhare ku guhirwa kw'iri tsinda. Binyuze mu kubaho kw'Imana n'imbaraga z'Umwuka wera, Imana ikorera muri twe, iduha imbaraga n'ubushake byo kuyumvira.

2B: Ubu noneho, reka twese dufate mu mutwe imirongo yo mu Abafilipi:

Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

Abafilipi 2:3-4

2C: Dusengere hamwe kugira ngo uko duhanga amaso kuri Yesu kandi tuzirikana inyungu z'abandi, dushobore kubaha Imana mu itsinda ryacu.

Emerera abakoranabushake bamwe basenge. Hanyuma, usozanye isengesho.

Isomo rya 15: Ubusonga

INTEGO	<p>Turagera ku musozo w'iri somo, abahugurwa bamaze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gusuzuma uruhare rwabo nk'ibisonga 2. Baganiriye uburyo bukwiye bwo gukoresha amafaranga basohora 3. Bakomeje kwiyemeza kwabo kujyanye n'amafaranga batanga
IMYITEGURO/IBIKORESHO	<ul style="list-style-type: none"> • Amakaramu yandika ku bipapuro binini, ibifata ibifapuro, ibipapuro bitanditseho, ibice by'impapuro • Uduce tw'impapuro twanditseho "Ibyange," "icyange," "ibyacu," "Ibye" na "ibyanyu" • Bibiliya Yera
IGIHE	<i>Iminota 30</i>

Iriburiro/kwiyibutsa

Uyu muni, turaganira ku ubusonga/kuba igisonga. Mbere yo gutangira, reka twiyibutse.

◇ Ni inde wibuka icyo twagezeho ubushize ubwo duherutse guhura?

Kwita ku by'undi muntu nk'iby'ingenzi kurusha ibyacu bituma tugira ubumwe kandi bikubaka itsinda rikomeye.

Reka tuvuge imirongo yo mu Abafilipi 2:3-4 uko twayifashe mumutwe twese.

◇ Ni buryo nk'itsinda twashyize iki cyanditswe mu ngiro?

◇ Twitwaye dute ku kintu cya mbere twari twiyemeje icyumweru gishize?

Umukoro wa 1: Gusuzuma uruhare rwabo nk'ibisonga

1A: Tega amatwi inkuru ikurikira muri Luka 12:42-48.

◇ Ninde wa kwitanga agasoma?

Umwami Yesu aramusubiza ati “Ni nde gisonga gikiranuka cy’ubwenge, shebujya azasigira abo mu rugo rwe ngo abagerere igerero igihe cyaryo? Hahirwa uwo mugaragu shebujya azaza agasanga abikora. Ndababwira ukuri yuko azamwegurira ibyo afite byose. Ariko uwo mugaragu niyibwira ati ‘Datubujya aratinze’, agatangira gukubita abagaragu n’abaja, no kurya no kunywa no gusinda, shebujya w’uwo mugaragu azaza umunsi atamutegereje n’igihe atazi, azamucamo kabiri amuhanane n’abakiranirwa. “Kandi uwo mugaragu wari uzi ibyo shebujya ashaka, ntiyitegereye ngo akore ibyo ashaka, azakubitwa inkoni nyinshi. Ariko uwari utabizi agakora ibikwiriye kumuhanisha, azakubitwa nkeya. Uwahawe byinshi wese azabazwa byinshi, n’uweguriwe byinshi ni we bazarushaho kwaka byinshi.

◇ Ni iki cyabaye muri iyi nkuru?

Muvuge ibisubizo byanyu.

1B: Yesu yacaye uyu mugani kugira ngo yigishe abantu bamwumvaga.

◇ Mutekereza ko umutware uvugwa mu nkuru yaba ari nde?

◇ Umugaragu yaba ari inde?

◇ Inkuru isobanuye iki?

Musangize abandi ibitekerezo byanyu mu itsinda rigari.

1C: Mwumve uko iyi mirongo ivuga Zaburi 89:11:

Ijuru ni iryawe, isi na yo ni iyawe, Isi n’ibiyuzuye ni wowe wabishimangiye.

Mu matsinda mato, mwandike ibintu mwizera ko biri muri byose. Andika ibisubizo byawe ku urundi rupapuro rutandukanye. Noneho mubishyire kuri iki gipapuro kinini.

Ibimera, ibiti, inyamanswa, imibiri yacu, ingo, imitungo, amazi, igihe, ubutaka, abana

◇ Niba ibintu byose ari iby’Imana, inshingano yacu ni iyihe?

Muvuge ibisubizo byanyu

Ibisonga, abita kubandi, abagaragu, abafasha, abacunga ibintu

1D: Zirikana ko ibintu byose ari iby’Imana atari ibyawe kandi ibyo ubikore uvana imvugo nka ibyange, ni ibyange, na ni ibyacu mu mamagambo yawe ukoresha.

Shyira uduce tw’impapuro twanditseho ibyange, na ibyacu kurukuta hanyuma uhe abarimo guhugurwa impapuro zanditseho “ibye” “ibyawe”

Simbuza izi mvugo kuvuga uti ibye na ibyawe. Reka dufate udupapuro twanditseho ibyange na ibyacu maze tudutwikirize impapuro zanditseho ngo ibye na ibyawe

Kuzirikana Imana nka nyiri byose kandi nk’uzagaruka, dushobora gusobanukirwa umumaro wo kwita ku bintu byose neza ndetse no guhora tuyisaba ubufasha bwo kugira ngo dushobore gukoresha neza ubutunzi dufite.

Umukoro wa 2: Kuvuga ku buryo nyabwo bw'imikoreshereze y'amafaranga yabo

Tugomba no gukoresha amafaranga neza kugira ngo dufashe imiryango yacu ndetse dukomeze gusohoza ibyo twiyemeje birebana n'itsinda.

2A: Zirikana ibishobora kubaho igihe bigenze gutya:

Umunyamuryango w'itsinda ryo kwizigama asabye kugurizwa amafaranga yo gushora mu iduka rye biremezwa. Amaze kuyabona igice kimwe cyayo akiguriramo umwuzukuru we igikinisho, arongera afata igice nawe yiguriramo ikanzu, asigaye ayashora mu iduka

◇ Ni bibazo ki ashobora guhura na byo nk'ingaruka z'imikorere ye?

2B: Saba ko baganirira mu itsinda rigari basubiza uko babyumva.

Ashobora kugira ibibazo byo kwishyura itsinda ryacu. Ashobora kwirengagiza itsinda. Itsinda ryacu rishobora kubabara. Bishobora kudukomerera kumva dushaka gusenga.

Zirikana inguzanyo uhabwa n'ikigega cyo kwizigama nk'umutungo w'Imana. Tubaye ibisonga byiza ku nguzanyo, byadufasha kurushaho kubaka imibanire myiza hagati yacu. igihe bitabaye bityo byadutera ibibazo mumibanire yacu ndetse n'imibanire n'Imana.

Umukoro wa 3: Kongera gukomeza ukwiyemeza kwabo ku birebana no kwishyura amafaranga

Mu gihe cyo kurema itsinda cyangwa gushyiraho amahame, twarasenze kandi tugira ukwiyemeza ku birebana n'imikoreshereza y'amafaranga no kwishyura inguzanyo.

3A: Mutekereze kuri uyu mwanzuro. Fata iminota usenge utuje kugira ngo Imana iguhe kumenya uko wakoresha amafaranga y'inguzanyo. Ongere uhamye kwiyemeza kwawe mu mutima wawe. Ongera ubivugurure niba ariko Imana ikuyobora.

3B: Uko wumva bitakugoye, vuga icyo wumva Imana igusaba gukora kijyanye n'amafaranga ugurizwa. Sangiza abandi ibiterezo byawe mu itsinda rigari uko wumva uyoborwa.

Nk'abanyamuryango biri tsinda kandi abana b'Imana, tugomba gufashanya kugirango tube ibisonga byiza ku mafaranga yacu.

Murakoze abakurikira amahugurwa. *Musozanye isengesho.*

Imwe mu mirongo ngenderwaho ya nyuma mu gatabo kigisha birebana n'itsinda ryo kwizigama

Igice D: Amahugurwa ahoraho

Ni nde ukwiye kwitabira amahugurwa ahoraho?

Aya masomo yateguriwe abanyamuryango b'itsinda runaka ryo kwizigama. Ubwo aya mahugurwa yateguriwe gufasha abanyamuryango b'itsinda ryo kwizigamira kugira imibanire myiza ubwabo ndetse n'Imana, umuntu ku giti cye, abandi ndetse n'ibyaremwe, ni byiza cyane ko amahugurwa akorerwa itsinda rimwe rimwe rigakurikirana ibyiciro byose by'amasomo.

Intego y'amahugurwa ahoraho ni iyihe?

Amasomo cumi n'atanu ari muri iki gice afasha itsinda kwimbika mu gusobanukirwa no gukoresha urugo rw'amahame kugira ngo itsinda rishobore gukora neza mu byerekeye umutungo, risangira ijamba ry'Imana, rifasha abanyamuryango baryo kwimakaza imibanire yimbitse, imibanire ishyigikirana hagati mu banyamuryango b'itsinda. Uru ruhererekane rw'amasomo mu mahugurwa ahoraho y'abanyamuryango b'itsinda agaragaza igice gikomeye cyane cy'uyu murimo, kuko ariho abanyamuryango bashobora guhindurwa no guhangarwa no guhinyuzwa n'Imana, ijamba ryayo n'ubushake bwayo. Kuri iyi ngingo, birashoboka cyane ko amatsinda mashya yahindutse nk'ayandi, andi bimeze kimwe mu gice akoreramo. Ibi ntabwo buri gihe bivuze ko ari bibi, ariko ibyiringiro nuko aya matsinda yo kwizigama yazaba amatsinda ahesha Imana icyubahiro kandi agakora nk'igikoresho itorererako rikoresha umurimo w'ubwiyunge.

Ni izihe ntego z'amasomo atangwa mu mahugurwa ahoraho?

Amasomo y'urugo rw'amahame

Intego z'amasomo zigenda zishingira ku ahantu hameze, ariko byose byibanda ku gice cy'urugo rw'amahame (Yesu n'ijamba rye, icyizere, umuco, gukorera mumucyo, ubuyobozi, gusenga, gutekereza, imibanire ishyigikirana, no kuba ibigisonga). Ku musozo wa buri somo, abanyamuryango b'itsinda ryo kwizigamira baba bagombye gusobanukirwa imikorere ya buri gice cy'inzu/urugo kandi bakabikoresha mu itsinda ryabo n'amahame ngenga mikorere yaryo ndetse no mu buzima bw'umuntu ku giti cye.

Gusesengura no gukoresha inzu y'amahame ntabwo biha imbaraga imikorere y'itsinda gusa ahubwo bishobora no gutuma abanyamuryango b'itsinda bakura mumibanire yabo n'Imana, ubwabo, abandi, n'ibindi byaremwe byose. Aya masomo agaragaza imibonere ishingiyeye kuri Bibiliya kuri buri hame. Iki gashyamba ni kugira ngo abantu babone icyo bivuze kandi byuzuye imbaraga gukurikiza ijamba ry'Imana mu buzima bwabo. Aya masomo ni urugero rw'uburyo ijamba ry'Imana ryashyirwa mu mikorere y'itsinda ryose ry'iby'amafaranga. Hamwe na hamwe, isomo rifata ihame rya Bibiliya ryaganirwagaho ujanishije n'imikoresheze y'amafaranga izana guhirwa hanyuma hakagaragazwa uburyo byakomeza iryo hame rigashyirwa no mu buzima bw'umuntu ku giti cyeye.

Guhugura abantu binjiza make mu byerekeye ubucuruzi, urugo n'ubuzima

Ibi bitabo icyenda by'amahugurwa birimo amasomo hagati ya 6-8 muri buri gitabo ni amahugurwa akomeza bihozeho ariko atanga ubumenyi mu bijyanye no gutegura umushinga no kuwucunga, gucunga umutungo w'urugo n'izindi nyigisho ku buzima. Insanganyamatsiko eshatu nyamukuru zashyizwe muri aya mahugurwa ni kwiha agaciro, ubusonga, n'umuco. Izi nsanganyamatsiko eshatu ni ibintu by'ingenzi mu gushishikariza/gukuzwa imibanire yunzwe kandi bakagira uruhare mu guhindurira abantu bakennye kugira imibonere y'ubuzima ishingiyeye kuri Bibiliya. Ibi bitabo by'amahugurwa byose bikora ku kibazo cyo kubona ubuzima nk'ikintu kigenda kibaho gusa ntawe ubigizemo uruhare akaba ariyo myumvire yaganjije abantu benshi cyane abekene cyane. Abahugurwa bagira amahirwe yo kongera bagatekereza ku mpamvu zituma bafata uko bifata n'imyitwarire ijyanye n'ubuzima bwiza, ubucuruzi no gucunga umutungo, barangiza bagatera intambwe yo guhangana n'ubukene n'imyumvire ivuga ko ubuzima buba uko bushatse nta ruhare ubigizemo mumibereho yabo kandi bakabikora bajyanisha n'uko bameze hakoreshejwe uburyo bukoreka—cyaba binyuze mu gukemura ikibazo cyangwa gukoresha ubumenyi bushya umuntu yungutse.

Ni iyi mpamvu yihishe inyuma y'iyi mitangirwe y'amahugurwa y'amasomo atangwa bihoraho?

Iki gice gikoresha amasomo magufi kandi yoroshye hagamijwe gushishikariza abantu kugira ibiganiro no kugira uruhare kw'abahugurwa binyuze mu gukoresha amahame n'imyitozo y'abantu biga bakuze. (Reba ku mugereka A) hakoreshwa uburyo bwinshi bunyuranye mu rwego rwo kugerageza kugera ku bantu benshi hakoreshejwe uburyo bwo kwiga butandukanye. Amasomo ateguwe hakurikijwe uko akurikirana kandi akagenda yubukiranaho. Birashoboka, ariko kandi, ko habaho umutwe w'isomo ushobora kuba ariwo wafasha itsinda runaka mu gihe runaka baba barimo hagamijwe gukemura imbogamizi runaka baba bafite cyangwa ikindi kintu baba bahangayikishijwe nacyo ku banyamuryango b'itsinda cyangwa niba hari ihame

runaka ritarimo kubahirizwa mu itsinda. Aya masomo yateguwe uburyo agomba korohera aantu kandi akumvikana habe niyo yaba ku bantu bafite icyiro cy'amashuli kiri hasi. Ariko, amasomo abaye asa n'agikomereye bamwe, umufashamyumvire w'itorero akwiye gushaka uburyo ayaroshya ndetse n'imyigishirize kandi akayajyanisha n'aho abantu bari.

Amasomo menshi yereka amahirwe abayobozi b'amatsinda yo kwizigama bagatekereze ku mahame yabo hanyuma bagakora impinduka zikwiriye. Izi mpinduka zifasha itsinda ryo kwizigamira gukoresha inzu y'amahame mu mirongo ngenderwaho yabo. Umufashamyumvire w'itorero agomba kumenya neza ko bakurikiza amabwiriza agenga itsinda bakora impinduka.

Ibitoroshye rusange mu gukora aya mahugurwa ahoraho ni ibihe?

Gutuma ishyaka ry'abanyamuryango riguma ku rwego rwiza

N'ubwo amasomo afasha kubaka no gukomeza itsinda, hari abanyamuryango bamwe bashobora gusa n'abadashishikajwe n'iki gice cyo guhura kw'itsinda. Imana niyo yonyine ishobora guhindura imitima, bityo rero fata umwanya usenge kugira ngo abantu babone umumaro w'amasomo mu itsinda ryabo kandi kugira ngo Imana ihe umufashamyumvire amagambo akwiye kuvuga. Ni ingenzi cyane kugerageza kwegera cyane abanyamuryango bahugurwa hashimangirwa muri buri somo ko aribo banyiri tsinda akaba ariyo mpamvu bafite inshingano yo kurigira itsinda ry'akataraboneka uko bishoboka. Umufashamyumvire kandi agombye gukoresha neza igihe ku buryo atarenza iminota 30 iba yagenwe. Niba umufashamyumvire abona ko bishobora kurenza iminota 30, icyo gihe akwiye gushaka uko asoza ariko isomo akazarisoza neza mu mahugurwa y'ikindi gihe.

Bigenda bite nyuma yo gukora amahugurwa ahoraho amasomo yose atanzwe mu itsinda?

Amasomo 15 yateguriwe gushoboza abanyamuryango b'itsinda kugira gusobanukirwa kuzuye no gukoresha inzu y'amahame gukomeza imiterere y'itsinda no gushyika ku rugero rw'aho ibintu byungikanya neza. Andi masomo nayo yaba ari ingirakamaro igihe akomeza gutuma habaho urubuga rwo kungurana ibitekerezo bitandukanye no gukoresha inzu y'amahame bigahinduka ibintu byikora. Ku matsinda ahura buri cyumweru cyangwa kabiri mu cyumweru kumara umwaka, umufashamyumvire ashobora kugabanyamo kabiri buri somo cyangwa kubakira cyangwa kwimbika kuri buri hame mu bundi buryo. Amasomo kandi ashobora gusubirwamo cyangwa kurushaho gushimangirwa uko byaba bikenewe kugira ngo hashimangirwe ihame runaka.

SCAs: Ni iki kiri mu izina?

Amahuriro yo kwizigamira (amahuriro yo kwizigamira no kugurizanya, SCAs) wayasanga ku isi hose kandi ni ko yitwa amazina atandukanye mu bice n'ibihugu bitandukanye. urugero:

Africa

- Benin: Asusu, Yissirou, Ndjonu, Tontine
- Botswana: Motshelo, beer parties
- Burkina Faso: Tontine, Tibissiligbi, Pari, Song-taaba
- Burundi: Upato (in Kiswahili)
- Cameroon: Jangi, Ujangi, Djana, Mandjon, Djapa, Tontine, Djanggi, Njanggi, Ngwa, Ntchwa
- Egypt: Gameya, Jam'iyya
- Ethiopia: Ekub, Ikub
- Gabon: Bandoi
- The Gambia: Osusu, susu, esusu, Compin
- Ghana: Susu, Nanamei akpee, Onitsha, Nnoboa
- Ivory Coast: Tonton, Tontine, Moni, Diaou Moni, War Moni, Djigi Moni, Safina, Akpole wule, Susu, Aposumbo, Kukule, a tche le sezu, Komite, n'detie, m'bgli sika, Monu, mone
- Kenya: Mabati, Nyakinyua, Itega, Mkutano ya wanwake, Mkutano ya wazee
- Liberia: Esusu, susu, sau
- Madagascar: Fokontany
- Mali: Pari
- Mozambique: Upato, Xitique
- Niger: Adasse, Tomtine, Asusu
- Nigeria: Esusu, Osusu, Enusu, Ajo (Yoruba), Cha (Ibo), Oha, Oja, Adashi (Hausa, Tiv), Bam (Tiv), Isusu (Ot), Utu (Ibo), Dashi (Nupe), Efe (Ibibios), Oku (Kalabari Ijawas), Mitiri, Compiri, Club (Ibo)

- Congo, PR: Temo, Kitemo, Ikilemba, Kikedimba, Kikirimbahu, Likilimba, Efongo Eambongo, Otabaka, Ekori, Otabi
- Senegal: Tontine, Nath
- Sierra Leone: Asusu, Esusu
- Somalia: Haghad, Shaloongo, Aiuto
- South Africa: Chita, Chitu, Stokfel, Stockfair, Mahodisana, Motshelo, Umangelo
- Sudan: Khatta, Sanduk, Sandook Box
- Swaziland: Stokfel
- Tanzania: Upato, Fongongo
- Tchad: Pare
- Togo: Soo, Tonton, Sodzodzo, Sodyodyo, Abo
- Tunisia: Noufi, Sanduk
- Uganda: Chilemba, Kirembe, Upato, Kwegatta
- Zaire: Ikelemba, Osassa, Bandoi, Kitemo, Kitwadi, Adashi, Tontine, Bandal
- Zambia: Icilimba, Upato, Chilenba
- Zimbabwe: Chilemba, Stockfair, Kutunderrera Asia
- Bangladesh: Samity
- Cambodia: Tontine
- China: Lun-hui, Yao-hui, Piao-hui, Hui, Ho-hui, Foei-Tsjing
- Hong Kong: Chinese types and Chit clubs
- India: Kameti, Kuri, Chitty, Chit funds, Vishi, Bishi, Nidhi, Committee
- Indonesia: Arisan, Paketan Daging, Paketan Kawinan, Mapalus, Bajulo julo, Jula-jula, Mengandelek
- Japan: Ko, Kou, Miyin, Mujin, Musin, Tanamoshi
- Korea: Keyes, Kyes, Mujin, Ke
- Lebanon: Al-tawfir el medawar
- Malaysia: Kutu, Kootu, Kongsi, Tontine, Hui, Main, Kut
- Nepal: Dhikur, Dhituti

- Pakistan: Committee, Bisi, Kistuna
- Papua New Guinea: Hui, Sande
- Philippines: Paluwagan, Turnohan
- Singapore: Tontine, Kutu
- Sri Lanka: Chit Funds, Cheetu/Sheetu, Sittu Danawa, Situ Mudal, Sittu Wendesiya
- Taiwan: Hui
- Thailand: Chaer, Hui, Hue, Pia Huey, Len Chaer
- Vietnam: Hui, Hui Thao, Hui hue hong, Hui bac (ho), Yi hui
- Yemen: Hacba

Amerika y'Epfo, Karayibe na Pasifika

- Bahamas: Esu
- Barbados: Meetings
- Belize: Syndicate, Tanda
- Bolivia: Pasanacu
- Brazil: Consorcio, Pandero, Syndicates
- Curacao: Sam, Hunga sam
- Dominican Republic: San
- Guatemala: Cuchubal, Cuchuval
- Guyana: Throw a box, Boxi money
- Jamaica: Partners, (Throw a) Box, Susu
- Mauritius: Pool, Cycle, Sheet
- Mexico: Tanda, Cundina, Mutualista ...
- Panama: Pandero
- Peru: Pandero
- Surinam: Kasmonie
- Tobago: Susu
- Trinidad: (E)susu, Sou sou, Hui, Chitty

- West Indies: Susu
- Western Samoa: Pelagolagomai

Byemewe kuva:

Bouman, F.A.J., "ROSCA: On the Origin of the Species" Savings and Development
Volume XIX, No.2, 1995, pp. 129